Urwego rw'Igihugu rw'imiyoborere
RGB
Rwanda Governance Board

# Raporo y'ibikorwa y'umwaka 2018-2019

# Gahunda y'Ibikorwa y'umwaka 2019-2020


**URWEGO RW'IGIHUGU RW'IMIYOBORERE**

www.rgb.rw @GovernanceRw info@rgb.rw P.O Box 6819, Kigali


Nzeri, 2019

# RAPORO Y' IBIKORWA Y' UMWAKA
2018-2019

# GAHUNDA Y'IBIKORWA Y'UMWAKA
2019-2020

# IJAMBO RY'IBANZE

Mu izina ry'Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere (RGB) no mu izina ryanjye bwite nejejwe no kubagezaho Raporo y'Ibikorwa y'Umwaka w'Ingengo y'Imari wa 2018-2019 na gahunda y'ibikorwa y'umwaka w'ingengo y'imari wa 2019-2020. Nk'uko biteganywa n'itegeko, RGB igomba gushyikiriza buri mwaka Perezida wa Repubulika n'Inteko ishinga amategeko imitwe yombi gahunda na raporo z'ibikorwa byayo no guha kopi Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga na Minisitiri w'Intebe.

Ni ku nshuro ya gatatu RGB itanze raporo y'ibikorwa kuva inshingano zayo zavugururwa ikaba urwego rwigenga, rufite ubwisanzure mu mikorere. Iyi raporo igaragaza uko Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere rwashyize mu bikorwa ibyari biteganyijwe mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2018-2019. Iyi raporo kandi irerekana ibibazo bikeneye kwitabwaho mu nzego zitandukanye nk'uko byagaragajwe n'ubushakashatsi n'igenzura bya RGB.

Ibikorwa byari biteganyijwe byashyizwe mu bikorwa ku gipimo cya 98%. Ingengo y'imari yari iteganyijwe yakoreshejwe ku kigero cya 95.5%. Ndashimira abayobozi n'abakozi ba RGB bakoranye umurava kugira ngo ibi bigerweho nkaba ntashidikanya ko bazakomeza kurangwa n'umuco w'ubudashyikirwa, ubunyangamugayo no gukorera hamwe nk'uko biri mu mahame ngenderwaho ya RGB. Ibyagezweho kandi RGB ibikesha ubufatanye n'izindi nzego zaba iza Leta, iz'Abikorera, Imiryango itari iya Leta, Imiryango ishingiye ku myemerere n'itangazamakuru.

Mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2019-2020, ibikorwa bya RGB bizibanda ku kugenzura imitangire ya serivisi mu nzego zose, gukora ubushakashatsi bushingirwaho hategurwa ingamba zo guteza imbere umuturage no gushimangira ubufatanye hagati y'inzego za Leta, iz'Abikorera, Imiryango itari iya Leta n'Imiryango ishingiye ku myemerere. Ubu bufatanye bwitezweho kongera ingufu mu mpinduka nziza mu mibereho y'abaturage. Mu bikorwa byose bya RGB tuzaharanira ko umuturage aza ku isonga bityo dutange umusanzu mu guha abaturage ibyo badutezeho.

Turashima Guverinoma y' u Rwanda yafashije RGB gushyira mu bikorwa ibyo yari yateganyije gukora mu mwaka wa 2018-2019 iyigenera ingengo y'imari binyuze muri Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi. Turashimira kandi abafatanyabikorwa ku nkunga bahaye RGB yaba iy'amafaranga na tekiniki byatumye ibasha gushyira mu bikorwa gahunda n'imishinga bitandukanye. Turabasaba kandi ko ubu bufatanye bwakomeza ndetse bukarushaho gutera imbere kugira ngo ibikorwa biteganyijwe bizarusheho guhindura ubuzima bw'abaturage.

**Dr. Usta Kaitesi**
**Umukuru w'Urwego**

# IGIPIMO CY'IMIYOBORERE MU RWANDA (RGS YA 6)

## IYUBAHIRIZWA RY'AMATEGEKO: 84.70

- Imikorere y'ubucamanza: 88.34
- Imikorere y'ubushinjacyaha: 91.81
- Kubona ubutabera ku gihe: 71.70
- Imikorere y'inteko ishinga amategeko: 91.44
- Ikoreshwa ry'ikoranabu-hanga mu butabera: 80.23

## UBURENGANZIRA MU BYA POLITIKE N'UBWISANZURE BW'ABATURAGE: 85.17

- Demokarasi n'ubwisanzure: 84.25
- Uruhare rw'imiryango itari iya Leta mu gushyiraho politiki: 74.30
- INDICATOR 3 Imikorere y'imitwe ya politike: 94.08
- Kubona amakuru afitwe n'inzego za Leta: 86.83
- Iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu n'iry'amasezerano mpuzamahanga: 86.41

## IMIYOBORERE ABATURAGE BAGIZEMO URUHARE KANDI IDAHEZA: 73.00

- Uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa: 72.68
- Kwegereza ubuyobozi n'ubushobozi abaturage: 64.62
- Uruhare rwa sosiyete sivile: 70.77
- Uburinganire mu nzego z'ubuyobozi: 75.43
- Gusaranganya ubutegetsi: 81.50

## UMUTEKANO: 94.29

- Kubungabunga umutekano: 91.96
- Umutekano rusange w'Igihugu: 99.40
- Umutekano w'abantu n'ibintu: 91.82
- Ubumwe, ubwiyunge n'imibanire y'abanyarwanda: 93.99

# IGIPIMO CY'IMIYOBORERE MU RWANDA (RGS YA 6)

## KUZAMURA IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE — 68.53

- Uburezi: 66.71
- Ubuzima: 78.92
- Gahunda zo kuzamura imibereho myiza y'abaturage: 61.21
- Guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ikirere no kubungabunga ibidukikije: 67.26

## KURWANYA RUSWA NO GUKORERA MU MUCYO — 84.28

- Ibyaha bijyanye na ruswa: 82.83
- Kurwanya ruswa: 77.1
- Gukorera mu mucyo: 90.29
- Kugaragariza abaturage ibibakorerwa: 86.9

## IREME RY'IMITANGIRE YA SERIVISI — 70.54

- Serivisi z'imiyoborere n'ubutabera: 79.03
- Serivisi zo kwita ku mibereho myiza y'abaturage: 68.54
- Serivisi z'ubukungu: 62.82
- Serivisi mu rwego rw'abikorera: 71.77

## IMIYOBORERE MU BUKUNGU N'UBUCURUZI — 76.43

- Ibipimo by'ubukungu: 75.61
- Guteza imbere ubucuruzi mpuzamahanga n'inganda: 60.21
- Guteza imbere ishoramari: 87.92
- Guteza imbere Ubucuruzi buciritse n'urwego rw'abikorera: 81.85
- Imicungire y'ibigo by' ubucuruzi: 76.56

| Amanota | Umwanya (mu mabara) |
|---|---|
| 80-100 | Icyatsi |
| 60-79.9 | Umuhondo |
| 40-59.9 | Icunga |
| 0-39.9 | Umutuku |

## CRC 2019, UKO ABATURAGE BASHIMA UTURERE

| Nº | Akarere | CRC 2019 (%) | Impinduka (%) |
|---|---|---|---|
| 1 | Rulindo | 74.64% | 0.65% |
| 2 | Gicumbi | 74.01% | 1.52% |
| 3 | Burera | 73.93% | 1.40% |
| 4 | Kamonyi | 73.86% | -0.38% |
| 5 | Gakenke | 73.57% | 3.19% |
| 6 | Rwamagana | 73.54% | -3.16% |
| 7 | Musanze | 72.82% | 4.01% |
| 8 | Nyarugenge | 71.82% | 0.62% |
| 9 | Rutsiro | 71.74% | 5.46% |
| 10 | Bugesera | 71.67% | 0.41% |
| 11 | Ngoma | 71.65% | 1.06% |
| 12 | Kirehe | 71.49% | 2.38% |
| 13 | Nyabihu | 71.40% | 1.50% |
| 14 | Gasabo | 71.37% | 1.06% |
| 15 | Rusizi | 71.24% | 4.84% |

| Nº | Akarere | CRC 2019 (%) | Impinduka (%) |
|---|---|---|---|
| 16 | Ngororero | 71.21% | 9.76% |
| 17 | Nyamasheke | 71.17% | 3.05% |
| 18 | Nyaruguru | 70.83% | 1.84% |
| 19 | Karongi | 70.11% | 6.27% |
| 20 | Gisagara | 69.73% | -1.23% |
| 21 | Muhanga | 69.57% | 3.40% |
| 22 | Ruhango | 68.68% | 2.20% |
| 23 | Nyagatare | 67.81% | 1.64% |
| 24 | Nyamagabe | 67.49% | 7.92% |
| 25 | Nyanza | 67.12% | -3.35% |
| 26 | Rubavu | 66.95% | -5.28% |
| 27 | Huye | 66.77% | -2.93% |
| 28 | Kicukiro | 66.60% | -1.69% |
| 29 | Gatsibo | 63.89% | -4.98% |
| 30 | Kayonza | 62.31% | -6.67% |

## CRC 2019, UKO ABATURAGE BASHIMA HAKURIKIJWE IBYICIRO BYAKOREWEHO UBUSHAKASHATSI

| Nº | IBYICIRO | CRC_2019 (%) | Impinduka (%) |
|---|---|---|---|
| 1 | UMUTEKANO | 89.4% | 1.4% |
| 2 | IYUBAHIRIZWA RYAMAHAME N'IMIYOBORERE N'UBURENGANZIRA BWA MUNTU | 88.5% | 1.0% |
| 3 | UMURYANGO N'IBIBAZO BY'IHOHOTERWA | 77.1% | 5.2% |
| 4 | UBUTABERA | 76.4% | 0.0% |
| 5 | URUHARE RW'ABATURAGE | 73.1% | -2.8% |
| 6 | UBUZIMA | 72.9% | 2.1% |
| 7 | INZEGO Z'IBANZE | 71.3% | -0.7% |
| 8 | ISUKUN'ISUKURA | 69.2% | 1.0% |
| 9 | GAHUNDA ZITSURA IMIBEREHO MYIZA | 67.3% | -0.9% |
| 10 | UBUTAKA N'IBIDUKIKIJE | 63.9% | 0.5% |
| 11 | URWEGO RW'ABIKORERA | 63.8% | -0.6% |
| 12 | UBUREZI | 63.6% | -0.4% |
| 13 | UBWOROZI | 62.7% | 5.0% |
| 14 | IBIKORWAREMEZO | 61.7% | 0.4% |
| 15 | UBUHINZI | 55.0% | 5.6% |

# IBIRIMO

Ijambo ry'ibanze ... IV
Ibirimo ... .IX
Urutonde rw'amashusho ... XII
Urutonde rw'amakarita ...XIII
Urutonde rw'imbonerahamwe ...XIII
Ibisobanuro by'amagambo mpine ... XV
Incamake ...17

INTANGIRIRO ...22

IGICE CYA 1: ... 25
Ibyakozwe mu mwaka wa 2018 – 2019 ...25
1.1. Ubushakashatsi ku miyoborere ...25
1.1.1. Ubushakashatsi bwihariye ku miyoborere (applied governance) ...25
1.1.1.1. Igipimo cy'imiyoborere mu rwanda (RGS) ...25
1.1.1.2. Ishusho y'uko abaturage babona imiyoborere n'imitangire ya serivisi mu Nzego zibegereye (CRC) ...30
1.1.2. Ubushakashatsi ku buryo bw'umwimerere bwo kwishakamo ibisubizo ...34
1.1.2.1. Ubushakashatsi kuri serivizi z'irembo ...34
Ibyavuye mu bushakashatsi...34
1.1.2.2. Ubushakashatsi kuri serivisi z'umurenge sacco n' umwalimu sacco ...36
1.1.2.3. Ubushakashatsi bugamije kwemeza uburyo bw'umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo ... 38
1.1.3. Ikoranabuhanga mu miyoborere no gusesengura ibyegeranyo mpuzamahanga bivuga ku rwanda ... 40
1.1.3.1. Gukoresha urubuga nkusanyamakuru ku miyoborere mu rwanda(local governance profile center, LGPC) ... 40
1.1.3.2. Kugaragaza ubushakashatsi bwa rgb hifashishijwe ikoranabuhanga (digital platform) ... 41
1.1.3.3. Gutanga uburenganzira bw'ibanze no gukurikirana inyigo n'ubushakashatsi bikorerwa mu rwanda ku miyoborere. ... 41
1.1.3.4. Gusesengura ibyegeranyo mpuzamahanga bivuga ku rwanda ... 41
1.2. Uburyo bw'umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo ... 42
1.2.1. Gushyiraho urubuga rw'ikoranabuhanga rwo gusangiza abandi amakuru avuga ku buryo bw'umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo (Digital platform) ... 42
1.2.2. Kugaragaza ahabumbatiye ibimenyetso n'ibikorwa by' umwimerere nyarwanda wo kwishakamo ibisubizo (homegrown solutions sites identification) ... 43
1.2.3. Kwandikisha no kurinda uburyo bw'umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo ...43
1.2.4. Kwandikisha no kurinda uburyo bw'umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo ku rwego mpuzamahanga ... 43
1.3. Imitangire ya serivisi, imiyoborere myiza n'ihuriro ry'abafatanyabikorwa Mu iterambere ry'akarerere (JADF) ... 44
1.3.1. Imitangire ya serivisi ... 44

1.3.1.1. Igenzura ry'imitangire ya serivisi mu nzego za leta, iz'abikorera n'imiryango itari iya leta ........................44

Iii

1.3.1.2. Igenzura ry'imitangire ya serivisi mu nzego zihariye ........................................................................................ 50
1.3.1.3. Imitangire ya serivisi zo kugeza amazi ku baturage ........................................................................................ 54
1.3.1.4. Gukora ubukangurambaga ku mitangire ya serivisi binyuze muri gahunda ya "nk'uwikorera" . .............57
1.3.2. Guteza imbere amahame y'imiyoborere myiza no guhuza ibikorwa bya JADF............................................. 57
1.3.2.1. Gahunda yo kugenzurana no kwigiranaho (peer review and peer learning)............................................. 58
1.3.2.2. Gahunda y'ukwezi kw'imiyoborere (nzeri n'ukwakira 2018) ........................................................................ 60
1.3.2.3. Guhuza ibikorwa no gukurikirana amarushanwa "umurenge kagame cup 2019" .....................................63
1.3.2.4. Gahunda y'imiyoborere twifuza ........................................................................................................................ 64
1.3.2.5. Gukurikirana amatora y'abagize inteko ishingamategeko umutwe w'abadepite ......................................65
1.3.2.6. Igenzura ry'ishyirwa mu bikorwa rya gahunda yo kongera ubushobozi mu nzego z'ibanze ...................66
1.3.2.7. Guhuza ibikorwa bya gahunda y'ubujyanama (coaching) bugamije kunoza imikorere mu nzego z'ibanze ..........................................................................................................................................................................67
1.3.2.8. Ihuriro ry'abafatanyabikorwa mu iterambere (JADF) .......................................................................................67
1.4. Imitwe ya politike, imiryango ishingiye ku myemerere n'itari iya leta. ............................................................ 68
1.4.1. Kwandika imiryango ................................................................................................................................................ 68
1.4.2. Gukurikirana imikorere y'imiryango itari iya leta, imitwe ya politike n'imiryango ishingiye ku myemerere ............................................................................................................................................................................. 69
1.4.2.1. Imitwe ya politike .................................................................................................................................................. 69
1.4.2.2. Imiryango itari iya leta n'imiryango ishingiye ku myemerere ....................................................................... 69
1.4.2.3. Igenzura ry'insengero ............................................................................................................................................ 71
1.4.2.4. Ingengo y'imari yakoreshejwe n'imiryango mvamahanga itari iya leta hakurikijwe ibyiciro ikoreramo .. ............................................................................................................................................................................. 71
1.4.2.5. Ubufatanye hagati ya guverinoma n'imiryango itari iya leta mu kuzamura imibereho myiza y'abaturage (social protection program) ................................................................................................................................. 72
1.4.3. Kuzamura uruhare rw'imiryango itari iya leta mu iterambere ry'igihugu...................................................... 72
1.4.3.1. Gutanga inkunga y'amafaranga ........................................................................................................................... 73
1.4.4. Kubaka ubushobozi bw'imiryango nyarwanda itari iya leta n'ishingiye Ku myemerere .............................73
1.5. Guteza imbere urwego rw'itangazamakuru......................................................................................................... 75
1.5.1. Uko urwego rw'itangazamakuru ruhagaze .......................................................................................................... 75
1.5.2. Guhuza ibikorwa by'inzego zifite aho zihuriye n'iterambere ry'itangazamakuru ........................................ 76
1.5.2.1. Kumenyekanisha ibyavuye mu bushakashatsi ku bipimo by'itangazamamakuru mu rwanda bya 2018 (Rwanda Media Barometer 2018) ...........................................................................................................................76
1.5.2.2. Ubushakashatsi ku mpinduka zazanywe n'amavugurura yakozwe Mu itangazamakuru ..........................76
1.5.2.3. Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry' imihigo y'impamyabigwi ................................................................. 79
1.5.2.4. Ubukangurambaga ku itegeko ryerekeye kubona amakuru ........................................................................ 79
1.5.2.5. Gukangurira ibitangazamakuru kurushaho gukoresha neza no guteza imbere ururimi rw' ikinyarwanda ............................................................................................................................................................................. 80
1.5.3. Kongerera ubushobozi ibitangazamakuru n'amashyirahamwe y'abanyamakuru ...................................... 81
1.5.3.1. Inkunga y'amafaranga yahawe ibitangazamakuru n'amashyirahamwe y'abanyamakuru. ....................... 81
1.5.3.2. Ibihembo ku banyamakuru b'indashyikirwa(Development Journalism Awards-DJA)............................... 81
1.6. Ibiganiro n'ubuvugizi ku miyoborere (policy advocacy and strategic engagements)....................................... 82
1.6.1.1. Ibiganiro n'ubuvugizi n'inzego zitandukanye (strategic engagements) ....................................................... 82

1.6.1.2. Gutangiza gahunda y'imiyoborerere twifuza ........ 82
1.6.1.3. Ibiganiro n'abafatanyabikorwa mu iterambere (JADF) ........
83

Iv

1.6.1.4. Ibiganiro ku mitangire ya serivisi hifashishijwe ikoranabuhanga ........ 85
1.6.1.5. Ibiganiro ku byavuye muri rgs ya gatanu ........ 85
1.6.1.6. Ibiganiro n'imiryango itari iya leta n'ishingiye ku myemerere ........ 86
1.6.1.7. Inama ku rwego mpuzamahanga ........ 87
1.6.1.8. Inama nyunguranabitekerezo zihuza impuguke n'abashakashatsi ku miyoborere ........88
1.6.1.9. Amatsinda y'abanyamahanga RGB yakiriye ........ 89
1.6.1.10. Ibiganiro binyuze mu itangazamakuru ........ 90
1.6.1.11. Ibiganiro kuri radiyo na televiziyo abaturage bagiramo uruhare (interactive talk shows) ........91
1.6.1.12. Ibiganiro byihariye kuri radiyo na televiziyo rwanda (pre-recorded shows) ........92
1.6.1.13. Ubutumwa bw'igihe kirekire mu bitangazamakuru ........92
1.7. Ubuyobozi n'imirimo rusange ........ 92
1.7.1. Ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'ibikorwa 2018-2019 ........ 93
1.7.2. Imikoreshereze y'ingengo y'imari y'umwaka wa 2018-2019 ........ 93
1.7.3. Kubaka ubushobozi bw'urwego ........ 94
1.7.3.1. Ingamba zo kubaka ubushobozi bw'abakozi ........94
1.7.4. Ingamba zo kumenyekanisha ibikorwa (communication strategy)........ 94
1.7.5. Ishyirwa mu bikorwa ry'ingamba zo guteza imbere ihame ry'uburinganire (gender mainstreaming strategy) ........ 94
1.7.6. Gukora raporo y'ibikorwa ya 2018-2019 ........ 95
1.7.7. Icyegeranyo ku ntambwe u rwanda rumaze gutera mu myaka 25 rubikesha Imiyoborere myiza. ........95
1.7.8. Uruhare mu kubaka umuryango nyarwanda ........96

IGICE CYA KABIRI: ........ 98

Ibikwiye kwitabwaho ku buryo bw'umwihariko ........ 98
2.1. Ibikwiye kwitabwaho ku buryo bw'umwihariko ........ 98
2.1.1. Icyiciro cy'ubuhinzi n'ubworozi ........ 98
2.1.2. Icyiciro cy'uburezi ........ 99
2.1.3. Icyiciro cy'ubuzima ........100
2.1.4. Serivisi zo gukwirakwiza amazi ........101
2.1.5. Urwego rw'ubutabera........102
2.1.6. Imicungire y'imari n'umutungo bya leta mu turere ........102
2.1.7. Imicungire y'inkunga igenewe abatishoboye ........102
2.1.8. Imikorere ya za SACCO ........103
2.1.9. Ibibazo byo mu muryango ........103
2.1.10. Icyiciro cy'imiryango ishingiye ku myemerere ........105
2.1.11. Icyiciro cy'imitangire ya serivisi ........105
2.2. Ibindi bikeneye kwitabwaho nk'uko byagaragajwe na RGS ya 6 ........105

IGICE CYA GATATU: ISHYIRWA MU BIKORWA RY'IMYANZURO Y'INTEKO ISHINGAMATEGEKO ... 107

3.1. Ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'inteko ishinga amategeko ......107

IGICE CYA KANE: GAHUNDA Y'IBIKORWA Y'UMWAKA 2019-2020 ...... 110
4.1. Gahunda y'ibikorwa bya RGB mu mwaka 2019-2020 ......111
4.1.1. Ubushakashatsi ku miyoborere ......111
4.1.2. Uburyo bw'umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo ......111
V

4.1.3. Imitangire ya serivisi, kwimakaza imiyobore myiza, kwegereza abaturage ubuyobozi n'ubushobozi, ihuriro ry'abafatanyabikorwa mu iterambere ry'uturere (JADF) ...... 110
4.1.4. Kongerera ubushobozi imitwe ya politiki, imiryango ishingiye ku myemerere n'imiryango itari iya leta ...... ......112
4.1.5. Guteza imbere urwego rw'itangazamakuru ......112
4.1.6. Ubuyobozi n'imirimo rusange no kubaka ubushobozi bw'urwego ......113
4.1.7. Gukora ibiganiro n'ubuvugizi ku miyoborere mu byiciro bitandukanye ......113

IGICE CYA GATANU: IMIGEREKA ...... 115

vi

## URUTONDE RW'AMASHUSHO

Ishusho 1: Umubare w'Inkingi, ibipimo n'udupimo ......25
Ishusho 2: Uko Inkingi, ibipimo n'udupimo bihagaze ......26
Ishusho 3: Ikigereranyo cya RGS ya 5 n'iya 6 ......27
Ishusho 4: Ibipimo byazamutse kurusha ibindi (hejuru ya 5%) ......27
Ishusho 5: Uko ibyiciro bishimwa n'abaturage ...... 33
Ishusho 6: Zimwe mu mpinduka zazanywe na serivisi z'irembo ...... 35
Ishusho 7: Ubwiyongere bw'abanyamuryango b'Umurenge SACCO mu myaka 10, 2010-2018 (Imibare yafatiwe kuri miliyoni) ...... 36
Ishusho 8: Ubwizigame muri SACCO mu myaka 10 (Imibare yafatiwe kuri miliyari) ......37
Ishusho 9: Inguzanyo zatanzwe na SACCO (Imibare yafatiwe kuri miliyari) ...... 37
Ishusho 10: Umumaro w' Umwalimu SACCO mu guteza imbere imibereho y'ingo z'abanyamuryango ......38
Ishusho 11: Abakozi bari mu kazi ugereranyije n'abari ku mbonerahamwe y'imirimo ku bitaro ......51
Ishusho 12: Abakozi bari mu kazi ugereranyije n'abari ku mbonerahamwe y'imirimo ku bigo nderabuzima ...52
Ishusho 13: Isuku mu bitaro by'uturere ...... 53
Ishusho 14: Isuku mu bigo nderabuzima ...... 53
Ishusho 15: Imikorere y'imiyoboro y'amazi ...... 54
Ishusho 16: Intera iri hagati y'urugo n'aho umuturage akura amazi mu bice by'icyaro ......54
Ishusho 17: Intera iri hagati y'urugo n'aho umuturage akura amazi mu bice by'umujyi ......55
Ishusho 18: Imenyekanisha ry'ibiciro by'amazi ......56
Ishusho 19: Uko abaturage banyuzwe n'ibirebana no kuboneka kw'amazi ku gihe ......56
Ishusho 20: Abajyanama bahawe amahugurwa ku mikorere y'Inama Njyanama ......61

Ishusho 21: Kwemeza imyanzuro y'Inama Njyanama ....61
Ishusho 22: Inama zisanzwe zakozwe nk'uko biteganywa n'itegeko ....62
Ishusho 23: Imiryango yahawe ibyangombwa ....68
Ishusho 24: Insanganyamatsiko zibanzweho mu biganiro byanyuze mu bitangazamakuru....91
Ishusho 25: Imikoreshereze y'ingengo y'imari .... 93
Ishusho 26 uko abaturage babona zimwe muri serivisi z'ubuhinzi .... 99
Ishusho 27: Uko abaturage babona serivisi zimwe na zimwe z'ubutabera .... 102
Ishusho 28: ibindi bibazo byugarije umuryango .... 104

## URUTONDE RW'AMAKARITA

Ikarita 1: Ishusho rusange y'uko uturere duhagaze muri CRC 2019 ....31
Ikarita 2: Uko abaturage babona serivisi zo kuhira imyaka ....98
Ikarita 3: uko abaturage babona serivisi yo kugaburira abana ku mashuri. .... 100
Ikarita 4: Ikibazo cy'abangavu baterwa inda .... 105

vii

## URUTONDE RW'IMBONERAHAMWE

Imbonerahamwe 1:Ibipimo biri ku kigero cyo hejuru kurusha ibindi (hejuru ya 85%) .... 28
Imbonerahamwe 2: Ibipimo biri ku kigero cyo hasi (munsi ya 70%) .... 29
Imbonerahamwe 3: Uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa .... 32
Imbonerahamwe 4: Imirimo yahanzwe n'abanyamuryango b'Umwalimu SACCO ....38
Imbonerahamwe 5: Uko bimwe mu byegeranyo mpuzamahanga bigaragaza u Rwanda ....41
Imbonerahamwe 6: Incamake y'ibyavuye mu igenzura ku mitangire ya serivisi ....44
Imbonerahamwe 7: ibyavuye mu igenzura ry'imitangire ya serivisi mu nzego za Leta ....46
Imbonerahamwe 8: ibyavuye mu isuzuma ku mitangire ya serivisi mu bigo by'imali....48
Imbonerahamwe 9: Imikorere y'ibigo bitwara abagenzi mu buryo bwa rusange ....48
Imbonerahamwe 10: ibyavuye mu isuzuma ku mitangire ya serivisi mu miryango itari iya Leta (CSOs) ....49
Imbonerahamwe 11: Uko intara zubahirije gahunda yo kwigiranaho no kugenzurana .... 58
Imbonerahamwe 12: Umutekano w'ahakorerwa .... 59
Imbonerahamwe 13: Ibikoresho by'ibanze mu mashuri ....59
Imbonerahamwe 14: Inguzanyo zatanzwe ku mishinga iciriritse (Financial Services)....60
Imbonerahamwe 15: Ubwisungane mu kwivuza (MUSA) ....60
Imbonerahamwe 16: Ibibazo bigaragara mu mikorere ya JADF n'ingamba zikwiye gufatwa .... 68
Imbnerahamwe 17: Ibyemezo byafatiwe imwe mu miryango itari iya leta n'ishingiye ku myemerere .... 69
Imbonerahamwe 18: Ingengo y'imari yakoreshejwe n'imiryango mvamahanga .... 71
Imbonerahamwe 19: Ibyiciro imiryango yatewe inkunga ikoreramo .... 73
Imbonerahamwe 20: umubare w'ibitangazamakuru Nyarwanda .... 75
Imbonerahamwe 21: Imbogamizi mu iterambere ry'itangazamakuru .... 77
Imbonerahamwe 22: Ibikorwa byakozwe n'Impamyabigwi .... 79
Imbonerahamwe 23: Inzego zifatanyije na RGB mu gutanga ibihembo .... 81
Imbonerahamwe 24: Ibyibanzweho mu biganiro n'imiryango itari iya Leta n'ishingiye ku myemerere .... 88

Imbonerahamwe 25: umubare w'abakozi bahuguwe mu byiciro bitandukanye .................................................. 94

# IBISOBANURO BY'AMAGAMBO MPINE

**ARJ:** Ishyirahamwe nyarwanda ry'abanyamakuru
**BNR:** Banki Nkuru y'u Rwanda
**CBHI:** Gahunda y'ubwisungane mu kwivuza
**CoK:** Umujyi wa Kigali
**CRC:** Ishusho y'uko abaturage babona imiyoborere n'imitangire ya serivisi mu nzego zibegereye
**CSO:** Sosiyete sivile
**DJA:** Ibihembo bihabwa abanyamakuru n'ibitangazamakuru by'indashyikirwa
**FARG:** Ikigega cya Leta gishinzwe Gutera inkunga Abacitse ku icumu batishoboye
**FBOs:** Imiryango ishingiye ku myemerere
**GMO:** Urwego rushinzwe kugenzura iyubahirizwa ry'uburinganire
**HEC:** Inama Nkuru y'Igihugu y'Uburezi
**HGS:** Uburyo bw'umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo.
**ICK:** Kaminuza gatolika ya Kabgayi
**INGOs:** Imiryango mvamahanga itari iya Leta
**JADF:** Ihuriro ry'abafatanyabikorwa mu iterambere ry'uturere
**LGPC:** urubuga nkusanyamakuru ku miyoborere mu Rwanda
**LNGOs:** Imiryango nyarwanda itari iya Leta
**LODA:** Ikigo cy'igihugu gishinzwe iterambere ry'inzego z'ibanze
**MHC:** Inama Nkuru y'Itangazamakuru
**MIGEPROF:** Minisiteri y'Iterambere ry'Umuryango n'Uburinganire
**MINAGRI:** Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi
**MINALOC:** Minisiteri y'Ubutegesti bw'igihugu
**MINECOFIN:** Minisiteri y'Imari n'igenamigambi
**MINEDUC:** Minisiteri y'Uburezi
**MINICAAF:** Minisiteri Ishinzwe Imirimo y'Inama y'Abaminisitiri
**MINICOM:** Minisiteri y'Ubucuruzi n'Inganda
**MINIFRA:** Minisiteri y'Ibikorwaremezo
**MINIJUST:** Minisiteri y'Ubutabera
**MINIPRESREP:** Minisiteri muri Perezidansi ya Repubulika
**MINICT:** Minisiteri y'Ikoranabuhanga no guhanga ibishya
**MoE :** Minisiteri y'Ibidukikije
**MOH:** Minisiteri y'Ubuzima
**NAEB:** Ikigo gishinzwe guteza imbere ibyoherezwa mu mahanga ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi
**NBAs:** Inzego zitagenerwa ingengo y'imari ya Leta n'itegeko
**NCHR:** Komisiyo y'Igihugu y'uburenganzira bwa muntu
**NCPD:** Inama y'Igihugu y'abafite ubumuga
**NEC:** Komisiyo y'Igihugu y'amatora
**NIDA:** Ikigo cy'Igihugu cy'Indangamuntu
**NST:** Guhunda ya guverinoma igamije kwihutisha iterambere
**NURC:** Komisiyo y'Igihugu y'ubumwe n'ubwiyunge

# IBISOBANURO BY'AMAGAMBO MPINE

**PL/PR:** Gahunda yo kwigiranaho no kugenzurana
**PSF:** Urugaga rw'abikorera
**RAB:** Ikigo cy'igihugu gishinzwe guteza imbere ubuhinzi
**RALGA:** Ishyirahamwe ry'uturere n'Umujyi wa Kigali
**RBA:** Urwego rw'Igihugu rw'Itangazamakuru
**RBC:** Ikigo cy'Igihugu cy'Ubuzima
**RBM:** Imicungire igamije umusaruro
**RCA:** Ikigo cy'Igihugu gishinzwe amakoperative
**RCI:** Ikigo gishinzwe kubyaza umusaruro uburyo bw'umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo.
**RDB:** Ikigo cy'igihugu cy'iterambere
**REAF:** Urubuga Ngishwanama rw'Inararibonye z'u Rwanda
**REB:** Ikigo cy'Igihugu gishinzwe uburezi
**REG:** Ikigo gishinzwe ingufu n'amashanyarazi
**REMA:** Ikigo cy'Igihugu gishinzwe kubungabunga ibidukikije
**RGB:** Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere
**RGS:** Ubushakashatsi ku gipimo cy'Imiyoborere mu Rwanda
**RISA:** Ikigo cy'Igihugu gishinzwe ikoranabuhanga
**RLMUA:** Ikigo cy'Igihugu gishinzwe imicungire n'imikoreshereze y'ubutaka
**RMB:** Igipimo cy'iterambere ry'itangazamamakuru
**RRA:** Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Imisoro n'Amahoro
**RSB:** Ikigo cy'Igihugu gitsura Ubuziranenge
**RSSB:** Ikigo cy'igihugu cy'ubwiteganyirize
**RTDA:** Ikigo cy'Igihugu gishinzwe iterambere rya Transiporo
**RURA:** Urwego Ngenzuramikorere y'imirimo imwe n'imwe ifitiye igihugu akamaro
**SACCO:** Koperative zo kubitsa no kugurizanya
**UNDP:** Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku iterambere
**WASAC:** Ikigo cy'Igihugu gishinzwe gutunganya no gukwirakwiza amazi, isuku n'isukura

# INCAMAKE

Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere rushinzwe kwimakaza amahame y'imiyoborere myiza, gusuzuma ku buryo buhoraho imitangire ya serivisi mu nzego za Leta, iz'abikorera n'imiryango itari iya Leta hagamijwe guteza imbere imibereho myiza y'abaturage. RGB kandi ishinzwe kubungabunga no guteza imbere gahunda z'umwimerere nyarwanda zo kwishakamo ibisubizo (Home-Grown Solutions) hagamijwe kuzibyaza umusaruro ku buryo buhoraho.

Nk'uko biteganywa n'itegeko, buri mwaka, RGB igeza raporo kuri Perezida wa Repubulika no ku Nteko Ishinga Amategeko, imitwe yombi iteranye. Kopi y'iyo raporo ihabwa Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga na Minisitiri w'Intebe. Inzego zagenzuwe zigahabwa kopi y'igice cya raporo kizerekeye.
Iyi raporo iragaragaza mu buryo burambuye ibyagezweho mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2018-2019 na gahunda y'ibikorwa biteganyijwe mu mwaka wa 2019-2020.

Ibyakozwe bikubiye mu byiciro 7 bikurikira: (1)Ubushakashatsi ku miyoborere, (2)Gahunda z'umwimerere nyarwanda zo kwishakamo ibisubizo, (3)Kugenzura imitangire ya serivisi, guteza imbere imiyoborere myiza n'Ihuriro ry'abafatanyabikorwa mu iterambere, (4)Guteza imbere urwego rw' itangazamakuru (5)Kwandika, gukurikirana no kongerera ubushobozi imitwe ya politiki, imiryango ishingiye ku myemerere n'imiryango itari iya Leta,(6)Ibiganiro bishimangira ubufatanye, imikorere inoze n'ubuvugizi n' (7) Ubuyobozi n'imirimo rusange.

Mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2018-2019, RGB yari yateganyije ibikorwa 63. Ibikorwa 62 bihwanye na 98% byarakozwe birarangira. Naho igikorwa 1 gihwanye na 2% nticyarangiye.

RGB yari yagenewe ingengo y'imari y'amafaranga y' u Rwanda angana na miliyari eshatu, miliyoni magana inani mirongo inani n'icyenda, ibihumbi magana abiri na makumyabiri na bitandatu na magana atandatu na makumyabiri n'umunani (Frw 3,889,226,628). Muri ayo mafaranga, 2,098,530,414 yaturutse mu ngengo y'imari ya Leta naho 1,790,696,214 yatanzwe n'Abafatanyabikorwa binyuze mu mishinga ishyigikira gahunda z'Imiyoborere myiza. Muri rusange iyi ngengo y'imari yakoreshejwe ku gipimo cya 95.5% ni ukuvuga 95.42% by'imari ya Leta na 95.7% by'ingengo y'imari y'imishinga.

Mu rwego rw'ubushakashatsi, RGB yakoze inashyira ahagaragara ubushakashatsi bugaragaza uko ibipimo by'imiyoborere mu Rwanda bihagaze (Rwanda Governance Scorecard 6th Edition). Muri ubu bushakashatsi bukozwe ku nshuro ya 6, inkingi y'umutekano n'umudendezo rusange yakomeje kuza ku isonga igira amanota 94.29%. Habayeho kandi izamuka ry'amanota ku nkingi 3 arizo: Uburenganzira mu bya politiki n'ubwisanzure bw'abaturage, Kurwanya ruswa no gukorera mu mucyo ndetse n'Iyubahirizwa ry'amategeko.

Inkingi y' Uburenganzira mu bya politiki n'ubwisanzure bw'abaturage (Political Rights and Civil Liberties) niyo yazamutseho amanota menshi (1.34%) ugereranyije n'izindi nkingi, naho inkingi y'imibereho myiza y'abaturage niyo yamanutse ku kigero kinini cya 7.03% aho iri ku gipimo cya 68.52% ivuye kuri 75.55%. Iyi nkingi kandi ni nayo yaje inyuma muri RGS ya 6.

RGB yakoze ubushakashatsi ku Ishusho y'uko abaturage babona imiyoborere n'imitangire ya serivisi mu nzego zibegereye (CRC). Impuzandego ya CRC 2019 ni 70.4%. Ugereranyije na CRC 2018, iki gipimo cyazamutseho 1.1%. Urwego rw'umutekano rwakomeje kuza ku isonga rugira amanota 89.4%. Urwego rw'ubuhinzi

rwakomeje kuza inyuma y'izindi n'amanota 55.0% nubwo arirwo rwazamutse kurusha izindi muri uyu mwaka aho rwazamutseho 5.6% kuko rwari kuri 49.41% muri CRC 2018.
Nk'uko bikorwa buri mwaka, abaturage batanze amanota 10% y'imihigo y'uturere mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2018-2019 binyuze muri CRC. Ubu bushakashatsi bumaze kuba isoko y'amakuru yizewe afasha Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere kugira inama Leta mu birebana no kwimakaza imiyoborere ishingiye ku muturage n'imitangire ya serivisi inoze.

RGB yakoze ubushakashatsi kuri gahunda eshatu z'umwimerere nyarwanda zo kwishakamo ibisubizo: Serivisi z'irembo, umurenge SACCO n'Umwalimu SACCO. Ku birebana na serivisi z'irembo, ubushakashatsi bwagaragaje ko izi serivisi zishimiwe ku kipimo cya 96%. Icyakora, igipimo cyo kwishimira izo serivisi kigenda gihinduka hakurikijwe imiyoboro ikoreshwa n'Irembo. Abakoresha interineti nibo banyuzwe ku gipimo cyo hejuru cya 88.8%, abifashisha umukozi w'Irembo (agent) banyuzwe ku gipimo (85.3%) naho abakoresha Telefoni banyuzwe ku gipimo cyo hasi cya 11.2%.

Ku birebana n'umurenge SACCO, ubushakashatsi bwagaragaje ko umubare w'abanyamuryango ba SACCO wavuye ku bihumbi 450 mu mwaka wa 2008 ukarenga miliyoni 2.8 mu Ugushyingo 2018 nkuko byatangajwe n'Ikigo cy'igihugu gishinzwe amakoperative (RCA). Ibi birashimangira ko umuco wo kuzigama umaze gushinga imizi mu banyarwanda.

Nubwo bimezo gutyo ariko haracyari ibibazo mu micungire y'umurenge SACCO aho byagaragaye ko kuva izi SACCO zashingwa kugeza mu Ukuboza 2018 hamaze kunyerezwa amafaranga arenga miliyari ebyiri.

Ku birebana n'umwalimu SACCO, Umubare w'abanyamuryango bafata umushahara binyuze mu Umwalimu SACCO wariyongereye uva ku 2,500 muri 2008 ugera ku 75,720 muri 2018.

RGB yanakoze kandi ubushakashatsi bugamije gusuzuma ko uburyo bukoreshwa ari umwimerere nyarwanda wo kwishakamo ibisubizo. Ni muri urwo rwego hakozwe ubushakashatsi ku "Kwita Izina" no ku "Nteko z'Abaturage". Hagendewe ku biranga uburyo bw'umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo, ibyavuye muri ubu bushakashatsi byemeje ko Kwita Izina n'Inteko z'Abaturage ari uburyo bw'umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo.

RGB ifite inshingano zo gusesengura ubushakashatsi n'ibyegeranyo mpuzamahanga bivuga ku Rwanda, gukurikirana inyingo n'ubushakashatsi bikorerwa mu Rwanda ku miyoborere bwaba ubukorwa n'Abanyarwanda cyangwa Abanyamahanga. Ni muri urwo rwego, RGB yasesenguye ibyavuye mu byegeranyo mpuzamahanga bitandukanye bigaragaza uko ibihugu bihagaze mu byiciro bitandukanye hagamijwe kureba uko u Rwanda rugaragazwa n'ibyo byegeranyo mu ruhando mpuzamahanga. Ubusesenguzi bwa RGB kuri ibi byegeranyo bwashyikirijwe inzego bireba kugira ngo zirusheho kumenya uburyo ibi byegeranyo bikorwa n'ibikubiyemo. Ikindi ni uko inzego zasabwe kugira icyo zikora ku bibazo byagaragajwe cyane cyane amakuru atajyanye n'igihe ndetse n'aho bigaragaza ibipimo biri hasi ku Rwanda kugira ngo zigire icyo zibikoraho.

Mu rwego rwo gusigasira no kurinda gahunda z'umwimerere nyarwanda wo kwishakamo ibisubizo, hakozwe ibikorwa bikurikira: (1) Gushyiraho urubuga rushyirwaho amakuru yerekeye uburyo bw'umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo (HGS digital platform). Uru rubuga rufasha gusangiza Abanyarwanda n'abanyamahanga amakuru ku buryo bw'umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo n'umusaruro bwatanze, (2) Kugaragaza ahabumbatiye ibimenyetso n'ibikorwa by' umwimerere nyarwanda byo kwishakamo ibisubizo (Homegrown solutions Sites identification), (3) Kwandikisha no kurinda uburyo bw'umwimerere

nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo. Muri uyu mwaka RGB yandikishije ku rwego rw'igihugu (muri RDB) gahunda ya Girinka (ni ukuvuga amazina ndetse nd'ibirango bijyana). Iyi ikaba yiyongera ku zindi gahunda enye zari zanditswe mbere arizo: Gacaca, Abunzi, Imihigo n'Umushyikirano.

Naho ku rwego mpuzamahanga, RGB yatangiye igikorwa cyo kwandikisha uburyo butatu bw'umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo aribwo: Abunzi, Imihigo n'Umushyikirano. Ibyangombwa byose bikenerwa mu kwandikisha ubu buryo byashyikirijwe Umuryango mpuzamahanga wo kurengera uburenganzira ku mutungo bwite mu by'ubwenge (World Intellectual Property Organization - WIPO).

Mu mwaka wa 2018-2019 RGB yakoze igenzura ry'imitangire ya serivisi mu nzego 99, murizo 49 ni iza Leta, 20 z'abikorera na 30 z'imiryango itari iya Leta. Hakozwe kandi ubukangurambaga bugamije kunoza imitangire ya serivisi "Nk'uwikorera"; guhugura abakozi ba RGB ku mitangire ya serivisi; isesengura ku mitangire ya serivisi mu bigo by'ubuvuzi na serivisi zo kugeza amazi ku baturage ndetse no kubaka ubufatanye n'inzego zisuzuma serivisi.

Zimwe mu mpinduka zakozwe mu igenzura ry'uyu mwaka ni uko mu rwego rw'abikorera hasuzumwe serivisi z'Imari na serivisi zo gutwara abantu mu buryo bwa rusange, mu gihe umwaka ushize hagenzuwe serivisi z'ubuvuzi zitangwa n'abikorera na serivisi zo gutwara abantu mu buryo bwa rusange. Ikindi cyahindutse ni uko igipimo kijyanye no gutanga serivisi hifashishijwe ikoranabuhanga cyakorewe igenzura ryihariye.

Igenzura ryagaragaje ko igipimo cy'imitangire ya serivisi mu nzego za Leta kiri ku mpuzandengo ya 74,75%, mu rwego rw'abikorera ni 74% naho mu miryango itari iya Leta ni 69.05%. Nk'uko bigaragazwa n'ibi bipimo haracyari intera ndende kugera ku ntego ya 90% muri 2024 nk'uko biteganywa muri Gahunda ya Guverinoma y'Imyaka Irindwi (NST1).

Mu rwego rwo guteza imbere amahame y'imiyoborere, hakozwe ibikorwa birimo: isesengura ku mikorere y'Inama Njyanama ku rwego rw'akarere, umurenge n'akagari; ibiganiro ku miyoborere mu nzego zitandukanye binyujijwe muri gahunda y'Imiyoborere Twifuza; kugenzura amatora y'abadepite; guhuza ibikorwa bya JADF, gahunda yo kugenzurana no kwigiranaho ndetse no gutegura amarushanwa y'imiyoborere "Umurenge Kagame Cup".

Ku birebana na gahunda y'imiyoborere twifuza, ku bufatanye na Minisiteri y'ubuhinzi n'ubworozi, Urwego rw'Umuvunyi, Intara n'Umujyi wa Kigali, Imiryango ishingiye ku myemerere n'inzego z'ibanze, habayeho ibikorwa byo gutangiza ku mugaragaro Gahunda y'Imiyoborere Twifuza ku rwego rwa buri Ntara n'Umujyi wa Kigali.

Gahunda y'Imiyoborere Twifuza yahurije hamwe ibikorwa bitandukanye aribyo, igenzura ku miyoborere n'imitangire ya serivisi, ubukangurambaga ku itegeko ryerekeye kubona amakuru na gahunda yo kugenzurana no kwigiranaho. Hanakozwe ubukangurambaga ku miyoborere myiza n'imitangire ya serivisi inoze bwibanze ku byiciro bikurikira: Inama Njyanama z'uturere, urubyiruko rw'abanyeshuri biga muri kaminuza, abagore, abafite ubumuga n'abaturage muri rusange.

Ku birebana na gahunda yo kugenzurana no kwigiranaho, RGB yakurikiranye ishyirwa mu bikorwa ry'iyi gahunda inahuza raporo yashyikirijwe MINALOC na MINECOFIN. Hashingiwe ku byagaragajwe n'iyi gahunda n'imyanzuro yatanzwe, RGB yashimye ibyakozwe neza inasaba Intara n'Umujyi wa Kigali gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo byafashwe mu rwego rwo gukemura ibibazo byagaragaye.

Ku bufatanye bw'Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere, na Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, hateguwe gahunda y'Ukwezi kw'imiyoborere mu rwego rwo kwimakaza imiyoborere ibereye umuturage no kunoza imitangire ya serivisi.
Ukwezi kw'Imiyoborere kwibanze ku isuzuma ry'imikorere y'Inama Njyanama mu nzego zegerejwe abaturage arizo Akarere, Umurenge n'Akagari hagamijwe gusuzuma ubushobozi bw'Inama Njyanama, kureba ko Inama Njyanama zubahiriza amategeko n'amabwiriza azigenga, gusuzuma imbogamizi ndetse no kurebera hamwe uburyo zakemuka.

Mu rwego rwo kwimakaza imiyoborere myiza, Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere rufatanyije na Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, Minisiteri y'Umuco na Siporo, Intara n'Umujyi wa Kigali, Uturere n'Imirenge buri mwaka bategura amarushanwa y'Imiyoborere myiza yitwa "Umurenge Kagame Cup". Amarushanwa yo muri uyu mwaka w'ingengo y'imari wa 2018-2019 yitabiriwe n'amakipe y'abagabo n'abagore mu mikino ikurikira: umupira w'amaguru, Sit-Ball, Volleyball, Basketball, gusiganwa ku magare no gusiganwa ku maguru.

Muri uyu mwaka aya marushanwa yari afite insanganyamatsiko igira iti: "Imiyobere twifuza, Umuturage Ku Isonga". Ubutumwa bwatanzwe muri aya marushanwa bwibanze ku gukangurira abaturage kugira uruhare mu bibakorerwa, kunoza imitangire serivisi, gukangurira urubyiruko kwirinda ingeso mbi, guhangana n'ikibazo cy'inda ziterwa abangavu no kurwanya ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge. Abahize abandi muri aya marushanwa bahawe ibihembo birimo amafaranga, imidari, ibikombe n'amagare mu mukino wo gusiganwa ku magare.

Hagamijwe kuzamura uruhare rwa JADF mu iterambere ry'Igihugu, Urwego rw'Igihugu rw'Imiyobobrere (RGB) rufatanyije n'abagize ihuriro ry'abafatanyabikorwa mu Iterambere (JADF) bateguye inama ziteganywa n'itegeko, ndetse rugirana ibiganiro n'abafatanyabikorwa ku nzego zitandukanye. Habaye inama imwe muri buri Ntara n'Umujyi wa Kigali. Hakozwe kandi Inama mpuzabikorwa z'igihembwe nk'uko biteganywa n'itegeko zigamije gukurikirana no guhuriza hamwe ibikorwa bya JADF no kujya Inama ku cyarushaho guteza imbere uruhare rwa JADF mu iterambere rirambye.

Mu rwego rwo kongerera ubushobozi ibitangazamakuru n'amashyirahamwe y'abanyamakuru, mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2018-2019, RGB yatanze inkunga ya Frw 126,928,026 yahawe amashyirahamwe y'abanyamakuru n'ibitangazamakuru.

Inkunga yatanzwe yafashije gushyigikira gahunda yo kwigenzura kw'itangazamakuru no gushyira mu bikorwa imishinga y'amwe mu mashyirahamwe y'abanyamakuru.

Mu rwego rwo guteza imbere ubunyamwuga n'umuco w'ubudashyikirwa mu itangazamakuru, ku bufatanye n'abandi bafatanyabikorwa, hahembwe abanyamakuru babaye indashyikirwa mu mwaka wa 2018. Muri rusange hatanzwe ibihembo 39 byahawe abanyamakuru n'ibitangazamakuru. Ibihembo byari bigizwe n'amafaranga, ibikombe n'icyemezo cy'ishimwe byose bifite agaciro ka miliyoni 31 z'amafaranga y'u Rwanda.

Igishimishije ni uko umubare w'abanyamakuru bapiganwe wikubye kabiri uva kuri 421 muri 2017 ugera kuri 846 muri 2018. Umubare w'abafatanyabikorwa bafatanya na RGB muri iki gikorwa nawo wariyongereye uva kuri 8 ugera kuri 11.

Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere rufite inshingano zo kwandika no kugenzura imikorere y'imiryango itari iya Leta n'ishingiye ku myemerere. Mu mwaka wa 2018-2019, RGB yanditse imiryango nyarwanda itari iya Leta 261,

imiryango mvamahanga itari iya Leta 15, inongerera igihe cyo gukorera mu Rwanda imiryango mvamahanga itari iya Leta 165, naho imiryango 4 yahagaritse ibikorwa byayo burundu.

Mu rwego rwo gufasha imiryango itari iya Leta kuzamura uruhare mu iterambere ry'igihugu, RGB ku bufatanye n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku iterambere (UNDP) n'abandi bafatanyabikorwa, yatanze inkunga ihwanye n'amafaranga 806,895,809 yahawe imiryango 33 itari iya Leta n'ishingiye ku myemerere mu rwego rwo gushyira mu bikorwa imishinga itandukanye igamije iterambere ry'abaturage. Iyi miryango yatoranyijwe binyuze mu ipiganwa risesuye, buri muryango uhabwa amafaranga 25,000,000 akoreshwa mu gihe cy'umwaka.

Mu rwego rwo gushyira mu bikorwa inshingano zarwo, Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere rwagiranye inama n'ibiganiro n'inzego ndetse n'abafatanyabikorwa batandukanye hagamijwe kugaragaza ibyavuye mu bushakashatsi n'igenzura, gutanga inama no gukora ubuvugizi ku bibazo byagaragajwe birebana n'imiyoborere n'imitangire ya serivisi.

Ibi biganiro byibanze kuri ibi bikurikira: Gutangiza gahunda y'imiyoborere twifuza, ibiganiro n'abafanyabikorwa mu iterambere ry'akarere (JADF), ibiganiro ku mitangire ya serivisi hifashishijwe ikoranabuhanga, ibiganiro ku byavuye muri RGS ya 5, Inama nyunguranabitekerezo zihuza impuguke n'abashakashatsi ku miyoborere, ibiganiro n'imiryango itari iya Leta n'ishingiye ku myemerere, inama zo ku rwego mpuzamahanga(Inama y'impuguke kuri gahunda nyafurika yo kwisuzuma mu miyoborere (African Peer Review Mechanism - APRM) n' ibiganiro ku ruhare rw'itangazamakuru mu iterambere rya Afurika (Africa Day of Information).

Mu bikorwa bijyanye n'ubuyobozi n'imirimo rusange, hateguwe igenamigambi ry'imyaka 7 (2018-2024) rihuzwa n'inshingano z'urwego ndetse ryubakirwa ku cyerekezo cy'Igihugu. Hateguwe kandi gahunda yo kwinjiza ihame ry'uburinganire mu bikorwa by'Urwego n'iby'abafatanyabikorwa barwo.

Muri iyi raporo, RGB iragaragaza kandi ibibazo bikeneye kwitabwaho by'umwihariko. Ibyinshi muri byo byiganje mu buhinzi n'ubworozi, uburezi, ubuzima, imitangire ya serivisi, umuryango, gukoresha ikoranabunga mu gutanga serivisi, guteza imbere gahunda yo kwita ku mibereho myiza y'abaturage ndetse no kwimakaza imiyoborere izana impinduka.

Mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2019-2020, Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere rwateganyije ibikorwa 66 bizatwara ingengo y'imari ingana n'amafaranga y' u Rwanda 3,260,196,270; muri ayo 2,083,069,484 azava mu ngengo y'imari ya Leta naho 1,177,126,786 akazava mu mishinga y'abafatanyabikorwa mu miyoborere.

# INTANGIRIRO

Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere ni urwego rufite ubuzimagatozi n'ubwisanzure mu mikorere rwashyizweho n'itegeko N°56/2016 ryo ku wa 16/12/2016.

## RGB ifite inshingano zikurikira:

1. Kugenzura mu buryo buhoraho imitangire ya serivisi n'iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere myiza mu nzego za Leta, iz'abikorera n'imiryango itari iya Leta ;
2. Gukora ubushakashatsi ku miyoborere mu Rwanda, kugaragaza uko abaturage babona ibibakorerwa no kubimenyekanisha;
3. Gusigasira, kurinda no guteza imbere uburyo bw'umwimerere bwo kwishakamo ibisubizo mu Rwanda no gushyiraho uburyo bwabyazwa umusaruro;
4. Gutanga uburenganzira bw'ibanze no gukurikirana inyigo n'ubushakashatsi bikorerwa mu Rwanda ku miyoborere n'uburyo bw'umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo byaba bikorwa n'umunyarwanda cyangwa umunyamahanga;
5. Kugira Leta inama ku ishyirwa mu bikorwa rya politiki yo kwegereza ubushobozi n'ubuyobozi abaturage no gutanga inama ku bikorwa byo kongerera ubushobozi inzego z'ibanze;
6. Guteza imbere amahame y'imiyoborere myiza, demokarasi, imikorere n'imitangire ya serivisi zinoze no kubigiramo inama Guverinoma n'izindi nzego bireba;
7. Kugira inama Leta ku birebana na politiki n'ingamba bifitanye isano no kwimakaza imikorere n'imiyoborere myiza biteza imbere Igihugu;
8. Gutanga ibitekerezo ibisabwe cyangwa ibyibwirije mu nzego z'ubuyobozi ku mategeko akurikizwa mu Gihugu no ku mishinga y'amategeko kugira ngo byubahirize amahame shingiro ajyanye n'imiyoborere;
9. Gushyiraho ingamba zo gukangurira abaturage kugira uruhare mu bibakorerwa no kubigaragarizwa;
10. Kwandika, gutanga ubuzimagatozi ku miryango nyarwanda itari iya Leta n'imiryango ishingiye ku myemerere no gukurikirana ko imikorere yayo ikurikiza amategeko;
11. Kwandika imiryango mvamahanga itari iya Leta no gukurikirana imikorere yayo;
12. Kwandika Imitwe ya politiki no gukurikirana imikorere yayo;
13. Guteza imbere itangazamakuru no gutanga inama ku mikorere yaryo;
14. Guhuza no gukurikirana ibikorwa by'Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu Iterambere;
15. Gukorana n'abantu, ibigo n'amashyirahamwe byo mu gihugu ndetse n'ibyo mu mahanga bikora imirimo imwe;
16. Gushyikiriza buri mwaka Perezida wa Repubulika n'Inteko Ishinga Amategeko Imitwe Yombi gahunda na raporo z'ibikorwa byayo no guha kopi izindi nzego za Leta zivugwa muri iri tegeko;
17. Gushyiraho imirongo ngenderwaho mu iyandikwa ry'imiryango itari iya Leta n'imiryango ishingiye ku myemerere.

## RGB ifite ububasha bukurikira:

- Gusaba ibisobanuro ku byerekeye imiyoborere, imikorere n'imitangire ya serivisi mu nzego za Leta n'iz'abikorera no gusabira ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi inzego cyangwa abakozi bagaragaweho imikorere mibi;
- Gusaba ibisobanuro, guhagarika by'agateganyo icyemezo cy'iyandikwa cyangwa kwambura ubuzimagatozi imiryango itari iya Leta cyangwa imiryango ishingiye ku myemerere;

- Guhagarika by'agateganyo cyangwa burundu uburenganzira bwo gukorera mu Rwanda ku miryango mvamahanga itari iya Leta;
- Gufatira ibyemezo Umutwe wa politiki utubahirije ibiteganywa n'amategeko;
- Kwemeza ko uburyo bukoreshwa mu Rwanda ari umwimerere nyarwanda wo kwishakamo ibisubizo no gukurikirana ubukoresha nabi cyangwa ubukoresha atabifitiye uburenganzira.

1

# IGICE CYA 1: IBYAKOZWE MU MWAKA WA 2018 – 2019

## 1.1. UBUSHAKASHATSI KU MIYOBORERE

Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere (RGB) rufite inshingano yo gukora ubushakashatsi butandukanye burebana n'imiyoborere n'uburyo bw'umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo ikanamenyekanisha ibyavuye muri ubwo bushakashatsi. Muri ubwo bushakashatsi harimo: igipimo cy'imiyoborere mu Rwanda (RGS), ishusho y'uko abaturage babona imiyoborere n'imitangire ya serivisi mu nzego zibegereye (CRC) n'ubushakashatsi bwihariye kuri gahunda z'umwimerere nyarwanda zo kwishakamo ibisubizo (HGS). Ubu bushakashatsi bukorwa kugira ngo haboneke amakuru yifashishwa mu gushyiraho no kugena politiki zitandukanye.

RGB ikora kandi isesengura ku byegeranyo mpuzamahanga bivuga ku Rwanda, ndetse igatanga uburenganzira bw'ibanze ku banyamahanga no ku banyarwanda bwo gukora ubushakashatsi ku miyoborere no kuri gahunda z'umwimerere nyarwanda zo kwishakamo ibisubizo; ikanakurikirana uko ubwo bushakashatsi bukorwa.


### 1.1.1 Ubushakashatsi bwihariye ku miyoborere (Applied Governance)

Urwego rw'Igihugu rw`Imiyoborere rukora ubushakashatsi bwihariye ku miyoborere harimo: kugaragaza igipimo cy'imiyoborere mu Rwanda (RGS), ndetse no kwerekana ishusho y'uko abaturage babona imiyoborere n'imitangire ya serivisi mu nzego zibegereye (CRC).

#### 1.1.1.1. Igipimo cy'imiyoborere mu Rwanda (RGS)

Igipimo cy'Imiyoborere mu Rwanda ni ubushakashatsi bukorwa hagamijwe gutanga amakuru nyayo ku miyoborere haba mu gihugu ndetse no ku rwego mpuzamahanga; gutanga umurongo ngenderwaho mu igenwa rya politiki zitandukanye zirebana n'imiyoborere mu byiciro bitandukanye no kugira uruhare mu kugaragaza umwihariko w'imiyoborere abanyarwanda bahisemo. Igipimo cy'Imiyoborere mu Rwanda kigizwe n'inkingi 8, ibipimo 36 n'udupimo 130 nk'uko bigaragazwa n'ishusho ikurikira.

Ishusho 1: Umubare w'Inkingi, ibipimo n'udupimo





Aho byavuye: RGS 6th Edition

## Ibyavuye mu bushakashatsi ku gipimo cy'Imiyoborere mu Rwanda ku nshuro ya 6 (RGS 6th Edition)

Ugereranyije iyi RGS ya 6 n'iyayibanjirije (RGS ya 5), umubare w'ibipimo wavuye kuri 37 ujya kuri 36, naho udupimo twavuye 157 dusigara ari 130. Izi mpinduka ku mubare w'ibipimo n'udupimo zakozwe hagamijwe kunoza uburyo bwo gusesengura ibyavuye mu bushakashatsi. Mu gukora ubu bushakashatsi kandi, habayeho kuvugurura inyito za bimwe mu bipimo n'ibisuzumwa muri buri gipimo hagamijwe guhuza ibikubiye muri ubu bushakashatsi n'ibipimo mpuzamahanga, kuzamura ireme ryabwo no gufasha ababusoma kubusobanukirwa neza. Habayeho na none kugereranya ibyavuye muri ubu bushakashatsi n'iby'umwaka wawubanjirije hagamijwe kureba impinduka zabaye kuri buri nkingi.


### Ishusho 2: Uko Inkingi, ibipimo n'udupimo bihagaze




Aho byavuye: RGS 6th Edition

Nk'uko bigararagazwa n'aya mashusho, inkingi enye ku munani ziri ku gipimo cya 80% kuzamura; mu gihe enye zisigaye ziri ku gipimo kiri hagati ya 60% na 79,9%. Ku rundi ruhande, ibipimo 22 muri 36 biri ku kigero cya 80% kuzamura, naho ibipimo 14 biri hagati ya 60% na 79,9%. Ku birebana n'udupimo, 68 ku 130 biri ku gipimo cya 80% kuzamura, udupimo 49 turi hagati ya 60% na 79,9% naho 12 turi hagati ya 40 na 59,9%, mu gihe agapimo kamwe gasigaye kari munsi ya 40%.

Ishusho 3: Ikigereranyo cya RGS ya 5 n'iya 6





Aho byavuye: RGS 6th Edition

Muri rusange, ugereranije RGS ya 5 n'iya 6, nta mpinduka nini zagaragaye ku nkingi zose uretse inkingi y'imibereho myiza y'abaturage yamanutse ku kigero cya 7.03% aho iri ku gipimo cya 68.52% ivuye kuri 75.55%. Kumanuka kw'igipimo cy'iyi nkingi kwatewe ahanini no kunoza ibipimo biyigize hagamijwe kubihuza n'ibipimo mpuzamahanga cyane cyane mu burezi aho imbaraga zashyizwe mu kureba ireme ry'uburezi ndetse n'ibikorwaremezo mu mashuri.

Inkingi y'umutekano niyo ikomeje kuza ku isonga ku gipimo cya 94.29%. Inkingi eshatu nizo zazamutse ugereranije n'umwaka ushize aho izamuka rinini ringana na 1.34% rigaragara ku nkingi y'uburenganzira mu bya politiki n'ubwisanzure bw'abaturage. Izindi zazamutse harimo: kurwanya ruswa no gukorera mu mucyo ndetse n'iyubahirizwa ry'amategeko.

Ishusho 4: Ibipimo byazamutse kurusha ibindi (hejuru ya 5%)




Aho byavuye: RGS 6th Edition

Ibyavuye mu bushakashatsi bwa RGS ya 6 bigaragaza ko ibipimo 5 kuri 36 byazamutse ku kigereranyo kiri hejuru ya 5%. Igipimo kirebana n'imikorere y'imitwe ya politiki nicyo kiza imbere mu byazamutse cyane kuko cyazamutseho 17,21%. Iri zamuka rikaba ryaratewe ahanini n'agapimo k'ibijyanye n'uburyo imitwe ya politike ihagarariwe mu nteko ishinga amategeko, aho byavuye kuri 63.63% muri RGS ya 5 bikagera ku 100% muri RGS ya 6 biturutse ku matora y'abagize inteko ishinga amategeko ya 2018 aho imitwe ya politike yose ihagarariwe.

Ibindi bipimo byazamutse cyane harimo: imikorere y'ubucamanza yazamutseho 9.86%, iterambere ry' ubukungu no kuzamura urwego rw'abikorera (8.25%), uruhare rw'imiryango itari iya leta mu ishyirwaho rya politiki (6.97%) ndetse n'imikorere y'inteko ishinga amategeko yazamutseho 6.13%.

Muri rusange ibipimo 13 biri ku kigero cya 85% kuzamura naho ibipimo 7 biri munsi ya 70%.

## Imbonerahamwe 1:Ibipimo biri ku kigero cyo hejuru kurusha ibindi (hejuru ya 85%)

| N° | Inkingi | Ibipimo | Ikigero (%) |
|---|---|---|---|
| 1 | Inkingi 4 | Umutekano rusange w'igihugu | 99.40% |
| 2 | Inkingi 2 | Imikorere y'imitwe ya politike | 94.08% |
| 3 | Inkingi 4 | Ubumwe n'ubwiyunge n'imibanire y'Abanyarwanda | 93.99% |
| 4 | Inkingi 4 | Kubungabunga umutekano | 91.96% |
| 5 | Inkingi 4 | Umutekano w'abantu n'ibintu | 91.82% |
| 6 | Inkingi 1 | Imikorere y'ubushinjacyaha | 91.81% |
| 7 | Inkingi 1 | Imikorere y'Inteko ishinga amategeko | 91.44% |
| 8 | Inkingi 6 | Gukorera mu mucyo | 90.29% |
| 9 | Inkingi 1 | Imikorere y'ubucamanza | 88.34% |
| 10 | Inkingi 8 | Guteza imbere ishoramari | 87.92% |
| 11 | Inkingi 6 | Kugaragariza abaturage ibibakorerwa | 86.90% |
| 12 | Inkingi 2 | Kubona amakuru afitwe n'inzego za Leta | 86.83% |
| 13 | Inkingi 2 | Iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu n'iry'amasezerano mpuzamahanga | 86.41% |

Aho byavuye: RGS 6th Edition

Inkingi 1: Iyubahirizwa ry'amategeko
Inkingi 2: Ubwisanzure mu bya politike n'uburenganzira bw'abaturage
Inkingi 3: imiyoborere abaturage bagiramo uruhare kandi idaheza
Inkingi 4: Umutekano
Inkingi 5: kuzamura imibereho myiza y'abaturage
Inkingi 6: Kurwanya ruswa no gukorera mu mucyo
Inkingi 7: Ireme ry'imitangire ya serivisi
Inkingi 8: Imiyoborere mu bukungu n'ubucuruzi

Nkuko bigaragara Inkingi y'umutekano niyo ifite ibipimo byinshi biri ku kigero kiri hejuru ya 85% (Umutekano rusange, ubumwe n'ubwiyunge n'imibanire y'abanyarwanda, kubungabunga umutekano n' umutekano w'abantu n'ibintu)

## Imbonerahamwe 2: Ibipimo biri ku kigero cyo hasi (munsi ya 70%)

| Nº | Inkingi | Ibipimo | Ikigero (%) |
|---|---|---|---|
| 1 | Inkingi 7 | Imitangire ya serivisi mu rwego rw'imibereho myiza | 68.54% |
| 2 | Inkingi 5 | Guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ikirereno kubungabunga ibidukikije | 67.26% |
| 3 | Inkingi 5 | Uburezi | 66.71% |
| 4 | Inkingi 3 | Kwegereza ubuyobozi abaturage | 64.62% |
| 5 | Inkingi 7 | Imitangire ya serivsi mu rwego rw'ubukungu | 62.82% |
| 6 | Inkingi 5 | Gahunda zo kuzamura imibereho myiza y'abaturage | 61.21% |
| 7 | Inkingi 8 | Guteza imbere ubucuruzi mpuzamahanga n'inganda | 60.21% |

Aho byavuye: RGS 6th Edition

Nk'uko bigaragara inkingi yo guteza imbere imibereho myiza (gahunda zo kuzamura imibereho myiza y'abaturage, uburezi no guhangana n'ihindagurika ry'ibihe no kubungabunga ibidukikije) niyo ifite ibipimo byinshi biri munsi ya 70%.

Zimwe mu mpamvu nyamukuru zatumye inkingi yo guteza imbere imibereho myiza y'abaturage iza ku gipimo cyo hasi harimo:

**Mu burezi:** ubucucike bw'abana mu mashuri, abarimu bake ugereranyije n'abanyeshuri, ikibazo cy'ifunguro ryo ku manywa, guta ishuri ndetse no gusibira kw'abanyeshuri.

**Mu buzima:** kugwingira kw'abana, umubare w'abaganga, abaforomo n'ababyaza ukiri hasi, amavuriro y'ibanze (poste de sante) akiri make.

**Mu bidukikije:** imihindagurikire y'ikirere n'ubushobozi bwo guhangana n'ibiza.

byavuye mu bushakashatsi bwa RGS ya 6 bigaragaza ko ibipimo 5 kuri 36 byazamutse ku kigereranyo kiri hejuru ya 5%. Igipimo kirebana n'imikorere y'imitwe ya politiki nicyo kiza imbere mu byazamutse cyane kuko cyazamutseho 17,21%. Iri zamuka rikaba ryaratewe ahanini n'agapimo k'ibijyanye n'uburyo imitwe ya politike ihagarariwe mu nteko ishinga amategeko, aho byavuye kuri 63.63% muri RGS ya 5 bikagera ku 100% muri RGS ya 6 biturutse ku matora y'abagize inteko ishinga amategeko ya 2018 aho imitwe ya politike yose ihagarariwe.

Ibindi bipimo byazamutse cyane harimo: imikorere y'ubucamanza yazamutseho 9.86%, iterambere ry' ubukungu no kuzamura urwego rw'abikorera (8.25%), uruhare rw'imiryango itari iya leta mu ishyirwaho rya politiki (6.97%) ndetse n'imikorere y'inteko ishinga amategeko yazamutseho 6.13%.

Muri rusange ibipimo 13 biri ku kigero cya 85% kuzamura naho ibipimo 7 biri munsi ya 70%.

### 1.1.1.2.Ishusho y'uko abaturage babona imiyoborere n'imitangire ya serivisi mu nzego zibegereye (CRC)

Ubushakashatsi bwa CRC bukorwa buri mwaka hagamijwe kugaragaza uko abaturage bishimiye serivisi bahabwa n'inzego zibegereye ndetse n'uruhare bagira mu bibakorerwa. CRC ikorwa ku byiciro 15 bikubiye mu nkingi eshatu za guverinoma arizo: ubukungu, imibereho myiza ndetse n'imiyoborere n'ubutabera. Intego nyamukuru y'ubu bushakashatsi ni ugufasha inzego zegereye abaturage kunoza imitangire ya serivisi no kurushaho kurangwa n'imiyoborere ishyira umuturage ku isonga.

Mu rwego rwo kwimakaza imiyoborere ishingiye ku muturage, umwiherero wa 11 w'Abayobozi bakuru b'Igihugu wanzuye ko 10% by'amanota y'imihigo y'uturere azajya atangwa n'abaturage binyuze muri CRC.

#### IBYAVUYE MU BUSHAKASHATSI BWA CRC 2019


Ubushakashatsi bwa CRC 2019 bwakozwe hagendewe ku nkingi eshatu za gahunda ya Guverinoma y'imyaka irindwi (NST1) arizo Ubukungu, Imibereho myiza, Imiyoborere n'ubutabera.

**Mu bukungu:** Ubuhinzi, ubworozi, ibikorwaremezo, ubutaka n'ibidukikije n' urwego rw'abikorera;

**Mu mibereho myiza:** uburezi, ubuzima, isuku n'isukura, imibereho y'abaturage, umuryango n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina;

**Mu miyoborere n'ubutabera:** inzego z'ibanze, ubutabera, iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere n'icyizere ku nzego z'ubuyobozi, umutekano ndetse n'uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa.

Ikarita 1: Ishusho rusange y'uko uturere duhagaze muri CRC 2019




Aho byavuye: CRC 2019

Muri rusange iyi karita, iragaragaza ko mu turere 19 abaturage bashima serivisi bahabwa n'inzego zibegereye ndetse n'uruhare rwabo mu bibakorerwa ku gipimo cya 70% kuzamura, aho akarere kaza ku isonga ari Rulindo n'amanota 74.6%. Utundi turere 11 dusigaye dufite amanota ari hagati ya 60% na 70% aho ku mwanya wa nyuma haza akarere ka Kayonza gafite amanota 62.3%.

Mu cyiciro kirebana n'uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa uturere 22 turi ku gipimo cya 70% kuzamura mu gihe utundi turere 8 turi ku gipimo kiri hagati ya 60% na 70% nk'uko bigaragazwa n'imbonerahamwe ikurikira:


Imbonerahamwe 3: Uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa

| No | Akarere | CRC 2019 | CRC 2018 |
|---|---|---|---|
| 1 | Gakenke | 81.51% | 78.19% |
| 2 | Rulindo | 81.42% | 83.11% |
| 3 | Gicumbi | 80.54% | 73.69% |
| 4 | Burera | 80.32% | 73.37% |
| 5 | Musanze | 79.86% | 76.84% |
| 6 | Rutsiro | 78.98% | 75.77% |
| 7 | Nyabihu | 77.75% | 71.88% |
| 8 | Karongi | 76.09% | 72.09% |
| 9 | Kirehe | 75.61% | 81.47% |
| 10 | Ruhango | 74.92% | 75.81% |
| 11 | Nyaruguru | 74.61% | 77.77% |
| 12 | Ngoma | 74.50% | 77.25% |
| 13 | Rusizi | 74.27% | 66.43% |
| 14 | Nyamasheke | 74.09% | 70.66% |
| 15 | Rubavu | 73.49% | 77.71% |
| 16 | Ngororero | 72.94% | 71.92% |
| 17 | Bugesera | 72.09% | 83.08% |
| 18 | Nyagatare | 71.92% | 78.59% |
| 19 | Kamonyi | 71.76% | 84.49% |
| 20 | Muhanga | 71.64% | 74.53% |
| 21 | Nyarugenge | 71.52% | 76.33% |
| 22 | Rwamagana | 70.83% | 83.81% |
| 23 | Gatsibo | 69.85% | 79.95% |
| 24 | Gisagara | 68.78% | 74.80% |
| 25 | Nyanza | 68.25% | 74.61% |
| 26 | Nyamagabe | 67.41% | 60.05% |
| 27 | Gasabo | 66.65% | 72.97% |
| 28 | Kicukiro | 65.79% | 75.52% |
| 29 | Kayonza | 65.26% | 79.63% |
| 30 | Huye | 60.12% | 75.14% |
| **IMPUZANDENGO** | | **73.12%** | **75.89%** |

Aho byavuye: CRC 2019

## UKO IBYICIRO BISHIMWA N'ABATURAGE

### Ishusho 5: Uko ibyiciro bishimwa n'abaturage




Aho byavuye: CRC 2019

Muri rusange, iyi shusho irerekana ko abaturage bishimiye serivisi bahabwa ku gipimo cya 70.4%. Ibyiciro birindwi biri ku gipimo kiri hejuru ya 70%, aho umutekano waje ku isonga ku gipimo cya 89.4% mu gihe ubuhinzi buri ku kigero cya 55% ari nabwo bwaje ku mwanya wa nyuma. Nubwo ari cyo kiza inyuma, icyiciro cy'ubuhinzi nicyo cyazamutse kurusha ibindi aho cyiyongereyeho 5.6%. Mu bindi byiciro byagize impinduka nziza ugereranije n'umwaka ushize harimo: Umuryango n'ibibazo by'ihohoterwa (5.2%) ndetse n'ubworozi (5%).

Uyu mwaka kandi, Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere rwakoze imenyekanisha ry'ibyavuye mu bushakashatsi bwa CRC 2018 ku rwego rw'Intara zose n'umujyi wa Kigali ndetse no mu turere twose. Ibiganiro byose byakozwe hagamijwe gufasha inzego zegereye abaturage kuzamura uruhare rwabo mu bibakorerwa no kuvugurura imitangire ya serivisi.

## 1.1.2. Ubushakashatsi ku buryo bw'umwimerere bwo kwishakamo ibisubizo

Ubu bushakashatsi bugamije gusesengura akamaro k'uburyo bw'umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo mu iterambere ry'imibereho myiza n'ubukungu by'igihugu. Gahunda zisesengurwa zishobora kuba ari izo Abanyarwanda bihangiye cyangwa zarakuwe ahandi zigahuzwa n'ubuzima bw'Igihugu. Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere rukora kandi isuzuma hagamijwe kwemeza niba gahunda iyi n'iyi yujuje ibisabwa kugira ngo yitwe uburyo bw'umwimerere bwo kwishakamo ibisubizo.

Muri iki cyiciro cy'ubushakashatsi RGB yakoze ibikorwa bikurikira:

### 1.1.2.1. Ubushakashatsi kuri serivizi z'Irembo

Irembo ni uburyo bwo gutanga serivisi hakoreshejwe ikoranabuhanga bigamije koroshya no kwihutisha imitangire ya serivisi. Ubu buryo bwashyizweho na Guverinoma y' U Rwanda muri 2016. Ubu buryo bucungwa n'ikigo Rwanda Online Platform (ROLP).

RGB yakoze ubushakashatsi bugamije gusuzuma umusaruro umaze gutangwa n'Irembo mu kunoza no kwihutisha imitangire ya serivisi. Ubushakashatsi bwagaragaje ko Irembo rikorera mu mirenge yose y'u Rwanda (416) rikaba rifite abakozi barihuza n'abasaba serivisi (Agents) bakorera muri iyo mirenge. Kugeza ubu Irembo ritangirwamo serivisi 94 zitangwa n'ibigo bya Leta 18.

#### IBYAVUYE MU BUSHAKASHATSI

Muri rusange, 96% by'ababajijwe bagaragaje ko bishimiye serivisi z'Irembo. Icyakora, igipimo cyo kwishimira izo serivisi kigenda gihinduka hakurikijwe imiyoboro ikoreshwa n'Irembo. Abakoresha interineti nibo banyuzwe ku gipimo cyo hejuru cya 88.8%, abifashisha umukozi w'Irembo (agent) banyuzwe ku gipimo (85.3%) naho abakoresha Telefoni banyuzwe ku gipimo cyo hasi cya 11.2%.

Zimwe mu mpamvu zituma abakoresha telefoni bishimira serivisi z'Irembo kugipimo cyo hasi ni izi zikurikira: kutizera ibyakorewe kuri telefoni hadatanzwe gihamya (inyemezabwishyu), ururimi rukoreshwa, ubumenyi buke mu gukoresha ikoranabuhanga rya telefone.

#### UMUSARURO WA SERIVISI Z'IREMBO

Serivisi z'Irembo zazanye impinduka zifatika mu mitangire ya zimwe muri serivisi zitangwa n'inzego za Leta. Ishusho ikurikira igaragaza zimwe mu mpinduka zaturutse kuri izi serivisi.

Ishusho 6: Zimwe mu mpinduka zazanywe na serivisi z'iremb




Aho byavuye: Evaluation of Impact of IREMBO services 2019

byavuye muri ubu bushakashatsi bigaragaza ko 94.4% by'ababajijwe bemeza ko igihe bakoreshaga kugira ngo babone serivisi cyagabanutse naho 93.5% bemeje ko amafaranga batangaga ngo babone serivisi yagabanutse. 83.2% bemeza ko Irembo ryagize uruhare mu igabanuka rya ruswa mu mitangire ya serivisi mu nzego za Leta, 91.8% bemeza ko Irembo ryagize uruhare mu kugabanya ikimenyane mu mitangire ya serivisi naho 90.1% bemeza ko Irembo ryagize uruhare mu kugabanya akarengane mu mitangire ya serivisi. 79.2% bemeza ko Irembo ryatumye igipimo cyo gukorera mu mucyo no kubahiriza inshingano mu nzego za Leta kizamuka.

## ZIMWE MU MBOGAMIZI ZAGARAGAJWE N'UBU BUSHAKASHATSI

Nubwo byagaragaye ko serivisi z'Irembo zishimwa ku gipimo cyo hejuru, haracyarimo imbogamizi zigomba kwitabwaho. Zimwe muri zo ni izi zikurikira:

- Uburyo budahamye bwo guhuza ibikorwa, kubikurikirana, kubisuzuma no gushaka ibisubizo by'ibibazo bigenda bigaragara.
- Abaturage badafite amakuru ahagije kuri serivisi zitangwa n'Irembo.
- Ahatangirwa serivisi z'Irembo hakiri hake bitewe n'ibikorwaremezo by'ikoranabuhanga bidahagije (interineti, amashanyarazi)
- Ibikoresho byifashishwa mu mitangire ya serivisi z'Irembo bidahagije (scanner, printer, photocopy machine)
- Ubumenyi buke bw'abaturage mu gukoresha ikoranabuhanga
- Uburyo budahagije bw'ikoranabuhanga rifasha mu gutanga serivisi ku bantu bafite ubumuga
- Imitangire mibi ya serivisi ikigaragara kuri bamwe mu bakozi b'Irembo

## 1.1.2.2. Ubushakashatsi kuri serivisi z'Umurenge SACCO n' Umwalimu SACCO


### UMURENGE SACCO

Umurenge SACCO ni gahunda yashyizweho na Guverinoma y' U Rwanda mu mwaka wa 2008 hagamijwe kwegereza Abanyarwanda serivisi z'imari no guteza imbere umuco wo kuzigama. RGB yakoze ubushakashatsi kuri serivisi z'Umurenge SACCO hagamijwe gusuzuma imikorere yazo n'impinduka ku banyamuryango.

### IBYAVUYE MU BUSHAKASHATSI

Kugeza ubu Umurenge SACCO ufite amashami 416 akorera mu mirenge 416 yose y' igihugu, ukagira udushami 127, nukuvuga muri rusange ko servisi z' Umurenge SACCO zitangirwa ahantu 543 mu gihugu. Guhera mu mwaka wa 2008 Umurenge Sacco utangiye kugera mu Ugushyingo 2018, abanyamuryango bamaze kugera 2,813,327; muribo abagabo bari ku kigero cya 56.6% naho abagore bakaba 43.4%. Iyi shusho yo hasi iragaragaza uburyo umubare w'abanyamuryango wagiye uzamuka mu myaka 10, (2010-2018).


shusho 7: Ubwiyongere bw'abanyamuryango b'Umurenge SACCO mu myaka 10, 2010-2018 (Imibare yafatiwe kuri miliyoni)




Aho byavuye: Impact evaluation of Umurenge and Umwalimu SACCO programs

Nk'uko bigaragazwa n'ishusho iri hejuru umubare w'abanyamuryango b'umurenge wavuye ku 450,000 muri 2010 ugera 2,800,000 muri 2018.


Ishusho 8: Ubwizigame muri SACCO mu myaka 10 (Imibare yafatiwe kuri miliyari)




Aho byavuye: Impact evaluation of Umurenge and Umwalimu SACCO programs

Mu gihe cy'imyaka icumi amafaranga abitswa mu murenge SACCO yavuye kuri miliyari 6 agera kuri miliyari 62, bivuze ko yikubye inshuro zisaga icumi.

Ishusho 9: Inguzanyo zatanzwe na SACCO (Imibare yafatiwe kuri miliyari)




Nk'uko ishusho yo hejuru ibigaragaza umubare w'inguzanyo zatanzwe n'umurenge SACCO zavuye kuri miliyoni 82 mu mwaka wa 2010 ugera kuri miliyari zisaga 47.


## UMWALIMU SACCO

Umwalimu SACCO ni gahunda yashyizweho na Guverinoma y' U Rwanda mu mwaka wa 2008 hagamijwe guteza imbere imibereho ya mwarimu. RGB yakoze ubushakashatsi kuri serivisi z'Umwalimu SACCO hagamijwe gusuzuma imikorere yazo n'impinduka ku banyamuryango.

## IBYAVUYE MU BUSHAKASHATSI:

- Umubare w'abanyamuryango bahemberwa mu Umwalimu SACCO wavuye ku 2,500 mu 2008 ugera ku 75,720 mu 2018;
- Abanyamuryango b'Umwalimu SACCO bahabwa inguzanyo ku nyungu ya 11% ku bigisha mu bigo bya leta na 14% ku bigisha mu bigo byigenga. Iki kigero kiri munsi cyane y'inyungu iri hagati ya 17% na 22% itangwa ku nguzanyo za Banki z'ubucuruzi. Ibi byafashije abarimu mu kubona inguzanyo bitabagiye no gukora imishinga ibateza imbere.
- Ubu bushakashatsi bugaragaza ko serivisi z' Umwalimu SACCO zazamuye imibereho y'abarimu nkuko bigaragazwa n'ishusho ikurikira.

Ishusho 10: Umumaro w' Umwalimu SACCO mu guteza imbere imibereho y'ingo z'abanyamuryango




Aho byavuye: Impact evaluation of Umurenge and Umwalimu SACCO programs

Iyi shusho igaragaza ko Umwalimu SACCO yagize uruhare mu kuzamura imibereho y'abanyamuryango. Bimwe mu byo abanyamuryango babashije kwigezaho harimo: kugura ibinyabiziga, kongera umusaruro w'ubuhinzi, kurihira amashuri abagize umuryango no kwibonera icumbi.

Bamwe mu banyamuryango b'Umwarimu SACCO babashije kwihangira imirimo ndetse banatanga akazi. Abenshi mu bakoreweho ubushakashatsi (52.8%) bihangiye imirimo itanga akazi ku bakozi hagati y'umwe na batatu.

Imbonerahamwe 4: Imirimo yahanzwe n'abanyamuryango b'Umwalimu SACCO

| Umubare w'abahawe akazi | Imibare y'abasubije | Ijanisha |
|---|---|---|
| 1-3 | 163 | 52.8 |
| 4-9 | 101 | 32.7 |
| 10-30 | 38 | 12.3 |
| 31+ | 7 | 2.3 |
| **Igiteranyo** | **309** | **100** |

Aho byavuye: Impact evaluation of Umurenge and Umwalimu SACCO programs

### 1.1.2.3. Ubushakashatsi bugamije kwemeza uburyo bw'umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo

RGB ifite ububasha bwo kwemeza ko uburyo runaka bukoreshwa ari umwimerere nyarwanda wo kwishakamo ibisubizo. Ibi bikorwa binyuze mu bushakashatsi busuzuma niba gahunda isuzumwa yujuje bimwe muri ibi bikurikira:

- Gutanga igisubizo ku kibazo cyihariye;
- Kuba ikomoka ku murage, umuco n'indangagaciro by'u Rwanda;
- Kuba yubakiye ku miyoborere n'umurongo wa politiki u Rwanda rwahisemo nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994;
- Kuba ishingiye ku bikorwa hanze y'u Rwanda igahuzwa n'imigirire y'Abanyarwanda mu gusubiza ibibazo biriho;
- Kuba isubiza ikibazo mu buryo budasanzwe, bworoshye kandi bunoze

Ni muri urwo rwego RGB yakoze ubushakashatsi kuri gahunda ebyiri arizo: Kwita Izina n'Inteko z'Abaturage.

## KWITA IZINA

Kwita Izina ni igikorwa ngarukamwaka cyatangijwe na Guverinoma y' U Rwanda muri 2005 hagamijwe kubungabunga no guha agaciro ingagi zo mu birunga nka zimwe mu nyamaswa zisigaye ari nke ku isi. Iyi gahunda kandi inagira uruhare rufatika mu guteza imbere ubukerarugendo mu Rwanda. Buri mwaka, abana b'ingagi bamaze amezi 12 bahabwa amazina kugira ngo byorohe gukurikirana ingagi no kuzirinda hashingiwe ku miryango zikomokamo.

Kwita Izina ni kimwe mu bikorwa by'ingenzi mu kubungabunga urusobe rw'ibinyabuzima. Kuva iki gikorwa cyatangira muri 2005 kugeza muri 2018, ingagi zo mu birunga 258 zimaze guhabwa amazina.

## IBYAGARAGAJWE N'UBUSHAKASHATSI

Ibyavuye mu bushakashatsi byubakiye ku bigenderwaho mu kwemeza ko uburyo bukoreshwa ari umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo. Ni muri urwo rwego gahunda yo Kwita Izina yemejwe ko ari umwimerere nyarwanda wo kwishakamo ibisubizo hashingiwe kuri ibi bikurikira:

- Kwita Izina bikomoka mu muco nyarwanda aho umwana ukivuka akorerwa umuhango wo guhabwa izina n'umuryango. Ibi rero bikaba byarashingiweho mu kwita abana b'ingagi mu rwego rwo kuziha agaciro no kuzibungabunga. Kubera uburemere Abanyarwanda baha umuhango wo kwita umwana izina byatumye bumva akamaro k'ingagi, bagira uruhare mu kuzibungabunga ari nabyo byatumye abahoze ari ba rushimusi bitabira ibikorwa byo kuzirinda.

- Mu rwego rwo gukemura ikibazo mu buryo budasanzwe, bworoshye kandi bunoze Kwita Izina byafashije mu kubungabunga ingagi n'urusobe rw'ibinyabuzima muri Parike y'Igihugu y'Ibirunga. Ibi bikaba byaratumye umubare w'ingagi uva kuri 380 muri 2003 ukagera kuri 604 muri 2017.

- Ubukerarugendo ni imwe mu nkingi za politiki yo kuzamura ubukungu n'iterambere rirambye by'u Rwanda nk'uko bikubiye muri gahunda ya Guverinoma y'Imyaka irindwi (NST1). Kwita Izina bimaze kugira uruhare rugaragara mu guteza imbere ubukerarugendo ku buryo umubare w'abasura Parike y'Igihugu y'Ibirunga wavuye ku 20.000 muri 2008 ugera kuri 35.537 muri 2017. Ibi byatumye amafaranga Igihugu cyinjiza bivuye ku gusura Parike y'Igihugu y'Ibirunga ava kuri miliyoni 8.9 z'amadolari y'Amerika muri 2010 akagera kuri miliyoni 17.1 z'amadolari y'Amerika muri 2017.

## INTEKO Z'ABATURAGE

Inteko z'Abaturage ni urubuga abaturage n'abayobozi bahuriramo bakungurana ibitekerezo ku bibateza imbere bakanashakira hamwe umuti w'ibibazo bihari. Iyi gahunda ikorwa rimwe mu cyumweru igakorerwa ku rwego rw'akagari.

Inteko z' abaturage zashyizweho muri 2013 mu rwego rwo kwegereza abaturage ubuyobozi, hagamijwe kongera uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa no kwikemurira ibibazo. Mu nteko z'abaturage, abaturage n'abayobozi bungurana ibitekerezo kuri gahunda zitandukanye zibateza imbere n'uruhare rwabo mu ishyirwa mu bikorwa, mu igenzura no kubungabunga ibyagezweho.

### Ibyagaragajwe n'ubushakashatsi

Ibyavuye mu bushakashatsi byubakiye ku bigenderwaho mu kwemeza ko uburyo bukoreshwa ari umwimerere nyarwanda wo kwishakamo ibisubizo. Ni muri urwo rwego Inteko z'Abaturage zemejwe nk' uburyo bw'ubwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo hashingiwe kuri ibi bikurikira:

- Inteko z'Abaturage zifite inkomoko mu muco nyarwanda aho abagize umuryango mugari bahuraga bakajya inama bagakemura n'ibibazo byagaragaye bayobowe n'umukuru w'umuryango. Nyuma y'umuryango ibibazo byananiranye byoherezwaga ku mutware naho byananirana bikajya ku mwami. Ni muri urwo rwego no mu Nteko z'Abaturage abaturage n'abayobozi bahura bakikemurira ibibazo, ibinaniranye bishyikirizwa inzego zibifite mu nshingano.

- Mu rwego rwo kwimakaza politike y'imiyoborere ishingiye ku muturage, Inteko z'Abaturage zitanga urubuga rutuma abaturage bagira uruhare mu bibakorerwa.

- Mu rwego rwo kwikemurira ibibazo mu buryo bworoshye kandi bunoze, Inteko z'Abaturage zifasha gukemura ibibazo neza kandi mu gihe gito bikarinda abaturage gusiragira. Inteko z'Abaturage zishimangira kandi umuco wo gukorera mu mucyo, bikagabanya ruswa n'akarengane kuko ibibazo bikemurirwa mu ruhame.

## 1.1.3. Ikoranabuhanga mu miyoborere no gusesengura ibyegeranyo mpuzamahanga bivuga ku Rwanda

RGB ifite inshingano zo gukurikirana ubushakashatsi buvuga ku Rwanda bwaba ubukorwa n'Abanyarwanda cyangwa Abanyamahanga. Ibi bikorwa hagamijwe kugaragaza isura y'u Rwanda mu ruhando mpuzamahanga no gusesengura icyo ubwo bushakashatsi buvuga ku Rwanda.

Nk'urwego rushinzwe kwimakaza amahame y'imiyoborere, RGB yashyizeho uburyo bw'ikoranabuhanga buyifasha mu kubika no gusangiza abandi amakuru arebana n'imiyoborere mu Rwanda.

Ni muri urwo rwego RGB yakoze ibikorwa bikurikira:

### 1.1.3.1. Gukoresha urubuga nkusanyamakuru ku miyoborere mu Rwanda (Local Governance Profile Center, LGPC)

LGPC ni uburyo bw'ikoranabuhanga bwashyizweho na RGB mu rwego rwo guhuriza hamwe amakuru arebana n'imiyoborere n'iterambere mu nzego z'ibanze kugira ngo agenderweho mu ifatwa ry'ibyemezo. Uru rubuga rwatangiye gukoreshwa rukaba rushyirwaho amakuru.

Amakuru ashyirwa muri LGPC arebana n'imihigo y'uturere, uruhare rw'abaturage, serivisi z'imari, imicungire y'amakoperative, gukorera mu mucyo no kurwanya ruswa, umutekano, imitangire ya serivise, imikorere y'Inama Njyanama z'uturere ndetse n'Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu Iterambere ry'akarere (JADF).

## 1.1.3.2. Kugaragaza ubushakashatsi bwa RGB hifashishijwe ikoranabuhanga (Digital Platform)

RGB yashyizeho urubuga rw'ikoranabuhanga rwifashishwa mu kubika no kumenyekanisha ibyavuye mu bushakashatsi bwayo. Amakuru ashyirwaho mu buryo bworohereza abayakeneye kuyabona uko bayifuza ari ubwanditse, imbonerahamwe ndetse no mu mibare. Ukeneye kubona no gukoresha ayo makuru abisabira uburenganzira anyuze kuri urwo rubuga.

## 1.1.3.3. Gutanga uburenganzira bw'ibanze no gukurikirana inyigo n'ubushakashatsi bikorerwa mu Rwanda ku miyoborere.

Mu gushyira mu bikorwa iyi nshingano RGB yateguye ibigenderwaho mu gutanga uburenganzira bw'ibanze ku bifuza gukora ubushakashatsi ku miyoborere mu Rwanda. Muri uyu mwaka w'ingengo y'imari hakiriwe ubusabe 15, nyuma yo kubusuzuma 10 bwaremewe buhabwa impushya kuko bwari bwujuje ibisabwa. RGB yanakurikiranye ko ubwo bushakashatsi bwakozwe hagendewe ku mbanzirizamushinga yabwo.

## 1.1.3.4. Gusesengura ibyegeranyo mpuzamahanga bivuga ku Rwanda

RGB yasesenguye ibyavuye mu byegeranyo mpuzamahanga bitandukanye bigaragaza uko ibihugu bihagaze mu byiciro bitandukanye hagamijwe kureba uko u Rwanda rugaragazwa n'ibyo byegeranyo mu ruhando mpuzamahanga.

Ibyegeranyo byakorewe isesengura bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

Imbonerahamwe 5: Uko bimwe mu byegeranyo mpuzamahanga bigaragaza u Rwanda

| Icyegeranyo | Urwego rugikora | Umwanya u Rwanda ruriho ku Isi | Umwanya u Rwanda ruriho muri Afurika | Amanota |
|---|---|---|---|---|
| 1. **Global Competitiveness Index 4.0 2018** | World Economic Forum | 108 mu Bihugu 140 bwakorewemo | N/A | 50.9% |
| 2. **World Bank Doing business report 2019** | World Bank | 29 mu Bihugu 190 bwakoremo | N/A | 77.88% |
| 3. **Global Gender Gap report 2018** | World Economic Forum | 6 mu Bihugu 149 | 1 muri Afrika yo munsi y'ubutayu | 0.804/1 |
| 4. **Ibrahim Index of African Governance 2018** | Mo Ibrahim Foundation | N/A | 8 mu Bihugu 54 | 64.3/% |
| 5. **Legatum prosperity index 2018** | Legatum Institute | 95 mu Bihugu 149 | 6 muri Afrika yo munsi y'ubutayu | 57.2% |
| 6. **Corruption perception index 2018** | Transparency International | 48 mu Bihugu 180 | 4 muri Afrika yo munsi y'ubutayu | 56% |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| **7. World Happiness Report 2019** | United Nations Sustainable Development Solutions Network. | 152 mu Bihugu 156 | - | 3.334/10 |
| **8. Global Innovation index** | INSEAD & World intellectual property organization | 99 mu Bihugu 127 | 7 (afrika yo munsi y'ubutayu) | 26.54/100 |
| **9. Press Freedom report 2019** | Reporters without borders (RSF) | 155 mu Bihugu 180 | - | 52.43/100 |
| **10. Africa visa openness report 2018** | African development bank (AfDb) | N/A | 3 mu Bihugu 54 by Afrika | 0.857 |
| **11. Global peace index 2019** | the Institute for Economics and Peace (IEP) | 79 mu Bihugu 163 | (17) Muri Afrika yo munsi y'ubutayu | 2.014 |

Ubusesenguzi bwa RGB kuri ibi byegeranyo bwashyikirijwe inzego bireba kugira ngo zirusheho kumenya uburyo ibi byegeranyo bikorwa n'ibikubiyemo. Ikindi ni uko inzego zasabwe kugira icyo zikora ku bibazo byagaragajwe cyane cyane amakuru atajyanye n'igihe ndetse n'aho bigaragaza ibipimo biri hasi ku Rwanda kugira ngo zigire icyo zibikoraho.

## 1.2. UBURYO BW'UMWIMERERE NYARWANDA BWO KWISHAKAMO IBISUBIZO

Mu myaka irenga 20 ishize u Rwanda rwahisemo kwifashisha uburyo bw'umwimerere bwo kwishakamo ibisubizo mu rwego rwo guhangana n'ibibazo by'imibereho myiza y'abaturage n'iterambere ry'ubukungu. Ubu buryo bushingiye ku muco nyarwanda bwabyaye gahunda zatanze ibisubizo birambye ku bibazo binyuranye birimo ibyinshi byatewe n'ingaruka za Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

RGB ifite inshingano yo gusigasira, kurinda no guteza imbere uburyo bw'umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo. Mu gushyira mu bikorwa izi nshingano, RGB yakoze ibikorwa bikurikira:

### 1.2.1. Gushyiraho urubuga rw'ikoranabuhanga rwo gusangiza abandi amakuru avuga ku buryo bw'umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo (digital platform)

RGB yakoze urubuga rushyirwaho amakuru yerekeye uburyo bw'umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo (HGS digital platform). Uru rubuga rufasha gusangiza Abanyarwanda n'abanyamahanga amakuru ku buryo bw'umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo n'umusaruro bwatanze.

Amakuru ashyirwa kuri uru rubuga mu buryo bw'amashusho amajwi n'inyandiko bivuga ku buryo bw'umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo.

Amakuru amaze gushyirwa kuri uru rubuga agabanije mu byiciro bikurikira:

- Filimi mbarankuru (documentary films) zivuga kuri gahunda esheshatu arizo: Girinka, Abajyanama b'ubuzima, Umuganda, Ubudehe, Ubwisungane mu kwivuza (Community based health insurance),

n'Umushyikirano; ndetse n'inyandiko bijyana nazo zikaba ziri gutegurwa zikazashyirwaho mu gihe cya vuba.

- Inyandiko z'ubushakashatsi buvuga kuri gahunda ebyiri arizo: Girinka n' Abajyanama b'ubuzima. Uru rubuga ruzakomeza gushyirwaho amakuru ajyanye n'uburyo bw' umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo uko azajya agenda aboneka.

### 1.2.2. Kugaragaza ahabumbatiye ibimenyetso n'ibikorwa by' umwimerere nyarwanda wo kwishakamo ibisubizo (Homegrown solutions Sites identification)

RGB yakoze ikusanyamakuru rigamije kugaragaza no kumenyekanisha ahakozwe ibikorwa by'intangarugero binyujijwe muri gahunda nyarwanda zo kwishakamo ibisubizo kugira ngo ahantu hazatoranywa hazajye hifashishwa cyane cyane mu ngendoshuri ku banyarwanda ndetse n'abanyamahanga bifuza kumenya neza uko uburyo bw'umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo bushyirwa mu bikorwa. Ni muri urwo rwego hari ahantu (sites) hatanu hagaragaye ibikorwa by'intangarugero bishingiye kuri gahunda zitandukanye z'umwimerere nyarwanda wo kwishakamo ibisubizo.

### 1.2.3. Kwandikisha no kurinda uburyo bw'umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo

Gusigasira, kurinda no guteza imbere uburyo bw'umwimerere bikorwa hagamijwe kurinda ko bwakoreshwa binyuranyije n'amategeko. Ni muri urwo rwego, RGB yakomeje gahunda yo kwandikisha ubwo buryo bwo kwishakamo ibisubizo mu rwego rubishinzwe imbere mu gihugu (Ikigo cy'Igihugu cy'Iterambere-RDB). Muri uyu mwaka RGB yandikishije gahunda ya Girinka (ni ukuvuga amazina ndetse nd'ibirango bijyana). Iyi ikaba yiyongera ku zindi gahunda enye zari zanditswe mbere arizo: Gacaca, Abunzi, Imihigo n'Umushyikirano.

Hari kandi izindi gahunda enye: Itorero, Ubudehe, Umuganda, n'Umwiherero, bwakorewe ibirango, byoherezwa mu bafatanyabikorwa batandukanye kugira ngo babitangeho ibitekerezo mbere y'uko byemezwa. Nyuma yo kwandikisha imbere mu gihugu hakazakurikiraho indi gahunda yo kwandikisha ku rwego mpuzamahanga.

### 1.2.4. Kwandikisha no kurinda uburyo bw'umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo ku rwego Mpuzamahanga

RGB yatangiye igikorwa cyo kwandikisha ku rwego mpuzamahanga uburyo butatu bw'umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo aribwo: Abunzi, Imihigo n'Umushyikirano. Ibyangombwa byose bikenerwa mu kwandikisha ubu buryo byashyikirijwe Umuryango mpuzamahanga wo kurengera uburenganzira ku mutungo bwite mu by'ubwenge (World Intellectual Property Organization - WIPO).

## 1.3. IMITANGIRE YA SERIVISI, IMIYOBORERE MYIZA N'IHURIRO RY'ABAFATANYABIKORWA MU ITERAMBERE RY'AKARERERE (JADF)

RGB ifite inshingano zirimo guteza imbere amahame y'imiyoborere myiza, imikorere n'imitangire ya serivisi no kubigiramo inama Guverinona n'izindi nzego bireba, kugenzura ku buryo buhoraho imitangire ya serivisi n'iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere myiza mu nzego za Leta, iz'abikorera n'imiryango itari iya Leta.

Ibikorwa byakozwe muri iki cyiciro, byibanze ku kugenzura imitangire ya serivisi, kwimakaza amahame y'imiyoborere no guhuza ibikorwa by'abafatanyabikorwa mu iterambere (JADF).

## 1.3.1. Imitangire ya serivisi

Hashingiwe kuri Gahunda ya Guverinoma y'Imyaka Irindwi, biteganyijwe ko igipimo cy'imitangire ya serivisi kizaba kigeze kuri 90% muri 2024. Ni muri urwo rwego buri mwaka RGB igenzura imitangire ya serivisi mu nzego zitandukanye hagamijwe kureba aho zigeze zigana kuri iyo ntego.

Mu mwaka wa 2018-2019 RGB yakoze igenzura ry'imitangire ya serivisi mu nzego 99, murizo 49 ni iza Leta, 20 z'abikorera na 30 z'imiryango itari iya Leta. Hakozwe kandi ubukangurambaga bugamije kunoza imitangire ya serivisi "Nk'uwikorera"; guhugura abakozi ba RGB ku mitangire ya serivisi; isesengura ku mitangire ya serivisi mu bigo by'ubuvuzi na serivisi zo kugeza amazi ku baturage ndetse no kubaka ubufatanye n'inzego zisuzuma serivisi.

### 1.3.1.1. Igenzura ry'imitangire ya serivisi mu nzego za Leta, iz'abikorera n'imiryango itari iya Leta

RGB yakoze igenzura ry'imitangire ya serivisi muri Minisiteri 15, ibigo 30 , Intara zose n'Umujyi wa Kigali. Mu rwego rw'abikorera, hagenzuwe ibigo 20 birimo 5 bikora mu byerekeye gutwara abagenzi mu buryo bwa rusange n'ibigo by'imari 15. Hagenzuwe kandi ibigo 30 by'Imiryango itari iya Leta.

Zimwe mu mpinduka zakozwe mu igenzura ry'uyu mwaka ni uko mu rwego rw'abikorera hasuzumwe serivisi z'Imari na serivisi zo gutwara abantu mu buryo bwa rusange, mu gihe umwaka ushize hagenzuwe serivisi z'ubuvuzi zitangwa n'abikorera na serivisi zo gutwara abantu mu buryo bwa rusange. Ikindi cyahindutse ni uko igipimo kijyanye no gutanga serivisi hifashishijwe ikoranabuhanga cyakorewe igenzura ryihariye.

Imbonerahamwe ikurikira irerekana incamake y'ibyavuye mu igenzura ku mitangire ya serivisi mu bigo bya Leta, iby'abikorera no mu miryango itari iya Leta.

Imbonerahamwe 6: Incamake y'ibyavuye mu igenzura ku mitangire ya serivisi

IBISOBANURO BY'AMABARA

| Ibara | Igisobanuro |
|---|---|
| Ubururu | Hagati ya 80% na 100% |
| Icyatsi | Hagati ya 70% na 79.9% |
| Umuhondo | Hagati ya 60% na 69.9% |
| Umutuku | Munsi ya 60% |

## INZEGO ZA LETA 74.75

| Igipimo | Insanganyamatsiko | Amanota |
|---|---|---|
| Igipimo cya 1 | Aho gukorera haboneye | 69.28 |
| Igipimo cya 2 | Serivisi zijyanye n'inshingano nyamukuru | 77.10 |

## INZEGO Z'ABIKORERA 74.00

### SERIVISI Z'IMARI 73.86

| Igipimo | Insanganyamatsiko | Amanota |
|---|---|---|
| Igipimo cya 1 | uko abasaba serivisi bakirwa n'aho bakirirwa | 61.30 |
| Igipimo cya 2 | Serivisi zijyanye n'inshingano nyamukuru | 82.24 |

## SERIVISI ZO GUTWARA ABANTU MU BURYO BWA RUSANGE 74.14

| Igipimo | Insanganyamatsiko | Amanota |
|---|---|---|
| Igipimo cya 1 | Kugaragaza ahatangirwa serivisi | 32.61 |
| Igipimo cya 2 | Aho gukorera haboneye | 59.51 |
| Igipimo cya 3 | Ibifasha mu kunoza serivisi | 52.50 |
| Igipimo cya 4 | Imicungire y'abakozi n'imali | 90.67 |
| Igipimo cya 5 | Kubahiriza amabwiriza agenga serivisi nyamukuru | 90.00 |

## IMIRYANGO ITARI IYA LETA (CSOs) 69.05

| Igipimo | Insanganyamatsiko | Amanota |
|---|---|---|
| Igipimo cya 1 | Kumenya ahatangirwa serivisi | 60.53 |
| Igipimo cya 2 | Aho gukorera haboneye | 58.91 |
| Igipimo cya 3 | Ibifasha mu kunoza serivisi | 47.52 |
| Igipimo cya 4 | Imicungire y'abakozi n'imali | 89.28 |
| Igipimo cya 5 | Kubahiriza amabwiriza agenga serivisi nyamukuru | 76.55 |

Igenzura ryagaragaje ko igipimo cy'imitangire ya serivisi mu nzego za Leta kiri ku mpuzandengo ya 74,75%, mu rwego rw'abikorera ni 74% naho mu miryango itari iya Leta ni 69.05%. Nk'uko bigaragazwa n'ibi bipimo haracyari intera ndende kugera ku ntego ya 90% muri 2024 nk'uko biteganywa muri Gahunda ya Guverinoma y'Imyaka Irindwi (NST1).

Ibyavuye mu igenzura mu buryo burambuye kuri buri kiciro biragaragara mu gice gikurikira

## Inzego za Leta

### Imbonerahamwe 7: ibyavuye mu igenzura ry'imitangire ya serivisi mu nzego za Leta

| Ikigo/Urwego | Amanota y'igipimo cy'aho gukorera haboneye (%) | Amanota y'igipimo cya serivisi zijyanye n'inshingano nyamukuru % | Impuzandengo (%) |
|---|---|---|---|
| RSB | 90.23 | 90.42 | 90.36 |
| MINAGRI | 82.25 | 88.92 | 86.92 |
| NIDA | 73.04 | 91.71 | 86.11 |
| MINICOM | 80.80 | 87.98 | 85.83 |
| RBC | 94.26 | 80.18 | 84.40 |
| MINECOFIN | 80.09 | 84.68 | 83.30 |
| NAEB | 69.44 | 88.02 | 82.44 |
| MINIJUST | 73.39 | 84.90 | 81.45 |
| NORTHERN PROVINCE | 80.03 | 81.64 | 81.16 |
| LODA | 71.76 | 85.04 | 81.06 |
| RHA | 63.45 | 87.06 | 79.98 |
| NCHR | 74.60 | 81.98 | 79.77 |
| MINISPOC | 71.30 | 83.30 | 79.70 |
| RRA | 91.83 | 73.91 | 79.29 |
| NCC | 51.14 | 90.91 | 78.98 |
| CoK | 84.10 | 76.48 | 78.77 |
| MIFOTRA | 70.13 | 81.03 | 77.76 |
| RDB | 79.04 | 76.74 | 77.43 |
| FARG | 66.22 | 81.32 | 76.79 |
| RSSB | 80.13 | 75.12 | 76.62 |
| MININFRA | 73.89 | 77.57 | 76.47 |
| MIGEPROF | 68.79 | 79.64 | 76.38 |
| SOUTHERN PROVINCE | 73.59 | 77.43 | 76.28 |
| REMA | 67.69 | 79.85 | 76.20 |
| RURA | 80.61 | 73.75 | 75.81 |
| NWC | 59.10 | 82.84 | 75.71 |
| GMO | 67.50 | 77.53 | 74.52 |
| Ombudsman | 80.73 | 71.56 | 74.31 |

| Ikigo/Urwego | Amanota y'igipimo cy'aho gukorera haboneye (%) | Amanota y'igipimo cya serivisi zijyanye n'inshingano nyamukuru % | Impuzandengo (%) |
|---|---|---|---|
| NYC | 45.29 | 86.22 | 73.94 |
| MINAFFET | 65.61 | 77.07 | 73.63 |
| RLMUA | 68.69 | 75.34 | 73.34 |
| MINICT | 52.08 | 81.83 | 72.91 |
| EASTERN PROVINCE | 74.56 | 71.62 | 72.50 |
| WDA | 82.20 | 67.83 | 72.14 |
| MINIYOUTH | 54.45 | 79.13 | 71.73 |
| PSC | 56.20 | 78.10 | 71.53 |
| RCA | 66.82 | 73.17 | 71.27 |
| MINALOC | 78.65 | 67.74 | 71.01 |
| MoE | 69.47 | 70.80 | 70.40 |
| MHC | 46.34 | 80.42 | 70.19 |
| MINISANTE | 67.29 | 71.34 | 70.12 |
| REB | 74.21 | 64.67 | 67.53 |
| NIC | 39.03 | 78.96 | 66.98 |
| EUCL | 57.23 | 67.93 | 64.72 |
| RAB | 63.61 | 62.60 | 62.90 |
| WESTERN PROVINCE | 67.01 | 60.53 | 62.48 |
| NCPD | 66.13 | 58.33 | 60.67 |
| HEC | 52.53 | 58.60 | 56.78 |
| WASAC | 48.41 | 53.99 | 52.32 |
| **IMPUZANDENGO RUSANGE** | **69.28** | **77.10** | **74.75** |

Aho byavuye: Service delivery assessment 2019

Nk'uko bigaragara muri iyi mbonerahamwe, igipimo kijyanye n'aho gukorera haboneye nicyo kiri hasi ku kigero cya 69.28%. Bimwe mu byatumye iki gipimo kiba hasi harimo: kutagira uburyo bwo korohereza abafite ubumuga kugera kuri serivisi, kutagaragaza ibiranga aho serivisi zitangirwa, kutagira uburyo bunoze bwo kwakira ibitekerezo no gusubiza abagana inzego, imirongo ya telefone yagenewe gufasha abakiliya idakora no kutagira aho gukorera hahagije. Ibi nibyo bibazo byagaragaye cyane mu bigo byagenzuwe.

## ISUZUMA RY'IMITANGIRE YA SERIVISI MU NZEGO Z'ABIKORERA

### Imbonerahamwe 8: ibyavuye mu isuzuma ku mitangire ya serivisi mu bigo by'imali

| Ibigo byagenzuwe | Amanota ku gipimo cyo kwakira ababagana n'aho gukorera haboneye (%) | Amanota ku gipimo cya serivisi zijyanye n'inshingano nyamukuru (%) | Impuzandengo |
|---|---|---|---|
| COGEBANQUE | 66.66 | 92.50 | **82.16** |
| BANK OF AFRICA | 68.49 | 85.00 | **78.40** |
| GT BANK | 64.71 | 87.50 | **78.38** |
| BRD | 75.03 | 80.00 | **78.01** |
| SORAS | 58.80 | 89.17 | **77.02** |
| EQUITY BANK | 56.67 | 87.50 | **75.17** |
| RADIANT | 59.11 | 85.42 | **74.89** |
| I & M BANK | 61.90 | 83.13 | **74.64** |
| KCB | 63.16 | 82.08 | **74.51** |
| SAHAM INSURANCE | 63.68 | 81.67 | **74.47** |
| PRIME INSURANCE | 50.48 | 89.17 | **73.69** |
| BANK OF KIGALI | 66.98 | 75.18 | **71.90** |
| URWEGO BANK | 60.32 | 72.00 | **67.33** |
| SONARWA | 50.33 | 76.80 | **66.21** |
| BPR | 53.21 | 66.49 | **61.18** |
| **IMPUZANDENGO** | **61.30** | **82.24** | **73.86** |

Aho byavuye: Service Delivery Assessment, 2019

Nk'uko bigaragazwa n'iyi mbonerahamwe, impuzandengo y'imitangire ya serivisi mu bigo by'imari byagenzuwe iri ku gipimo cya 73.86%. Byagaragaye ko ibigo by'imari bimaze gutera intambwe ishimishije mu buryo bitanga serivisi nyirizina kuko igipimo kiri kuri 82.24%. Naho mu bijyanye no kwakira ndetse n'aho byakirira ababigana, haracyari intege nke kuko igipimo kiri kuri 61.30%. Bimwe mu bituma iki igipimo kikiri hasi, harimo kuba bimwe mu bigo by'imari nta nyandiko mbonera igaragaza amakuru kuri serivisi bitanga, kutagira uburyo bworohereza abafite ubumuga kugera kuri serivisi, kutagira ubwiherero bw'abakiliya no kutagaragaza ibiranga aho serivisi zitangirwa.

## IBIGO BITWARA ABAGENZI MU BURYO BWA RUSANGE

### Imbonerahamwe 9: Imikorere y'ibigo bitwara abagenzi mu buryo bwa rusange

| Ibigo \ Amanota | Kugaragaza ahatangirwa serivisi | Aho gukorera haboneye | Ibifasha kunoza serivisi | Imicungire y'abakozi | Kubahiriza amabwiriza agenga gutwara abagenzi | Impuzandengo |
|---|---|---|---|---|---|---|
| RFTC | 64.72 | 73.96 | 58.33 | 100.00 | 89.91 | 81.50 |
| ROYAL EXPRESS | 36.67 | 60.05 | 58.33 | 80.00 | 100.00 | 77.34 |
| HORIZON EXPRESS | 36.67 | 51.72 | 58.33 | 80.00 | 100.00 | 76.51 |
| VIRUNGA | 19.17 | 53.33 | 37.50 | 93.33 | 87.85 | 68.56 |
| RITCO | 20.83 | 58.49 | 50.00 | 100.00 | 72.22 | 66.82 |
| **Impuzandengo** | **35.61** | **59.51** | **52.50** | **90.67** | **90.00** | **74.14** |

Iyi mbonerahamwe iragaragaza ko impuzandengo ku mikorere y'ibigo byo gutwara abagenzi mu buryo rusange iri ku gipimo cya 74.14%. Ibipimo biri hasi cyane harimo kugaragaza ahatangirwa serivisi 35.61%, ibifasha kunoza serivisi 52.50% n' aho gukorera haboneye 59.51%. Bimwe mu byatumye ibi bipimo biba hasi ni uko abagenzi bafite ubumuga bitaborohera kugera aho ibi bigo bitangira serivisi, isuku nke mu bwiherero ndetse no kutagaragaza ibiranga aho abakozi bakorera.

Muri iki cyegeranyo bigaragara ko ibigo bitanga serivisi zo gutwara abantu mu buryo bwa rusange bigifite intege nke mu mikorere bikagira n'ingaruka kuri serivisi biha ababigana. Ni muri urwo rwego, RGB izakora igenzura ryimbitse kuri serivisi zo gutwara abantu mu buryo bwa rusange.

## ISUZUMA RY'IMITANGIRE YA SERIVISI MU MIRYANGO ITARI IYA LETA

### Imbonerahamwe 10: ibyavuye mu isuzuma ku mitangire ya serivisi mu miryango itari iya Leta (CSOs)

| Imiryango | Kugaragaza ahatangirwa serivisi (%) | Aho gukorera haboneye (%) | Ibifasha kunoza serivisi (%) | Imicungire y'abakozi n'imari (%) | Kubahiriza amabwiriza y'imitangire ya serivisi (%) | Impuza - ndengo |
|---|---|---|---|---|---|---|
| AGAHOZO Shalom Youth Village | 83.33 | 74.17 | 53.33 | 100.00 | 100.00 | **86.63** |
| RRP+ | 91.67 | 56.60 | 61.33 | 92.50 | 99.86 | **85.26** |
| PROFEMME | 76.43 | 87.37 | 40.00 | 95.00 | 92.65 | **81.88** |
| THE DIANA FOSSEY GORILLA FUND | 75.00 | 79.17 | 49.17 | 100.00 | 93.28 | **82.81** |
| CCOIB | 62.50 | 65.70 | 88.33 | 90.00 | 86.86 | **80.72** |
| Never Again | 68.93 | 59.03 | 61.67 | 97.50 | 93.96 | **80.65** |
| IMBARAGA | 61.07 | 71.04 | 62.17 | 94.17 | 93.33 | **80.60** |
| ACTION AID | 50.00 | 76.25 | 42.83 | 97.50 | 100.00 | **79.99** |
| SOS RWANDA | 54.76 | 74.38 | 40.00 | 97.50 | 98.22 | **79.28** |
| SOCIETY FOR FAMILY HEALTH (SFH) | 75.00 | 70.00 | 39.00 | 100.00 | 88.89 | **78.16** |
| PAX PRESS | 57.86 | 49.24 | 82.73 | 100.00 | 82.22 | **76.36** |
| AKAZI KANOZE ACCESS | 62.50 | 70.00 | 39.00 | 100.00 | 88.89 | **76.28** |
| RWAMREC | 65.24 | 44.31 | 71.17 | 100.00 | 83.33 | **75.44** |
| CLADHO | 96.43 | 61.39 | 67.57 | 99.16 | 63.33 | **74.02** |
| GASORE SERGE FOUNDATION | 70.00 | 76.13 | 62.07 | 62.50 | 77.78 | **71.71** |
| COPORWA | 78.33 | 25.00 | 43.90 | 100.00 | 83.33 | **70.42** |
| KAGENO | 45.00 | 66.04 | 33.33 | 50.00 | 100.00 | **69.16** |
| INSPIRE, EDUCATE AND EMPOWER | 58.93 | 62.22 | 30.00 | 100.00 | 77.72 | **68.76** |
| RWANDA WOMEN NETWORK | 28.57 | 76.04 | 54.73 | 98.00 | 72.22 | **67.49** |
| RWANDA CIVIL SOCIETY PLATFORM | 86.07 | 46.20 | 40.00 | 94.38 | 67.22 | **66.89** |

| | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|
| MABAWA | 66.07 | 49.72 | 35.00 | 66.25 | 82.17 | **65.42** |
| REACH THE CHILDREN OF RWANDA | 57.50 | 51.53 | 19.33 | 100.00 | 72.22 | **63.14** |
| RENGOF | 44.29 | 35.97 | 36.00 | 87.50 | 79.92 | **62.53** |
| IRDP | 44.29 | 57.08 | 70.90 | 90.63 | 54.50 | **61.23** |
| LEGAL AID FORUM (LAF) | 58.33 | 64.20 | 35.00 | 91.25 | 47.22 | 56.20 |
| NUDOR | 61.67 | 60.76 | 62.83 | 98.33 | 33.33 | 55.87 |
| IBUKA | 26.43 | 75.00 | 30.00 | 95.00 | 44.44 | 51.74 |
| FONDAZIONE MARCEGAGLIA ONLUS | 29.76 | 40.35 | 24.67 | 31.25 | 77.78 | 50.02 |
| RYOF | 51.25 | 33.68 | 27.33 | 100.00 | 33.89 | 45.40 |
| LIPRODHOR | 28.57 | 8.75 | 22.33 | 50.00 | 27.78 | 27.56 |
| **Impuzandengo rusange** | **60.53** | **58.91** | **47.52** | **89.28** | **76.55** | **69.05** |

Aho byavuye: Service Delivery Assessment, 2019

Muri rusange, igipimo cy'imitangire ya serivisi mu miryango itari iya Leta kiri ku mpuzandengo ya 69.05%. Ibipimo biri hasi cyane ni ibijyanye n'ibifasha kunoza serivisi (47.52%) ndetse n'aho gukorera haboneye (58.91%). Zimwe mu mpamvu zituma ibi bipimo biba hasi harimo kutoroherereza abafite ubumuga kugera kuri serivisi, kutagira agasanduku k'ibitekerezo, no kutagaragaza ibiranga aho abakozi bakorera.

## 1.3.1.2. Igenzura ry'imitangire ya serivisi mu nzego zihariye

### IMITANGIRE YA SERIVISI MU RWEGO RW'UBUVUZI


RGB yakoze igenzura ku mitangire ya serivisi mu bitaro n'ibigo nderabuzima bikorera mu turere cumi na dutanu (15). Muri uru rwego, ubugenzuzi bwakorewe mu bigo nderabuzima 42, ibitaro by'uturere 12, ibitaro byo ku rwego rw'intara bibiri n'ibitaro byo ku rwego rw'igihugu bitatu. Iri genzura ryari rigamije kureba imitangire ya serivisi z'ubuzima ku baturage, imbogamizi zirimo no gutanga inama zicyakorwa kugira ngo serivisi zirusheho kunoga.

### IBYAVUYE MU IGENZURA

Igenzura ryagaragaje ko ugereranyije abakozi bari mu kazi n'abateganyijwe ku mbonerahamwe y'imyanya y'umurimo, bimwe mu bitaro n'ibigo nderabuzima bifite abakozi badahagije nk'uko bigaragara ku mashusho akurikira:

1. Nyarugenge, Gasabo, Kicukiro, Rwamagana, Ngoma, Nyagatare, Muhanga, Huye, Gisagara, Nyaruguru, Burera, Gicumbi, Rubavu, Rusizi, Ngororero.


Ishusho 11: Abakozi bari mu kazi ugereranyije n'abari ku mbonerahamwe y'imirimo ku bitaro




Aho byavuye: RGB assessment in the health sector, 2018-2019

Ishusho iri hejuru igaragaza ko hari ibitaro by'uturere bifite icyuho kinini cy'abakozi ugereranyije n'imbonerahamwe y'imyanya y'umurimo iteganyijwe. Iki kibazo cyagaragaye mu bitaro bine aho Muhororo na Gakoma babura hafi kimwe cya kabiri cy'abakozi bateganyijwe ku mbonerahamwe y'imyanya y'umurimo. Ibitaro bya Byumba na Mibirizi nabyo biri mu bifite abakozi batajyanye n'abateganyijwe. Ku rundi ruhande hari ibindi bitaro byagaragaye ko bifite abakozi barenga abari ku mbonerahamwe y'umurimo, ibi bikaba biterwa ahanini ni uko byiyambaza abafatanyabikorwa n'imiryango mpuzamahanga ikora mu rwego rw'ubuzima mu Rwanda. Ibi byagaragaye cyane mu bitaro byo mu mijyi nka Kabgayi, Kibagabaga, Muhima na Masaka.

Ishusho 12: Abakozi bari mu kazi ugereranyije n'abari ku mbonerahamwe y'imirimo ku bigo nderabuzima





Aho byavuye: RGB assessment in the health sector, 2018-2019

Muri rusange mu bigo nderabuzima byagenzuwe hagaragaye icyuho mu bakozi ugereranyije n'abateganywa ku mbonerahamwe y'imyanya y'umurimo. Ku rundi ruhande ariko hari ibigo nderabuzima byagaragaye ko bifite abakozi barenze abari ku mbonerahamwe y'imyanya y'umurimo cyane cyane ikigo nderabuzima cya Biryogo n'icya Gikonko; ibi bigo byombi bikaba bicungwa n'abihaye Imana.


Igenzura kandi ryitaye ku birebana n'isuku n'isukura mu bigo nderabuzima n'ibitaro nk'uko bigaragara mu ishusho ikurikira.

### Ishusho 13: Isuku mu bitaro by'uturere




Aho byavuye: RGB assessment in the health sector, 2018-2019

### Ishusho 14: Isuku mu bigo nderabuzima




Aho byavuye: RGB assessment in the health sector, 2018-2019

Nk'uko bigaragara ku mashusho ari hejuru (ishusho ya 13 n'iya 14) isuku mu bitaro by'Uturere iracyari ikibazo kuko mu bice bitandukanye bigize ibitaro byagenzuwe, ahagaragaye isuku ihagije hari ku kigero cya 41.7% gusa. Ahagaragaye isuku nke cyane kurusha ahandi ni mu bwiherero (50%), mu gikoni (41.7%) no mu bwiyuhagiriro (33%).


Ku cyiciro cy'ibigo nderabuzima, ahagaragaye isuku ihagije hari ku kigero cya 66.7% gusa naho ahagaragaye isuku nke cyane kurusha ahandi ni mu bwiherero (40.5%) ndetse no mu byumba by'abarwayi (40.5%).

## 1.3.1.3. Imitangire ya serivisi zo kugeza amazi ku baturage

Muri uyu mwaka w'ingengo y'imari hasuzumwe serivisi zo kugeza amazi meza ku baturage mu turere 15. Igenzura ryakorewe mu mu midugugudu 476 yatoranyijwe mu tugari 144 mu mirenge 72.

Iri genzura ryibanze ku birebana n'imiyoboro y'amazi, intera iri hagati y'urugo n'aho umuturage akura amazi, kuboneka

Ishusho 15: Imikorere y'imiyoboro y'amazi





Aho byavuye: Assessment of Service Delivery in water Supply Services, 2018-2019

Nk'uko ishusho iri hejuru ibigaragaza 11% by'imiyoboro y'amazi yagenzuwe ntabwo ikora, naho 24% ntikora neza kuko hari aho usanga amatiyo yarangiritse ntasimburwe cyangwa ngo asanwe. Nubwo bigaragara ko imiyoboro y'amazi ikora iri ku kigero cya 65% ntibivuze ko abayikoresha babona amazi igihe cyose bigatuma abaturage bavoma amazi mabi.

### INTERA IRI HAGATI Y'URUGO RW'UMUTURAGE N'IVOMERO

Mu bijyanye n'intera iri hagati y'urugo rw'umuturage n'ivomero haracyagaragara abantu abakora urugendo rurenze ibipimo ngenderwaho mu birebana no kwegereza amazi meza abaturage nk'uko bigaragara mu mashusho akurikira.


Ishusho 16: Intera iri hagati y'urugo n'aho umuturage akura amazi mu bice by'icyaro




Aho byavuye: Assessment of Service Delivery in water Supply Services, 2018-2019

Nk'uko bigaragara mu ishusho iri hejuru, 45% by'abaturage batuye mu cyaro mu bice byagenzuwe bakora urugendo ruri hejuru y'intera fatizo ya metero 500 bajya gushaka amazi.

Ishusho 17: Intera iri hagati y'urugo n'aho umuturage akura amazi mu bice by'umujyi





Aho byavuye: Assessment of Service Delivery in water Supply Services, 2018-2019

Ishusho iri hejuru iragaragaza ko 29% by'abatuye mu bice by'umujyi byakorewemo igenzura bagikora urugendo ruri hejuru ya metero 200 bajya gushaka amazi.


## IYUBAHIRIZWA RY'IBICIRO BY'AMAZI

Nk'uko bigaragazwa n'amashusho akurikira, RGB yanagenzuye iyubahirizwa ry'ibiciro by'amazi byashyizweho na RURA ndetse n'uburyo abaturage bamenyeshwa ibyo biciro:




Aho byavuye: Assessment of Service Delivery in water Supply Services, 2018-2019

## Ishusho 18: Imenyekanisha ry'ibiciro by'amazi





Aho byavuye: Assessment of Service Delivery in water Supply Services, 2018-2019

Ishusho ya 17 igaragaza ko 73% by'abaturage babajijwe bagaragaje ko ibiciro by'amazi bishyirwaho na RURA bitubahirizwa, naho ishusho ya 18 igaragaza ko 54% by'ababajijwe bagaragaza ko batamenyeshwa ibiciro biba byaremejwe. Ibi bituma abaturage bishyura amafaranga arenze ayagenwe.

## KUBONEKA KW'AMAZI

Igenzura ryanarebye uko abaturage bishimiye kuboneka kw'amazi nk'uko amashusho akurikira abigaragaza.

## Ishusho 19: Uko abaturage banyuzwe n'ibirebana no kuboneka kw'amazi ku gihe




Aho byavuye: Assessment of Service Delivery in water Supply Services, 2018-2019

Nk'uko amashusho ari hejuru abigaragaza abanenga kuboneka kw'amazi baracyari hejuru cyane cyane mu bice by'umujyi aho bagera kuri 49% naho mu cyaro abanenga ni 34%. Iki kinyuranyo gishobora kuba giterwa n'uko abaturage bo mu mujyi bifuza amazi mu ngo kandi ku buryo buhoraho.

## 1.3.1.4. Gukora ubukangurambaga ku mitangire ya serivisi binyuze muri gahunda ya "Nk'uwikorera"

Ku bufatanye n'izindi nzego, RGB yakomeje ubukangurambaga ku mitangire ya serivisi no kumenyekanisha gahunda ya "Nk'uwikorera".Ubu bukangurambaga bwibanze ku kuzamura ubumenyi bw'abatanga serivisi n'abayihabwa basobanurirwa uruhare n'akamaro imitangire ya serivisi inoze ifite mu iterambere ry'igihugu. Iyi gahunda yakozwe hifashishijwe uburyo bubiri: ubukangurambaga bunyujijwe mu itangazamakuru ndetse no mu nzego zihariye:

### NK'UWIKORERA MU NZEGO ZIHARIYE

Ubukangurambaga bwa Nk'Uwikorera bwibanze ku kunoza serivisi mu nzego zihariye zirimo: ubuhinzi n'ubworozi, iterambere ry'umuryango n' imitangire ya serivisi hifashishijwe ikoranabuhanga.

Nkuko byagaragajwe n'ubushakashatsi bwa CRC ko ubuhinzi n'ubworozi aricyo cyiciro gikomeje kuza inyuma mu mitangire ya seirivsi, ku bufatanye na Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi n'Ibigo biyishamikiyeho, hakozwe ubukangurambaga bugamije kunoza imitangire ya serivisi muri urwo rwego. Ubwo bukangurambaga bwibanze ku kungurana ibitekerezo n'abaturage ku birebana na serivisi z' ubuhinzi n' ubworozi ndetse no kuzibegereza. Ubukangurambaga bwibanze ku bikorwa bikurikira: gutunganya umusaruro uva ku buhinzi n' ubworozi, gutera ibiti by'imbuto bivangwa n' imyaka, serivisi za veterineri, gutunganya inzuri n' ubuhinzi bw'imboga no gutunganya imbuto. Ubu bukangurambaga kandi bwanakozwe kuri serivisi za gahunda zo guteza imbere imibereho myiza y'abaturage (social protection) ndetse no gusobanurira abaturage ibirebana n'igishushanyo mbonera cy'umujyi wa Kigali.

Mu birebana n'iterambere ry'umuryango, ku bufatanye bwa RGB na MIGEPROF, MINISANTE, MINALOC n'Inzego z'Ibanze hakozwe ubukangurambaga bwibanze kuri serivisi zo kuboneza urubyaro no kurwanya imirire mibi mu bana. Muri ubwo bukangurambaga hatanzwe serivisi ku bagenerwabikorwa 45,984 muri gahunda yo kuboneza urubyaro, imiti y'inzoka na Vitamin "A" ku bana bari munsi y'imyaka itanu. Mu rwego rwa serivisi zitangwa hifashishijwe ikoranabuhanga, ku bufatanye na MINICT, MIFOTRA, RURA, RISA and Rwanda Online; hakozwe ibiganiro bitandukanye bigamije kugena ibipimo ngenderwaho mu kugenzura imitangire ya serivisi hifashishijwe ikoranabuhanga nk'uko biteganywa muri gahunda ya Guverinoma y'imyaka irindwi ko mu mwaka wa 2024 serivisi zose z'inzego za Leta zizaba zitangwa hifashishijwe ikoranabuhanga.

## 1.3.2. Guteza imbere amahame y'imiyoborere myiza no guhuza ibikorwa bya JADF

Mu rwego rwo guteza imbere amahame y'imiyoborere, hakozwe ibikorwa birimo: isesengura ku mikorere y'Inama Njyanama ku rwego rw'akarere, umurenge n'akagari; ibiganiro ku miyoborere mu nzego zitandukanye binyujijwe muri gahunda y'Imiyoborere Twifuza; kugenzura amatora y'abadepite; guhuza ibikorwa bya JADF, gahunda yo kugenzurana no kwigiranaho ndetse no gutegura amarushanwa y'imiyoborere "Umurenge Kagame Cup".

### 1.3.2.1. Gahunda yo kugenzurana no kwigiranaho (Peer Review and Peer Learning)

Gahunda yo kugenzurana no kwigiranaho ni uburyo Leta y'u Rwanda yashyizeho bugamije kunoza imitangire ya serivisi n'imicungire y'umutungo mu bigo bya Leta bitagenerwa ingengo y'imari n'itegeko (Non-budget agencies) birimo imirenge, utugari, ibigo nderabuzima, amashuri abanza n'ay'isumbuye. Iyi gahunda igengwa n'amabwiriza ya minisitiri no 003/07.01/16 yo kuwa 6/09/2016. RGB ifite inshingano yo guhuza ibikorwa by'iyi gahunda ku rwego rw'igihugu. Iyi gahunda ikorerwa ku rwego rw'Umurenge, ikibanda ku nkingi 4 ari zo: (1) Imicungire ya gahunda za Leta zigamije guhindura imibereho y'abaturage (2) Imicungire y'imari ya Leta (3) Imitangire ya serivisi (4) Ahakorerwa haboneye. Intara, Umujyi wa Kigali n'Uturere bifite inshingano zo gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'iyi gahunda.

RGB yakurikiranye ishyirwa mu bikorwa ry'iyi gahunda, ihuza raporo inayishyikiriza MINALOC na MINECOFIN. Hashingiwe ku byagaragajwe n'iyi gahunda n'imyanzuro yatanzwe, RGB yashimye ibyakozwe neza inasaba Intara n'Umujyi wa Kigali gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo byafashwe mu rwego rwo gukemura ibibazo byagaragaye.

Imbonerahamwe 11: Uko intara zubahirije gahunda yo kwigiranaho no kugenzurana

| Intara/Umujyi wa Kigali / Inkingi | Amajyaruguru | Iburengerazuba | Iburasirazuba | Amajyepfo | Umujyi wa Kigali |
|---|---|---|---|---|---|
| Imicungire ya gahunda za Leta zigamije guhindura imibereho y'abaturage | | | | | |
| Imicungire y'imari ya Leta | | | | | |
| Imitangire ya serivisi | | | | | |
| Ahakorerwa haboneye | | | | | |

Aho byavuye: Raporo ya gahunda yo kugenzurana no kwigiranaho

IBISOBANURO BY'AMABARA

| Ibara | Igisobanuro |
|---|---|
| Icyatsi kibisi | gahunda yakozwe uko yari iteganyijwe |
| Umuhondo | gahunda yakozwe igice |
| Ikijuju | gahunda yakozwe hadakurikijwe amabwiriza |
| Umweru | Nta bikorwa byari biteganyijwe kuri iyi nkingi |

Nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe iri hejuru Intara y'Iburasirazuba n' iy'Iburengerazuba zashyize mu bikorwa iyi gahunda mu nkingi zose nk'uko zari zabiteganyije. Intara y'Amajyaruguru yakoze ku nkingi ebyiri (Imitangire ya serivisi n'Imiterere y'ahatangirwa serivisi) nk'uko yari yabiteganyije.

Mu Mujyi wa Kigali raporo yatanzwe igaragaza ko iyi gahunda yashyizwe mu bikorwa ku nkingi ziyigize ariko ntitanga amakuru yuzuye. Mu Ntara y'Amajyepfo gahunda yakozwe hadakurikijwe amabwiriza kubera ko hakoreshejwe abakozi b'intara n'abagenzuzi b'imari mu turere aho gukoresha abakozi b'imirenge n'ab'ibigo birebwa n'iyi gahunda.

## IBYAGARAGAJWE NA GAHUNDA YO KUGENZURANA NO KWIGIRANAHO

- ### AHO GUKORERA HABONEYE

Muri iyi nkingi hasuzumwa ubusitani, isuku, umutekano w'ahakorerwa, ibimenyetso ndangahantu, aho ibinyabiziga biparika, ahakorerwa n'ibyicaro, aho abasaba serivisi bategerereza, ingufu z'amashanyarazi n'ibikoresho by'ikoranabuhanga.

Muri iyi raporo hibanzwe ku bijyanye n'umutekano w'inyubako n'ibikoresho kubera ko harimo ibibazo bikeneye kwitabwaho by'umwihariko nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

### Imbonerahamwe 12: Umutekano w'ahakorerwa

| Intara | Ibigo bidafite kizimyam woto | Ibigo bidafite abarinda umutekano | Ibigo bidafite ubwishingizi | Ibigo bidafite Imirindankuba |
|---|---|---|---|---|
| **Uburengerazuba** | 405/734 (55.1%) | 129/734 (13.3%) | 724/734 (98.6%) | 360/734 (49%) |
| **Uburasirazuba** | 467/837 (55%) | 98/837 (11.7%) | 691/837 (82%) | 351/837 (41%) |

Aho byavuye: Raporo ya gahunda yo kugenzurana no kwigiranaho

Kubyerekeranye n'umutekano w'ahakorerwa, mu bigo 1571 byagenzuwe mu Ntara y'iburengerazuma n'iy'Iburasirazuba 872 ntibifite kizimyamwoto, ibigo 217 ntibigira uburinzi, 1415 bikorera mu nyubako zidafite ubwishingizi mu gihe 711 bikorera mu nyubako zidafite imirandankuba.

## ISUZUMA RY'IMITANGIRE YA SERIVISI BINYUZE MURI GAHUNDA YO KUGENZURANA NO KWIGIRANAHO

Muri iyi nkingi hasuzumwa uburyo abagana urwego bakirwa, amahame n'amabwiriza agenga itangwa rya serivisi, igihe bitwara ngo usaba serivisi ayibone n'uburyo bufasha abaturage kugaragaza ko batishimiye serivisi. Kuri iyi nkingi turibanda ku byagaragaye mu rwego rw'uburezi.

### Imbonerahamwe 13: Ibikoresho by'ibanze mu mashuri

| Intara | Ibigo bitagira amasomero | Ibigo bitagira ubuvuzi bw'ibanze | Ibigo bitagira icyumba cy'umukobwa | Ibigo bitagira ibibuga by'imikino |
|---|---|---|---|---|
| **Uburengerazuba** | 189/450 (42%) | 222/450 (49.3%) | 33/450 (7.3%) | 139/450 (30.8%) |
| **Uburasirazuba** | 55/425 (13%) | 250/425 (59%) | 118/425 (27%) | 89/425 (21%) |

Aho byavuye: Raporo ya gahunda yo kugenzurana no kwigiranaho

Mu ntara y'Iburengerazuba n'iy'Iburasirazuba, mu bigo by'amashuri 875 byagenzuwe, 244 ntibifite isomero, 472 ntibifite ubuvuzi bw'ibanze, 151 ntibifite icyumba cy'umukobwa naho 228 ntibifite ibibuga by'imikino.

## IMICUNGIRE YA GAHUNDA ZA LETA ZIGAMIJE GUHINDURA IMIBEREHO Y'ABATURAGE

Muri iyi nkingi hagenzurwa gahunda ya Girinka, Ubudehe, VUP n'Ubwisungane mu kwivuza. Muri iyi raporo hibanzwe ku byagaragaye mu igenzura ry'inguzanyo zitangwa muri gahunda ya VUP n'Ubwisungane mu kwivuza.

Imbonerahamwe 14: Inguzanyo zatanzwe ku mishinga iciriritse (Financial Services)

| Intara | Inguzanyo zakererewe kwishyurwa | Amafaranga yasanzwe kuri konti za SACCO ataratanzwe |
|---|---|---|
| Uburengerazuba | 3, 449, 473,424 | 857, 594,399 |
| Uburasirazuba | 1, 331, 061,228 | 781, 814,472 |
| Amajyaruguru | 1, 347, 857,336 | 716, 229,650 |
| Igiteranyo | **6, 128, 391,988** | **2,355, 638,521** |

Aho byavuye: Raporo ya gahunda yo kugenzurana no kwigiranaho

Mu ntara eshatu (Uburengerazuba, Uburasirazuba, Amajyaruguru) hagaragaye amafaranga 6,128, 391,988 y'inguzanyo zakerewe kwishyurwa, ndetse na 2,355, 638,521 yari agenewe guhabwa abaturage nk'inguzanyo ariko akaba yari akiri kuri konti z'umurenge SACCO.

Imbonerahamwe 15: Ubwisungane mu kwivuza (MUSA)

| Intara | Abaturage bishyuriwe na Leta | Abaturage biyishyuriye | Abaturage batagira ubwishingizi |
|---|---|---|---|
| Uburengerazuba | 441,716 (19.1%) | 1, 468,772 (63.6%) | 397,308 (17.2%) |
| Uburasirazuba | 382,282 (14%) | 1, 869,112 (70.6%) | 395,542 (15%) |

Aho byavuye: Raporo ya gahunda yo kugenzurana no kwigiranaho

Gahunda yo kugenzurana no kwigiranaho yagaragaje ko mu Ntara y'Iburengerazuba 17% by'abaturage badafite ubwisungane mu kwivuza naho mu Ntara y'Iburasirazuba ni 15%.

Muri rusange iyi gahunda yarakozwe mu Ntara n'Umujyi wa Kigali, amabwiriza ayigenga yarubahirijwe ku kigero cyiza ugereranyije n'umwaka wa 2017-2018. Ariko haracyari ibikwiye kunozwa, cyane cyane gusuzuma inkingi zose ziyigize, gukora igenzura no kwigiranaho kabiri mu mwaka no gutanga raporo zifite imibare ikenewe mu kugaragaza ishusho y'ibyagenzuwe.

### 1.3.2.2. Gahunda y'ukwezi kw'imiyoborere (Nzeri n'Ukwakira 2018)


Ku bufatanye bw'Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere, na Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, hateguwe gahunda y'Ukwezi kw'imiyoborere mu rwego rwo kwimakaza imiyoborere ibereye umuturage no kunoza imitangire ya serivisi.

Ukwezi kw'Imiyoborere kwibanze ku isuzuma ry'imikorere y'Inama Njyanama mu nzego zegerejwe abaturage arizo Akarere, Umurenge n'Akagari hagamijwe gusuzuma ubushobozi bw'Inama Njyanama, kureba ko Inama Njyanama zubahiriza amategeko n'amabwiriza azigenga, gusuzuma imbogamizi ndetse no kurebera hamwe uburyo zakemuka.

Bimwe mu byagaragajwe n'isuzuma ni ibi bikurikira: abajyanama badafite ubumenyi buhagije ku mategeko agenga imikorere y'Inama Njyanama, kutemeza no gutinda kwemeza imyanzuro y'Inama Njyanama n'intege nke mu gukusanya ibitekerezo n'ibyifuzo by'abaturage.

## ABAJYANAMA BAHAWE AMAHUGURWA

### Ishusho 20: Abajyanama bahawe amahugurwa ku mikorere y'Inama Njyanama





Aho byavuye: Governance Assessment 2018

Nk'uko bigaragara mu ishusho iri hejuru, umubare w'abajyanama bahuguwe uri hasi cyane cyane ku rwego rw'Akagari n'Umurenge kuko ababonye amahugurwa ku mikorere y'Inama Njyanama ku rwego rw'Akagari batarenze 27% naho ku Murenge bakaba 43% nyamara ku Karere 99% by'Abajyanama bahuguwe ku mikorere y'Inama Njyanama.

## KWEMEZA IMYANZURO Y'INAMA Z'INAMA NJYANAMA

### Ishusho 21: Kwemeza imyanzuro y'Inama Njyanama




Aho byavuye: Governance Assessment 2018

Isuzuma ryagaragaje ko kwemeza imyanzuro y'inama z'Inama Njyanama bitubahiriza amategeko kuko ku rwego rw'Akarere byubahirijwe ku kigero cya 60% naho 40% y'imyanzuro yemejwe ikerewe nk'uko bigaragazwa mu ishusho ishusho iri hejuru. Ku rwego rw'Umurenge, iyemejwe ku gihe ni 20%, 47% yemejwe ikerewe naho 33% ntiyigeze yemezwa. Ku rwego rw'akagari, imyanzuro 33% niyo yemejwe ku gihe, 30% yemejwe ikerewe naho 37% ntiyigeze yemezwa. Kutemeza imyanzuro no gukererwa kuyemeza bigira ingaruka ku mikorere y'inzego zegerejwe abaturage ndetse no ku iterambere ry'abaturage muri rusange.


Nubwo abajyanama basabwa kwegera abaturage mu rwego rwo gukusanya ibitekerezo n'ibyifuzo byabo, isuzuma ryagaragaje ko ikigero cy'uburyo abajyana begera abaturage kikiri hasi bigatuma imwe mu myanzuro bafata idashingira ku bitekerezo n'ibyifuzo by'abaturage.

Ku rwego rw'akarere, umurenge n'akagari, abajyanama bagaragaje ko bakira ibibazo n'ibitekerezo by'abaturage binyuze mu nzandiko, ubutumwa bugufi kuri telefone n' inama z'abaturage bitabira. Isuzuma ryagaragaje ko ubwitabire bw'abajyanama mu nama z'abaturage bukiri hasi kandi ariwo muyoboro unoze wagombye gukusanyirizwamo ibitekerezo n'ibyifuzo by'abaturage. Ibi binafitanye isano n'ibyagaragajwe na CRC 2019 aho abaturage bagera 77.5% (ku karere) 63.1% (ku murenge) na 48% (ku kagari) batazi urwego rwa Njyanama.

## INAMA Z'INAMA NJYANAMA ZITEGANYWA N'ITEGEKO

Isuzuma ryagaragaje ko inama z'Inama Njyanama ziteganywa n'itegeko zikorwa ku kigero cya 100% ku rwego rw'Akarere ; 53% ku rwego rw'Umurenge mu gihe ku rwego rw'akagari zikorwa ku kigero cya 26.7%. Mu tugari 30 twasuzumwe, 4 twakoze inama ebyiri kuri cumi n'ebyiri ziteganywa n'itegeko mu mwaka utundi tuzikora hagati y'inshuro eshatu n'umunani.

Ishusho 22: Inama zisanzwe zakozwe nk'uko biteganywa n'itegeko




Aho byavuye: Governance Assessment 2018

Imwe mu mpamvu zagaragaye zituma inama z'Inama Njyanama ku rwego rw'umurenge n'akagari zidaterana nk'uko biteganywa n'itegeko ni uko abajyanama badasobanukiwe amategeko n'imikorere y'uru rwego.

Ibindi bibazo byagaragajwe n'isuzuma ry'imikorere y'Inama Njyanama:

- Kutageza ku baturage imyanzuro iba yafashwe n'Inama Njyanama;
- Kudashyira mu bikorwa ku gihe imyanzuro y'Inama Njyanama kuko iba yatinze kwemezwa n'inzego

zibishinzwe;

- Kutagenzura uko bikwiye ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'Inama Njyanama kuko akenshi abajyanama batigerera aho ibikorwa biri ahubwo bagashingira kuri raporo gusa;
- Ku bijyanye n'imikoranire y'Inama Njyanama n'ihuriro ry'abafatanyabikorwa mu iterambere (JADF), isuzuma ryagaragaje ko Abajyanama bamwe batazi ibikorwa bitandukanye bikorwa n'abafatanyabikorwa b'Uturere.

### 1.3.2.3. Guhuza ibikorwa no gukurikirana amarushanwa "Umurenge Kagame Cup 2019"

Mu rwego rwo kwimakaza imiyoborere myiza, Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere rufatanyije na Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, Minisiteri y'Umuco na Siporo, Intara n'Umujyi wa Kigali, uturere n'imirenge buri mwaka bategura amarushanwa y'imiyoborere myiza yitwa "Umurenge Kagame Cup". Amarushanwa yo muri uyu mwaka w'ingengo y'imari wa 2018-2019 yitabiriwe n'amakipe y'abagabo n'abagore mu mikino ikurikira: umupira w'amaguru, Sit-Ball, Volleyball, Basketball, Gusiganwa ku magare no gusiganwa ku maguru.




Abayobozi bashyikiriza ibihembo ikipe y'umupira w'amaguru y'abagore y'umurenge wa Gihombo mu Karere ka Nyamasheke



Isiganwa ry'amagare mu marushanwa "Umurenge Kagame Cup"



Abasiganwa ku maguru mu marushanwa "Umurenge Kagame Cup"

Amarushanwa y'Umurenge Kagame Cup agamije: guteza imbere amahame y'imiyoborere myiza binyuze muri siporo, kuzamura imibereho myiza y'abaturage, guteza imbere impano z'abaturage cyane cyane urubyiruko, gukangurira abaturage kwitabira gahunda zibateza imbere, guteza imbere ubufatanye no kwigiranaho mu nzego z'ibanze.

Muri uyu mwaka aya marushanwa yari afite insanganyamatsiko igira iti: "Imiyobere twifuza, Umuturage ku Isonga". Ubutumwa bwatanzwe muri aya marushanwa bwibanze ku gukangurira abaturage kugira uruhare mu bibakorerwa, kunoza imitangire ya serivisi, gukangurira urubyiruko kwirinda ingeso mbi, guhangana n'ikibazo cy'inda ziterwa abangavu no kurwanya ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge.

Abahize abandi muri aya marushanwa bahawe ibihembo birimo amafaranga, imidari, ibikombe n'amagare.

### 1.3.2.4. Gahunda y'Imiyoborere Twifuza

Muri gahunda ya Guverinoma y'Imyaka 7 (NST 1), u Rwanda rwiyemeje kwimakaza imiyoborere ishingiye ku muturage hagamijwe kunoza imitangire ya serivisi no kuzamura uruhare rw'umuturage mu iterambere.

Ni muri urwo rwego RGB yatangije gahunda yise "Imiyoborere Twifuza" ifite insanganyamatsiko igira iti: "Imiyoborere twifuza umuturage ku isonga". Iyi gahunda igamije kwimakaza amahame y'imiyoborere mu nzego z'ibanze, guteza imbere uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa, kuzamura ireme ry'imitangire ya serivisi mu nzego zitandukanye, guteza imbere imibereho y'abaturage n'iterambere rirambye.

Ku bufatanye na Minisiteri y'ubuhinzi n'ubworozi, Urwego rw'Umuvunyi, Intara n'Umujyi wa Kigali, Imiryango ishingiye ku myemerere n'inzego z'ibanze, habayeho ibikorwa byo gutangiza ku mugaragaro gahunda y'Imiyoborere Twifuza ku rwego rwa buri Ntara n'Umujyi wa Kigali.

Gahunda y'Imiyoborere Twifuza yahurije hamwe ibikorwa bitandukanye aribyo, igenzura ku miyoborere n'imitangire ya serivisi, ubukangurambaga ku itegeko ryerekeye kubona amakuru na gahunda yo kugenzurana no kwigiranaho. Hanakozwe ubukangurambaga ku miyoborere myiza n'imitangire ya serivisi inoze bwibanze ku byiciro bikurikira: Inama Njyanama z'uturere, urubyiruko rw'abanyeshuri bo mu mashuri makuru na kaminuza, abagore, abafite ubumuga n'abaturage muri rusange.

#### IBIGANIRO N'INAMA NJYANAMA Z'UTURERE

CRC ya 2018 yerekanye ko abaturage bazi imikorere y'Inama Njyanama bari ku gipimo cya 23.8% ku rwego rw'Akarere, 37.8% ku rwego rw'Umurenge ndetse na 51.9% ku rwego rw'Akagari.

Isuzuma ry'imikorere y'Inama Njyanama (2018-2019) ryavuzwe haruguru, ryerekanye ko kongerera ubushobozi Abajyanama, kwegera abaturage ndetse no kubamenyesha imyanzuro yafatiwe mu nama Njyanama biri ku kigero cyo hasi ari nayo mpanvu abaturage badasobanukiwe neza imikorere y'Inama Njyanama.

Mu rwego rwo gushakira hamwe igisubizo cy'icyo kibazo, RGB yagiranye ibiganiro n'Inama Njyanama n'abandi bafatanyabikorwa mu turere 19 two mu Ntara n'Umujyi wa Kigali mu rwego rwo kurebera hamwe uko abajyanama barushaho kuzuza inshingano zabo. Ibyo Ibiganiro byibanze ku ngingo zikurikira: Uruhare rw'Umujyanama mu kwimakaza Imiyoborere myiza, kunoza imitangire ya serivisi no kuzamura uruhare rw'umuturage mu bimukorerwa, kugaragariza Inama Njyanama ibyavuye mu bushakashatsi bwa CRC 2018 ndetse no kumenyekanisha itegeko ryerekeye kubona amakuru (Awareness on access to information law).

#### UBUKANGURAMBAGA MU BATURAGE

Muri gahunda y'Imiyoborere Twifuza kandi hanakozwe ibiganiro binyuze mu nteko z'abaturage bigamije kubakangurira kugira uruhare mu bibakorerwa no mu gukemura ibibazo bibangamiye iterambere ryabo

ndetse no kubibutsa ko bafite inshingano n'uburengenzira kuri serivisi inoze. Ibiganiro byakozwe mu mirenge 32 yo mu turere 17.

### IBIGANIRO N'IBYICIRO BYIHARIYE

Rimwe mu mahame y'imiyobore u Rwanda rungenderaho ni ukwimakaza imiyoborere idaheza. Ni muri urwo rwego, binyuze muri gahunda y'Imiyoborere Twifuza, RGB yagiranye ibiganiro n'ibyiciro byihariye by'abaturage birimo abahagarariye abafite ubumuga, abagore n'urubyiruko rwo mu mashuri makuru na kaminuza. Ibi biganiro byari bigamije kuzamura imyumvire n'uruhare rw'ibi byiciro mu kwimakaza imiyoborere myiza n'imitangire ya serivisi inoze.






Abahagarariye abafite ubumuga bahawe ibiganiro na NCPD na RGB

Icyagaragaye muri ibi biganiro ni uko uruhare rw'ibi byiciro mu iterambere ry'uturere rukiri hasi cyane cyane mu igenamigambi, gutegura ingengo y'imari ndetse n'imihigo by'akarere.

### IBIGANIRO MU MIJYI YUNGANIRA KIGALI

Muri gahunda y'Imiyoborere Twifuza, hakozwe ibiganiro mu mijyi yunganira Kigali bigamije kunoza imiyoborere n'imitangire ya serivisi nk'inkingi ikomeye mu kwihutisha iterambere ryayo. Muri ibi biganiro harebewe hamwe uburyo bwo gushyira mu bikorwa imyanzuro y'ubushakashatsi bwakozwe ku bijyanye no kunoza imiyoborere imitangire ya serivisi mu mijyi yunganira Kigali. Iyi myanzuro yari yibanze ku kwegereza abaturage amazi meza n'amashanyarazi, serivisi z'ubuvuzi, kongera imirimo itari iy'ubuhinzi, guteza imbere ubumenyingiro, iterambere ry'umujyi n'ibikorwaremezo, kwegereza abaturage serivisi z'imari no kuzamura ikigero abaturage banyuzweho na serivisi mu nzego zose.

N'ubwo hakiri intera mu gushyira mu bikorwa iyi myanzuro, hagaragaye ko yamaze gushyirwa muri gahunda y'iterambere ry'uturere (DDS) iyo mijyi iherereyemo; ibi bikaba bizatuma byitabwaho kuko DDS arizo zigenderwaho mu gutegura imihigo y'uturere.

## 1.3.2.5. Gukurikirana amatora y'abagize Inteko Ishingamategeko Umutwe w'Abadepite

Zimwe mu nshingano za RGB harimo kwimakaza amahame y' imiyoborere myiza na demokarasi. Ni muri urwo rwego RGB yakurikiranye amatora y'abagize Inteko Ishingamategeko Umutwe w'Abadepite hagamijwe kureba niba ayo mahame yubahirizwa. Muri iki gikorwa, RGB yakurikiranye ibikorwa byo kwiyamamaza kw'abakandida

ku ma site 66 yo mu turere 10 ndetse n'ibikorwa by'amatora nyirizina ku ma site 127 mu turere 15.

Bimwe mu byagaragajwe n'iki gikorwa, ni uko amatora yagenze neza kuko yakurikije amategeko n'anabwiriza biyagenga. Muri aya matora, uburenganzira bw'abaturage bwarubahirijwe cyane cyane uburenganzira bwo guteranira hamwe, kugaragaza ibitekerezo, guhabwa amakuru, gutora ndetse n'uburenganzira n'inshingano zabo zo kugira uruhare mu miyoborere y'Igihugu.

Ikindi cyagaragaye ni uko ibyiciro byihariye (abagore, urubyiruko n'abafite ubumuga) byahawe umunsi wihariye wo gutora ababihagarariye. Mu gihe cy'amatora abafite ubumuga n'abandi bantu bafite intege nke boroherejwe gutora. Abakandida bose kandi bahawe amahirwe n'uburenganzira bingana haba mu kwiyamamaza ndetse no mu matora nyirizina. N'ubwo bimeze gutyo ariko, hari ahagaragaye ibikwiye kwitabwaho bikurikira:

- Hari abakandida batagaragaje ingengabihe bazagenderaho mu kwiyamamaza;
- Hari abatanze ingengabihe yo kwiyamamaza ariko ntibayikurikize;
- Hari abakandida batageze aho bari bateganyije kwiyamamarizaho kandi ntibabimenyekanishe;
- Hari abakandida bakoreye ibikorwa byo kwiyamamaza ahantu hatateganyijwe.
- Hari bimwe mu biro by'itora bititaga by'umwihariko ku bantu bafite ubumuga n'abandi bafite intege nke;
- Mu matora y'ibyiciro byihariye hari ahagaragaye gutinda gutangira kw'igikorwa cy'amatora ahanini bitewe n'uko inteko itora yabaga itaruzura.

Nyuma yo kubona ibyagaragaye bitanoze, RGB yatanze inama zikurikira:

- Gukangurira abakandida kubahiriza amategeko n'amabwiriza agenga ibikorwa by'amatora;
- Kongera amahugurwa ku bakozi n'abakorerabushake b'amatora;
- Kongera imbaraga mu mikoranire y'inzego kugira ngo imigendekere y'amatora irusheho kumvikana no kunoga;
- Gushyiraho ingamba zo gutegura amatora y'ibyiciro byihariye mu buryo bunoze no kurushaho kubimenyekanisha mu nteko itora.

### 1.3.2.6. Igenzura ry'ishyirwa mu bikorwa rya gahunda yo kongera ubushobozi mu nzego z'ibanze

Imwe mu nshingano za RGB ni ugutanga inama ku bikorwa byo kongerera ubushobozi inzego z'ibanze no ku ishyirwa mu bikorwa rya politiki yo kwegereza ubushobozi n'ubuyobozi abaturage. Muri urwo rwego hakozwe igenzura mu turere 30 rigamije kureba uko inzego z'ibanze zashyize mu bikorwa gahunda zo kongerera ubushobozi abakozi mu mwaka wa 2017-2018.

### IBYAVUYE MU IGENZURA

Buri mwaka, uturere dutegura igenamigambi ry'amahugurwa mu rwego rwo kongerera abakozi ubushobozi. Muri uyu mwaka, gahunda z'amahugurwa zoherejwe muri RDB zari zikubiyemo ibikorwa by'amahugurwa 407 ariko hemezwa 174 gusa bihwanye na 42.7%. Mu bikorwa byemejwe ibyashyizwe mu bikorwa ni 109 bihwanye na 62.5%.

Ibibazo byagaragajwe n'igenzura ni ibi bikurikira:

- komite zishinzwe guhuza ibikorwa byo kongerera ubushobozi abakozi b'inzego z'ibanze ntizikora uko bikwiye;
- Amahugurwa ategurwa n'uturere ntabwo agendera ku bumenyi abakozi bakeneye mu kazi kabo,
- Kongerera ubushobozi abakozi ntibiri mu by'ibanze bigenderwaho mu kugena gahunda y'ibikorwa n'ingengo y'imari by'uturere;
- Abakozi bavuye mu kazi cyangwa bahinduriwe akazi badakora ihererekanyabubasha n'ababasimbuye bigatuma abashya batamenya aho guhera;
- Abakozi bashya ntibahabwa amahugurwa y'ibanze (induction) abafasha kwinjira mu kazi.

#### 1.3.2.7. Guhuza ibikorwa bya Gahunda y'Ubujyanama (coaching) bugamije kunoza imikorere mu nzego z'ibanze

RGB n'abafatanyabikorwa batangije gahunda y'ubujyanama bugamije kunoza imikorere mu nzego z'ibanze. Binyuze muri iyo gahunda, buri Ntara n'Umujyi wa Kigali byahawe abakozi babiri bashinzwe gutanga inama n'ubufasha hagamijwe kunoza imikorere mu gutegura imihigo, kuyishyira mu bikorwa, kuyikurikirana no kuyisuzuma, guhana ubumenyi, imicungire igamije umusaruro (RBM), amajyambere y'akarere, gahunda yo kugenzurana no kwigiranaho. Hashyizweho kandi umujyanama ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali ushinzwe gukurikirana by'umwihariko ibikorwa bya JADF.

Ibyo bikorwa byose byatumye uturere twongera ubushobozi mu byerekeye gutegura imihigo, iteganyabikorwa, ingamba z'iterambere ry'akarere (DDS) n' ibyifashishwa mu ikurikirana n'isuzumabikorwa. Ishyirwaho ry'aba bakozi ryanafashije uturere mu ihuzabikorwa n'imikoranire hagati y'uturere n'abafatanyabikorwa mu iterambere.

#### 1.3.2.8. Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu iterambere (JADF)

Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu iterambere (JADF) ni urubuga abafatanyabikorwa mu rwego rw'iterambere ry'Akarere bahuriramo kugira ngo bungurane ibitekerezo ku mikorere n'imikoranire. Iryo huriro rituma habaho ubufatanye mu gutegurira hamwe ibikorwa, kubisuzuma, guhuza ibikorwa by'abafatanyabikorwa, kunganira akarere mu birebana n'imari no kungurana ubumenyi.

Hagamijwe kuzamura uruhare rwa JADF mu iterambere ry'Igihugu, Urwego rw'Igihugu rw'Imiyobobrere rufatanyije n'abagize ihuriro ry'abafatanyabikorwa mu Iterambere (JADF) bateguye inama ziteganywa n'itegeko, ndetse rugirana ibiganiro n'abafatanyabikorwa ku nzego zitandukanye. Habaye inama imwe muri buri Ntara n'Umujyi wa Kigali.

By'umwihariko Intara y'Amajyepfo yakoze inama ebyiri, aho imwe idasanzwe yari igamije gusobanurira abafatanyabikorwa ibikorwa by'ingezi byari biteganyijwe uyu mwaka (priorities). Intara yanagaragarije abitabiriye inama akamaro k'igenamigambi rihuriweho kugira ngo habeho ubufatanye mu iterambere ry'Intara. Mu ngamba zafashwe harimo ko akarere kagomba gusubiza mu gihe kitarenze ukwezi umufatanyabikorwa usabye icyangombwa cy'imikoranire n'akarere (District collaboration letter). Ikindi cyemejwe n'uko komite ngenzuzi y'abafatanyabikorwa ku rwego rw'Akarere yakongererwa imbaraga kugira ngo irusheho gukora neza akazi ishinzwe.

Hakozwe kandi Inama mpuzabikorwa z'igihembwe nk'uko biteganywa n'itegeko zigamije gukurikirana no guhuriza hamwe ibikorwa bya JADF no kujya Inama ku cyarushaho guteza imbere uruhare rwa JADF mu iterambere rirambye.

Amabwiriza ya Minisitiri w'Intebe ateganya ko JADF ya buri karere ishyikiriza RGB raporo y'ibikorwa bya buri mwaka. Ugereranije na raporo y'umwaka ushize bigaragara ko habayeho impinduka nziza mu mitangire ya raporo nubwo hari ibigikeneye kunozwa.

Imbonerahamwe 16: Ibibazo bigaragara mu mikorere ya JADF n'ingamba zikwiye gufatwa

| Nº | Ibikwiye kwitabwaho | Ingamba |
|---|---|---|
| 1 | Intege nke mu gukurikirana no guhuza ibikorwa bya JADF ku rwego rw'akarere. | Intara n'uturere bikwiye kongera imbaraga mu gukurikirana no guhuza ibikorwa bya JADF. |
| 2 | Komisiyo za JADF ku rwego rw'akarere zidakora uko bikwiye | Kuvugurura amabwiriza ya Minisitiri w'Intebe agenga imikorere ya JADF kugira ngo kimisiyo zibashe gukora neza. |
| 3 | Komite ya JADF ku rwego rw'Akarere idafite uburyo (systems and tools) buhagije bwo gukurikirana uko bikwiye ibikorwa bya JADF | Komite ya JADF ku karere igomba gushyiraho uburyo bwo gukurikirana ibikorwa by'abafatanyabikorwa. |
| 4 | Haracyagaragara gutinda mu itangwa ry'icyangombwa cy'imikorere n'imikoranire gihabwa abafatanyabikorwa | Hemejwe ko iki cyangombwa kizajya gitangwa bitarenze igihe cy'ukwezi kumwe gusa. |

## 1.4. IMITWE YA POLITIKE, IMIRYANGO ISHINGIYE KU MYEMERERE N'ITARI IYA LETA.


Urwego rw'igihugu rw'Imiyoborere rufite mu nshingano kwandika no gukurikirana imikorere y'imitwe ya Politiki, Imiryango ishingiye ku myemerere, imiryango mvamahanga n'imiryango nyarwanda itari iya Leta. Kugeza ubu hamaze kwandikwa imiryango nyarwanda itari iya leta 1,596, imiryango ishingiye ku myemerere 740, imiryango mvamahanga 184 n'imitwe ya politiki 11.

### 1.4.1. Kwandika imiryango

Mu mwaka wa 2018-2019, RGB yanditse imiryango nyarwanda itari iya Leta 261, imiryango mvamahanga itari iya Leta mishya 15, inongerera igihe cyo gukorera mu Rwanda imiryango mvamahanga itari iya Leta 165, isigaye 4 ifite ibyangombwa birengeje umwaka.

Ishusho ikurikira iragaragaza umubare w'imiryango yanditswe, iyahawe ibyangombwa by'agateganyo ndetse n'iyahawe ubuzimagatozi.

Ishusho 23: Imiryango yahawe ibyangombwa



## 1.4.2. Gukurikirana imikorere y'Imiryango itari iya Leta, Imitwe ya Politike n'imiryango ishingiye ku myemerere

Muri uyu mwaka wa 2018-2019 hakurikiranwe imikorere y'imiryango nyarwanda itari iya Leta 182, imiryango mvamahanga itari iya Leta 71 n' imiryango ishingiye ku myemerere 68 n'imitwe ya Politiki itanu. Ibi byakozwe hagamijwe kureba uko iyo miryango yubahiriza amategeko n'amabwiriza ayigenga n'uko bashyira mu bikorwa gahunda z'ibikorwa.

### 1.4.2.1. Imitwe ya Politike

Igenzura ry'imitwe ya Politike ryagaragaje ko iyo mitwe ifite inzego z'ubuyobozi ziteganywa ariko hagaragaye imitwe ya politike ine ifite zimwe mu nzego zidakora uko bikwiye. Izo nzego zidakora uko bikwiye ni komite nkemurampaka na komite ngenzuzi. Ikindi cyagaragaye ni uko iyo habaye impinduka mu nzego z'ubuyobozi, imitwe ya politike itamenyesha RGB izo mpinduka nk'uko biteganywa n'itegeko riyigenga.

### 1.4.2.2. Imiryango itari iya Leta n'imiryango ishingiye ku myemerere

Mu miryango 182 yagenzuwe, 131 yubahiriza amategeko n'ibikubiye muri gahunda z'ibikorwa yateganyije, 51 yagaragaje intege nke igirwa inama yo kurushaho kunoza imikorere cyane cyane ku bijyanye no kubaka inzego no gushyira mu bikorwa gahunda y'igenamigambi yateganyije.

Nyuma y'ikurikiranabikorwa, hari imiryango yagaragayemo imikorere itanoze igirwa inama ndetse imwe inafatirwa ibyemezo biteganywa n'amategeko nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira.

Imbonerahamwe 17: Ibyemezo byafatiwe imwe mu miryango itari iya leta n'ishingiye ku myemerere

| **N°** | **Umuryango** | **Imiterere y'ikibazo** | **Icyemezo cyafashwe** |
|---|---|---|---|
| 1 | Eglise des pays des grand lacs (EPGL) | Amakimbirane yatumye itorero ricikamo ibice bibiri bihanganye bitewe n'uko hari bamwe mu bayoboke bashakaga gukuraho umuyobozi waryo bamushinja guta itorero akajya hanze y'igihugu . | RGB yabagiriye inama ko ibyo bikorwa hakurikijwe amategeko kandi bigakorwa n'urwego rukuru rw'umuryango arirwo inteko rusange. RGB izakomeza gukurikirana uko iki kibazo cyakemuka mu buryo burambye |
| 2 | Rwanda Victory Mission | Amakimbirane ashingiye ku miyoborere y'umuryango aho bamwe mu banyamuryango bashinja umuyobozi mukuru guta umuryango akajya mu mahanga no gukoresha nabi umutungo w'umuryango. | RGB yandikiye umu ryango iwusaba gutegura inama y'inteko rusange ishyiraho inzego z'ubuyobozi.<br><br>RGB yanasabye umuvigizi w'uyu muryango gutandukanya umutungo we bwite n'uw'umuryango ahagarariye no kureka kuyoborera umuryango mu mahanga. |
| 3 | Forward in faith Ministries international | Uyu muryango waregeye RGB ko akarere ka Gasabo kawurenganyije kakawufungira urusengero kandi rwujuje ibisabwa. | RGB yagenzuye uko igikorwa cyakozwe isanga urusengero rutujuje ibisabwa. RGB yabasabye kubahiriza ibisabwa mbere y'uko urusengero rwongera gukora. |

| Nº | Umuryango | Imiterere y'ikibazo | Icyemezo cyafashwe |
|---|---|---|---|
| 4 | Highway of Holiness Miracle Center churches | Itorero ryarezwe n'umukristo arishinja kubaka urusengero ku butaka bwe. Urukiko rwategetse ko itorero ritanga ingurane kuri ubwo butaka, ariko ryanga gushyira mu bikorwa uwo mwanzuro. | RGB yandikiye itorero ibasaba gushyira mu bikorwa umwanzuro w'urukiko. |
| 5 | Solidarite pour la lutte contre le SIDA | Uyu muryango wananiwe gushyira mu bikorwa ibikubiye mu igenamigambi ryawo ahubwo wiyitirira ibikorwa bya Leta | RGB yanze guha ubuzima gatozi uyu muryango inasaba inzego z'ibanze z'aho umuryango wagaragazaga ko ukorera gukurikirana ikibazo. |
| 6 | Catholic Relief Services | Amafaranga yagaragajwe n'ibikorwa uyu muryango uvuga ko yakoze ntibijyanye. Iyo usuye ibikorwa by'uyu muryango usanga ari bike ugereranyije n'ingengo y'imari bagaragaza ko byatwaye. | Nyuma yo gusesengura raporo no gusura ibikorwa by'uyu muryango , RGB yasabye uyu muryango gutanga ibisobanuro . RGB izakomeza ikurikirane iki kibazo kugira ngo kibonerwe igisubizo kirambye. |
| 7 | Care International | Amafaranga yagaragajwe n'ibikorwa uyu muryango uvuga ko yakoze ntibijyanye. Iyo usuye ibikorwa by'uyu muryango usanga ari bike ugereranyije n'ingengo y'imari bagaragaza ko byatwaye. | Nyuma yo gusesengura raporo no gusura ibikorwa by'uyu muryango , RGB yasabye uyu muryango gutanga ibisobanuro. RGB izakomeza ikurikirane iki kibazo kugira ngo kibonerwe igisubizo kirambye. |
| 8 | APEFFE MWEYA | Amacakubiri ashingiye ku moko n'amakimbirane ashingiye ku micungire y'umutungo. | Hashingiwe ku nama zatanzwe na RGB n'Akarere ka Rubavu, Inteko Rusange ya APEFFE MWEYA yashyizeho Komite Nyobozi y'inzibacyuho yahawe inshingano zo gusesengura ibibazo biri muri uwo muryango no kubishakira ibisubizo mu gihe kitarenze umwaka umwe n'igice.<br><br>Urwego rw'Ubugenzacyaha rurimo gukurikirana ibijyanye n'ibyaha byaba byarakozwe |
| 9 | Amizero y'ubuzima organisation | Uyu muryango wagiranye amakimbirane n'abaterankunga ( Wir Fur Rwanda ) bawo nyuma bageza ikirego mu rukiko . Urukiko rwatanze umwanzuro kuri iki kibazo ariko ntiwubahirizwa bikomeza gukurura amakimbirane. | RGB yafatanyije n'Intara y'Amajyepfo mu gushyira mu bikorwa umwanzuro w'urukiko, ikibazo kikaba cyarakemutse burundu. |

### 1.4.2.3. Igenzura ry'insengero

RGB ku bufatanye na MINALOC, inzego z'ibanze n'abahagarariye amadini n'amatorero bakomeje gukurikirana igikorwa cyo genzura ko insengero z'amadini n'amatorero zujuje ibisabwa. Muri raporo y'ibikorwa y'umwaka wa 2017/2018, RGB yari yagaragaje ko insengero 7,458 zari zifunze kuko zitari zujuje ibisabwa, 804 zarafunguwe nyuma yo kuzuza ibisabwa naho 6,654.

### 1.4.2.4. Ingengo y'imari yakoreshejwe n'imiryango mvamahanga itari iya Leta hakurikijwe ibyiciro ikoreramo

Mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2018-2019, imiryango mvamahanga itari iya Leta 184 yakoresheje ingengo y'imari ingana n'amadorali y'Amerika **194,276,310** mu mishinga itandukanye.

Imbonerahamwe 18: Ingengo y'imari yakoreshejwe n'imiryango mvamahanga

| No | Icyiciro | Umubare w'imiryango | Ingengo y'imari/ USD |
|---|---|---|---|
| 1 | Uburezi | 49 | 48,087,203 |
| 2 | Ubuzima, isuku n'isukura | 31 | 39,985,043 |
| 3 | Ubuhinzi n'ubworozi | 24 | 43,954,737 |
| 4 | Imibereho myiza | 25 | 10,740,533 |
| 5 | Iterambere ry'umuryango n'uburenganzira bw'abana | 20 | 16,315,016 |
| 6 | Uburinganire n'iterambere ry'umugore | 17 | 3,698,501 |
| 7 | Kubungabunga ibidukikije na pariki | 9 | 2,161,870 |
| 8 | Imicungire y'ibiza n'impunzi | 11 | 10,801,589 |
| 9 | Iterambere ry'ubukungu n'ishoramari | 8 | 1,119,251 |
| 10 | Guteza imbere imiyoborere n'itangazamakuru | 7 | 329,523 |
| 11 | Amazi | 5 | 3,306,733 |
| 12 | Urubyiruko | 7 | 5,199,877 |
| 13 | Guteza ubucuruzi buciriritse n'ubwambukiranya imipaka | 7 | 5,587,284 |
| 14 | Ubutabera | 5 | 420,197 |
| 15 | Ingufu zisubira, ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro n'umutungo kamere | 3 | 403,144 |
| 16 | Guteza imbere siporo n'umuco | 3 | 402,629 |
| 17 | Guteza imbere ibikorwaremezo | 4 | 1,220,889 |
| 18 | Ikoranabuhanga | 1 | 542,291 |
| **Igiteranyo** | | | **194,276,310** |

Aho byavuye: RGB monitoring Report 2018-2019

### 1.4.2.5. Ubufatanye hagati ya Guverinoma n'imiryango itari iya leta mu kuzamura imibereho myiza y'abaturage (social protection program)

Umwiherero w'abayobozi bakuru b'igihugu wabaye muri 2016 wanzuye ko Leta igomba gufatanya n'imiryango itari iya leta mu kunoza gahunda zigamije kuzamura imiberero myiza y'abaturage arizo Girinka na VUP. Inzego bireba zahawe inshingano zo gushyiraho umurongo ngenderwaho no kugenzura ubwo bufatanye. RGB yahawe inshingano zo kuyobora ishyirwa mu bikorwa ry'iyi gahunda mu turere umunani: Muhanga, Ngororero, Nyaruguru, Nyamasheke, Rutsiro, Gakenke, Ngoma na Nyamagabe kubufatanye n'imiryango itari iya Leta.

Mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2018-2019, RGB yateguye inama eshatu zirimo iyahuje inzego za Leta arizo RGB, MINALOC, LODA, MINAGRI na RAB ndetse n'iyahuje izi nzego n'imiryango itari iya leta yagize uruhare mu cyiciro cy'igeragezwa ry'iyi gahunda. Izi nama zibanze ku gusuzuma uko igeragezwa ry'iyi gahunda ryagenze. Izi nama zagaragaje ibyiza by'iyi gahunda, zisuzuma imbogamizi zabayeho n'uko zakosorwa zinatanga umwanzuro ko iyi gahunda yagezwa mu turere twose.

Inama ya gatatu yahuje RGB na LODA hategurwa ibyagendeweho mu igenzura rya gahunda y'ubufatanye hagati ya Guverinoma n'imiryango itari iya leta mu kuzamura imibereho myiza y'abaturage. Iryo genzura ryarakozwe rigaragaza ibi bikurikira:

- Ubufatanye bwongereye kuzigama kw'abagenerwabikorwa ba VUP binyuze mu bimina;
- Gahunda ya Girinka yarushijeho kugira umusaruro kuko hari aho inka zatanzwe zashyizwe mu bwishingizi. Ikindi ni uko abagenerwabikorwa ba Girinka bahawe amahugurwa ajyanye no kwita ku buzima bw'inka;
- Imiryango itari iya leta, yarushijeho kugira iyi gahunda iyayo hamwe no gusobanukirwa gahunda za Leta n'uburyo zishyirwa mu bikorwa.

#### Ibibazo byagaragajwe:

- Uturere dutinda gushyikiriza imiryango amafaranga igomba gukoresha bigatuma ibikorwa by'iyi gahunda bidindira;
- Hagaragaye intege nke mu guhanahana amakuru, guhuza no gukurikirana ibikorwa ku rwego rw'uturere tumwe na tumwe bigatuma iyi gahunda itagenda neza uko bikwiye;
- Nyuma y'igeragezwa ry'iyi gahunda ntabwo habayeho kuyigeza mu tundi turere nk'uko byari biteganyijwe;
- Zimwe mu nzego za Leta ntizibona iyi miryango nk'abafatanyabikorwa ahubwo ziyibona nka ba rwiyemezamirimo, ibi bikabangamira ishyirwa mu bikorwa ry'iyi gahunda.

### 1.4.3. Kuzamura uruhare rw'imiryango itari iya Leta mu iterambere ry'igihugu.

Mu rwego rwo kongera ubushobozi imiryango itari iya Leta, kugira ngo igire uruhare mu iterambere ry'imibereho myiza y'abaturage, Guverinoma y' u Rwanda ifatanyije na One UN Rwanda yashyizeho umushinga witwa "Strengthening Civil Society Organizations (CSOs) for Responsive and Accountable Governance in Rwanda program' (CSO Program)" ushyirwa mu bikorwa na RGB ku nkunga y'Ishami ry'umuryango w'abibumbye ryita ku majyambere (UNDP).

Mu rwego rwo kwagura ibikorwa by'uyu mushinga no kuwongerera imbaraga, RGB yagiranye amasezerano y'ubufatanye na MINIJUST, MIGEPROF na REMA.

Iyi Gahunda yo kubaka ubushobozi bw'imiryango nyarwanda itari iya leta iteganyije kugera kuri ibi bikurikira:

1. Kongera ubushobozi bw'imiryango itari iya Leta n'ishingiye ku myemerere hibandwa cyane cyane ku kwishakira umutungo n'abafatanyabikowa
2. Kubaka ubushobozi bw'imiryango itari iya Leta n'ishingiye ku myemerere mu bijyanye no gukora ubuvugizi kuri politiki zo guteza imbere imibereho myiza y'abaturage
3. Kongera ingufu mu gufasha imiryango itari iya Leta n'ishingiye ku myemerere kugera ku nshingano zayo.

Mu rwego rwo gushyira izi ntego mu bikorwa hakozwe ibi bikurikira:

## 1.4.3.1. Gutanga inkunga y'amafaranga

Mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2018-2019, RGB ku bufatanye n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku iterambere (UNDP) n'abandi bafatanyabikorwa, yatanze inkunga ihwanye n'amafaranga 806,895,809 yahawe imiryango 33 itari iya Leta n'ishingiye ku myemerere mu rwego rwo gushyira mu bikorwa imishinga itandukanye igamije iterambere ry'abaturage. Iyi miryango yatoranyijwe binyuze mu ipiganwa risesuye, buri muryango uhabwa amafaranga 25,000,000 akoreshwa mu gihe cy'umwaka.

Imbonerahamwe 19: Ibyiciro imiryango yatewe inkunga ikoreramo

| No | Icyiciro | Umubare w'imiryango yatewe inkunga | Amafaranga yatanzwe |
|---|---|---|---|
| 1 | Kongerera ubushobozi imiryango itari iya Leta | 1 | 18,260,000 |
| 2 | Kuzamura imibereho myiza y'abaturage | 7 | 172,620,688 |
| 3 | Guteza imbere amakoperative, urubyiruko, guhanga umurimo no gusigasira umuco nyarwanda. | 3 | 73,116,500 |
| 4 | Kwegereza abaturage serivisi z'ubuhinzi n'ubworozi | 5 | 123,740,000 |
| 5 | Imibanire myiza mu miryango, kurengera uburenganzira bw'umwana, kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'irikorerwa abana. | 10 | 248,063,521 |
| 6 | Uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa, kugaragariza abaturage ibibakorerwa n'imitangire ya serivisi | 1 | 25,000,000 |
| 7 | Uburenganzira bwa muntu | 6 | 146,095,100 |
| **Igiteranyo** | | | **806,895,809** |

## 1.4.4. Kubaka ubushobozi bw'imiryango nyarwanda itari iya Leta n'ishingiye ku myemerere

Mu rwego rw'uyu mushinga, hahuguwe abantu 231 barimo abayobozi b'imiryango, abayobora imishinga n'abacungamutungo. Amahugurwa yibanze ku bijyanye n'icungamutungo, imicungire y'imishinga no gukora raporo z'ibikorwa, kumenyekanisha ibikorwa, imitangire y'amasoko, kubaka imiryango n'ibikorwa, gukora ubuvugizi, gushaka umutungo, kwimakaza ihame ry'uburinganire n'imiyoborere myiza.

Umusaruro wavuye mu bikorwa bitandukanye byo kubaka ubushobozi bw'imiryango nyarwanda itari iya Leta n'ishingiye ku myemerere


Ibikorwa byo kubaka ubushobozi bw'iyi miryango byatanze umusaruro mu buryo butandukanye haba ku miryango ubwayo ndetse no ku bagenerwabikorwa bayo. Imiryango 31 muri 33 (94%) yatewe inkunga yanogeje imicungire y'umutungo bitewe n'amahugurwa yahawe, ikurikiranabikorwa rihoraho rikorwa na RGB ndetse no kwigiranaho hagati yabo (peer learning). Iyi miryango kandi yafashe ingamba zo guhora yisuzuma kugira ngo irusheho kunoza imikorere.

Nyuma yo kongererwa ubushobozi kandi, imwe mu miryango yakoze ubuvugizi ku byiciro bikurikira:

- Guteza imbere ururimi rw'amarenga;
- Ubuvuzi no kwita ku mibereho y'abafite ubumuga bw'uruhu;
- Korohereza abafite uburwayi budakira kubona imiti ibagabanyiriza ububabare ;
- Kwita ku bana baba basizwe n'ababyeyi bakora ubucuruzi buciriritse bwambukiranya imipaka hagati y'u Rwanda na DRC. Ubu buvugizi bwatumye hubakwa irerero rishobora kwakira abana 100 i Rubavu.

## UMUSARURO KU BAGENERWABIKORWA

Imiryango yahawe amafaranga yakoze ibikorwa bitandukanye byazanye impinduka mu mibereho y'abagenerwabikorwa nk'uko bigaragazwa n'amashusho akurikira.



## 1.5. GUTEZA IMBERE URWEGO RW'ITANGAZAMAKURU

Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere rufite inshingano yo guteza imbere itangazamakuru no gutanga inama ku mikorere yaryo. Mu gushyira mu bikorwa iyo nshingano RGB yakoze ibi bikurikira: guhuza ibikorwa by'inzego zifite aho zihuriye n'iterambere ry'itangazamakuru, gukurikirana uko amavugurura y'itangazamakuru yashyizwe mu bikorwa no kongerera ubushobozi ibitangazamakuru n'amashyirahamwe y'abanyamakuru.

### 1.5.1. Uko urwego rw'Itangazamakuru ruhagaze

Urwego rw'itangazamakuru rwateye imbere ku buryo bugaragara kuva hatangijwe amavugururwa yarwo mu mwaka wa 2013. Umubare w'ibitangazamakuru birimo radiyo, televiziyo, ibikorera kuri interineti n'ibyandika ku mpapuro wariyongereye nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

Imbonerahamwe 20: umubare w'ibitangazamakuru Nyarwanda

| Ubwoko bw'igitangazamakuru | 2018 | 2019 |
|---|---|---|
| Radiyo | 34 | 34 |
| Televiziyo | 13 | 18 |
| Ibinyamakuru bisohoka ku mpapuro | 29 | 26 |
| Ibikorera kuri interineti | 20 | 22 |

Aho byavuye: Raporo ya RURA, 2019

Ku bijyanye n'ibinyamakuru bikorera kuri interineti n'ibyandika ku mpapuro, hari ikinyuranyo kinini mu mibare ya 2018 ugereranije n'imibare ya 2019. Ibi byatewe n'uko hari imbuga nyinshi za Interineti zikora nk'ibitangazamakuru ariko zitanditse muri RURA, ndetse na bimwe mu bitangazamakuru muri ibyo byiciro byombi bitavuguruye ibyangombwa byo kwiyandikisha muri RURA nyuma y'uko ibyo bakoreraho birangije igihe hakurikijwe amabwiriza ya RURA.

Ikindi cyateye izi mpinduka ni uko bimwe mu bitangazamakuru byiyandikisha nk'ibyandika ku mpapuro gusa ariko bifite n'imbuga zitangaza amakuru yabyo zitanditswe na RURA. Byongeye kandi Itegeko N°02/2013 ryo kuwa 08/02/2013 rigenga Itangazamakuru mu Rwanda mu ngingo yaryo ya 19 rivuga ko umuntu wese afite uburenganzira bwo gushing urubuga rwa Interineti. Iyi ngingo kandi ivuga ko gushinga urubuga rwa internet bidasaba kuba umunyamakuru w'Umwuga. Ibi bituma bimwe mu bitangazamakuru bikorera kuri interineti bikora bitanditse nyamara bikora nk'ibitangazamakuru by'umwuga ndetse binafite abanyamakuru b'umwuga bikoresha.

#### IBIGO BICURUZA IFATABUGUZI RYA TELEVISIYO

Mu Rwanda hari ibigo 4 bicuruza ifatabuguzi rya televiziyo: Star Africa Media Ltd, Tele 10 Group, Azam Media Ltd na Kwese TV Support Services. Ikoranabuhanga mu buryo bw'isakazamashusho n'amajwi ryatumye radiyo na televiziyo bibasha kurebwa no kumvikana mu bice hafi ya byose by'igihugu.

#### KONGERERA UBUSHOBOZI ABANYAMAKURU

Ku birebana no kongera ubumenyi bw'abakora umwuga w'itangazamakuru, mu Rwanda hari amashuri ane yigisha itumanaho n'itangazamakuru: ishami ry'itumanaho n'itangazamakuru rya Kaminuza

y'u Rwanda, ishami ry'itumanaho n'itangazamakuru rya Kaminuza Gatorika ya Kabgayi, ishami ry'itumanaho n'itangazamakuru muri Kigali Christian University n'ishami ry'itumanaho muri Mount Kenya University, Rwanda.

Mu mwaka wa 2019 Urwego rw'Abanyamakuru Bigenzura rwanditse abanyamakuru 211 bituma umubare w'abanyamakuru bamaze kwandika ugera ku 1,069 ariko abari mu mwuga ni 1,008. Muri bo, 243 bangana na 24.1% ni abagore, naho 765 bangana na 75.8% ni abagabo. Imibare yatanzwe n'Urwego rw'Abanyamakuru bigenzura mu mwaka wa 2018 yagaragaje ko 687 (80.1%) bafite impamyabumenyi y'icyiciro cya mbere cya kaminuza kuzamura, 170 bangana na 19.8% barangije amashuri yisumbuye naho umwe (0.1%) yarangije amashuri abanza gusa.

## 1.5.2. Guhuza ibikorwa by'inzego zifite aho zihuriye n'iterambere ry'itangazamakuru

### 1.5.2.1. Kumenyekanisha ibyavuye mu bushakashatsi ku bipimo by' itangazamamakuru mu Rwanda bya 2018 (Rwanda Media Barometer 2018)

Ubushakashatsi ku bipimo by'itangazamakuru mu Rwanda bwashyizwe ahagaragara muri 2018 ubwo u Rwanda rwizihizaga Umunsi Nyafurika w'Itangazamakuru. Ibi bipimo byamurikiwe abantu basaga 300 b'ingeri zitandukanye harimo: abayobozi mu nzego bwite za Leta, abahagarariye imiryango itari iya Leta, abafatanyabikorwa mu iterambere, abayobozi b'ibitangazamakuru n'abanyamakuru, abarimu n'abanyeshuri ba kaminuza.

Nyuma yo gushyira ahagaragara ibyavuye muri ubu bushakashatsi RGB yakomeje kubumenyekanisha hakoreshejwe imiyoboro itandukanye harimo: inama zahuje abantu b'ingeri zitandukanye, ibiganiro mu itangazamakuru ndetse n'urubuga rwa interineti rwa RGB.



Impuguke zitandukanye zitanga ibitekerezo kuri RMB 2018.

### 1.5.2.2. Ubushakashatsi ku mpinduka zazanywe n'amavugurura yakozwe mu itangazamakuru

Muri 2013 Guverinoma y'u Rwanda yakoze amavugurura mu rwego rw'itangazamakuru hagamijwe kubaka itangazamakuru ryigenga kandi rifite ubushobozi bwo kugira uruhare mu iterambere ry'igihugu. Amavugurura yakozwe ni aya akurikira:

1. Kuvugurura Itegeko ry'Itangazamakuru;
2. Gushyiraho itegeko ryerekeye kubona amakuru;
3. Kwigenzura kw'itangazamakuru;
4. Guhindura imikorere ya ORINFOR igahinduka Urwego rw'igihugu rw'Itangazamakuru (RBA);
5. Guhindura inshingano z'Inama Nkuru y'Itangazamakuru (MHC) yari isanzwe igenzura itagazamakuru aho yasigaranye ibijyanye no kubaka ubushobozi bw'itangazamakuru.

RGB nk'urwego rufite inshingano yo kugira Leta inama ku mikorere y'urwego rw'itangazamakuru, yakoze ubushakashatsi hagamijwe kureba impinduka zazanywe n'ayo mavugurura nyuma y'imyaka 5 ashyirwa mu bikorwa.

## IBYAVUYE MU BUSHAKASHATSI

Ubushakashatsi bwagaragaje ko 80.1% by'ababajijwe bemeza ko amategeko mashya yashyizweho yateje imbere imikorere y'itangazamakuru bigira n'uruhare mu iterambere ry'igihugu muri rusange. Ubushakashatsi kandi bwagaragaje ko itegeko ryerekeye kubona amakuru ryagize uruhare mu kwimakaza ihame ry'imiyoborere ryo gukorera mu mucyo ku ku kigero cya 78.3%. Igipimo cy'uburyo abaturage banyuzwe n'uko inzego za Leta n'iz'abikorera zitangaza amakuru zibyibwirije nk'uko biteganywa n'itegeko kiri kuri 76.2%.

Kubijyanye no kwigenzura kw'itangazamakuru, ubushakashatsi bwagaragaje ko byagize uruhare mu kunoza imikorere ijyanye n'amahame y'umwuga w'itangazamakuru ku kigero cya 79.5%. Kwigenzura kw'itangazamakuru byanazamuye icyizere hagati y'abakora uwo mwuga ubwabo ndetse no hagati yabo n'abaturage. Nubwo bimeze bityo, byagaragaye ko hakiri abaturage benshi bataramenya imikorere y'Urwego rw'Abanyamakuru bigenzura kuko 51.5% by'ababajijwe aribo bonyine bazi imikorere y'uru rwego.

Muri ubu bushakashatsi kandi 83.7% by'ababajijwe bemeje ko gahunda n'ibiganiro bya RBA byibanda ku muturage. Ibi bikaba bigaragarira mu kuba RBA itanga urubuga ku biyiciro bitandukanye by'abanyarwanda rwo kuganira no kungurana ibitekerezo ku bibazo bireba iterambere ry'igihugu. Ku bijyanye no kubaka ubushobozi bw'itangazamakuru, 78.8% by'abanyamakuru babajijwe bemeje ko Inama Nkuru y'Itangazamakuru itanga amahugurwa ajyanye n'ubumenyi bakeneye.

## IMBOGAMIZI N'INGAMBA

Nubwo amavugurura yakozwe mu rwego rw'itangazamakuru yatanze umusaruro haracyagaragara imbogamizi zibangamiye iterambere n'imikorere by'uru rwego nkuko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira.

Imbonerahamwe 21: Imbogamizi mu iterambere ry'itangazamakuru

| Imbogamizi | Ibisobanuro | Ingamba |
|---|---|---|
| Ibibazo by'amikoro | Iterambere ry'ikoranabuhanga mu itangazamakuru ryarihuse bigira ingaruka zikomeye ku mikorere isanzwe y'itangazamakuru no ku buryo ibitangazamakuru byabonagamo amafaranga binyuze mu kwamamaza. Ibyo byatumye amikoro y'ibitangazamakuru agabanuka, bigaragara ko bitari byaratekerejweho neza muri aya mavugurura. | Hakenewe ingamba zo kujyanisha imikorere y'itangazamakuru n'iterambere mu ikoranabuhanga kugira ngo birusheho kuzuzanya no gutanga umusaruro. |
| Umubare munini w'abakora umwuga w'itangazamakuru badafite ubumenyi bukwiye | Itegeko rigenga itangazamakuru rya 2013 ryakuyeho impamyabumenyi ku bemererwa gukora umwuga w'itangazamakuru. Ibyo byatumye habaho abakora uwo mwuga banyuranya n'amahame awungenga ndetse n'ireme ry'ibyo bakora rikagenda rigabanuka. | Hakenewe gushyiraho ingamba kugirango itangazamakuru rikorwe n'abafite ubumenyi bukwiye. |

| Imbogamizi | Ibisobanuro | Ingamba |
|---|---|---|
| Inshingano zijyanye n' urwego rw'itangazamakuru zigaragara mu nzego za Leta zitandukanye | Amavugurura yakozwe yatumye inshingano z'itangazamakuru zihabwa ibigo byinshi bitandukanye birimo MINALOC, RGB, MHC, RURA, OGS n'Urwego rw'Umuvunyi. Ibi bituma habaho imbogamizi mu guhuza ibikorwa, kwisubiramo (duplication) kw'inshingano mu bigo bitandukanye, bituma n'ingengo y'imari igenewe urwego rw'Itangazamakuru idatanga umusaruro uko bikwiye . | Hakenewe kunoza ihuzabikorwa mu rwego rw'itangazamakuru kugira ngo ribashe kugira uruhare rugaragara mu iterambere ry'igihugu. |
| Imbogamizi zi jyanye no kubona amakuru | Haracyari ibibazo bijanye no kubona amakuru afitwe n'ibigo bya Leta ndetse n'iby'abik orera bikabangamira ihame ryo gukorera mu mucyo no kongera uruhare rw'umuturage mu iterambere. | Hakenewe gukomeza ubukangurambaga kugirango umuc o wo gutanga amakuru ukomeze kuzamuka. |
| Kuba hatariho urwego rufite mu nshingano gutanga uburenganzira bwo gukorera mu Rwanda ku banyamakuru b'ibitangazamakuru mvamahanga | Itegeko rigenga itangazamakuru rya 2013 rivuga ko uburenganzira bwo gukorera mu Rw anda ku banyamakuru b'ibitangazamakuru mvamahanga butangwa n'urwego rubifite mu nshingano. Nyamara mu nzego zose zifite inshingano zijyanye n'itangamakuru, nta rwego na rumwe rwahawe iyo nshingano. Inama Nkuru y'Itangazamakuru yari isanzwe ifite izo nshingano mbere y'amavugurura yakomeje gutanga iyo serivisi nubwo itakibifite mu nshingano zayo. | Hakenewe gushyirwaho mu buryo bwemewe n'amategeko, urwego rushinzwe gutanga uburenganzira ku banyamakuru b'ibitangazamakuru mvamahanga bifuza gukorera mu Rwanda |
| Kuba Urwego rw'Abanyamakuru bigenzura rudaf ite sitati yemewe n'amategeko | Urwego rw'Abanyamakuru ruhura n'imbogamizi mu mikorere yarwo kuko nta tegeko rihari rigena imiterere n'imikorere yarwo. | Hakanewe kugena mu buryo bw'amategeko imiterere n'imikorere y'urwego rw'Abanyamakuru bigenzura |
| Ubushobozi budahagije bw'urwego rw'Igihugu rw'Itangazamakuru (RBA) | Urwego rw'Igihugu rw'itangazamakuru ruracyafite imbogamizi zo kutagira ubushobozi buhagije bituma rutabasha gusohoza inshingano zarwo uko bikwiye. | Hakenewe ingamba zo gutuma RBA ibona amikoro ahagije ayifasha mu buryo buhamye gusohoza inshingano . |

Aho byavuye: Impact Assessment of Media Sector Reforms 2019

## 1.5.2.3. Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry' Imihigo y'IMPAMYABIGWI

Impamyabigwi ni itorero ry'Abakora umwuga w'itangazamakuru barimo abanyamakuru ubwabo, abayobozi b'ibitangazamakuru na bamwe mu bakozi b'inzego zifite itangazamakuru mu nshingano zazo. Kugeza ubu iri torero rimaze kugira intore 354 zatojwe mu byiciro bitatu. Impamyabigwi zihaye imihigo igamije guteza imbere urwego rw'itangazamakuru muri rusange no kuzamura uruhare rw'itangazamakuru mu iterambere ry'igihugu. Nk'urwego rushinzwe guteza imbere itangazamakuru, RGB ikurikirana ku buryo buhoraho ishyirwa mu bikorwa ry'Imihigo y'Impamyabigwi. Hashingiwe ku mihigo y'impamyabigwi, muri uyu mwaka hakozwe ibikorwa bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

Imbonerahamwe 22: Ibikorwa byakozwe n'Impamyabigwi

| Nº | Umuhigo | Icyakozwe |
|---|---|---|
| **01.** | Gushyiraho ikigega cyo guteza imbere itangazamakuru | Ikigega cy'Iterambere ry'Abanyamakuru (Media Development Fund), cyatangijwe muri Kamena 2019 . Hashyizweho amategeko ngengamikorere y'ikigega, hashyizweho ubuyobozi ndetse abanyamuryango batangiye kwizigamira . RGB yemereye iki kigega inkunga ya Frw 5,000,000. |
| **02.** | Kwizihiza Umunsi Nyafurika w'itangazamakuru | Kuva 2016, uyu munsi wizihizwa buri mwaka ku itariki ya 7 Ugushyingo . |
| **03.** | Icyumweru cyahariwe Itangazamakuru "Media Week" | Icyumweru cyahariwe Itangazamakuru "Media Week" cyabaye kuva ku wa 1 kugeza 6 Ugushyingo 2018. Muri icyo cyumweru cyahariwe itangazamakuru, ibitangazamakuru byahuje imbaraga mu gukora ubuvugizi ku bibazo bibangamiye iterambere ry'abaturage. Abanyamakuru banakusanyije inkunga yafashije abarwayi ku bitaro bya Kibagabaga. Iki cyumweru cyasojwe n'umukino wa gicuti w'umupira w'amaguru wahuje ikipe y'abanyamakuru n'iy'abayobozi bakuru . |
| **04.** | Gufatanya na Pan African Movement mu kwizihiza umunsi wo kwibohora kwa Afurika | Impamyabigwi zifatanyije na Pan-African Movement ishami ry' u Rwanda mu kwizihiza Umunsi wo kwibohora kwa Afurika, by'umwihariko itangazamakuru ryagize uruhare mu kumenyekanisha uyu munsi n'indangagaciro Nyafurika. |

## 1.5.2.4. Ubukangurambaga ku itegeko ryerekeye kubona amakuru

Mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2018-2019, RGB yakoze ubukangurambaga ku itegeko ryerekeye kubona amakuru mu turere icumi aritwo: Ngoma, Huye, Gisagara, Gicumbi, Gakenke, Kirehe, Rubavu, Nyamagabe, Nyabihu na Bugesera.

Ubu bukangurambaga bwakozwe ku bufatanye n'Urwego rw'Umuvunyi, Ishyirahamwe ry'Uturere n'Umujyi wa Kigali (RALGA) n'Urwego rw'Abanyamakuru bigenzura. Bwari bugamije gushishikariza abayobozi n'abandi bakozi mu nzego z'ibanze kurushaho gutanga amakuru, guteza imbere gukorera mu mucyo no kuzamura uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa. Hanakozwe ibiganiro mu bitangazamakuru bitandukanye hagamijwe kumenyekanisha iri tegeko ku mubare munini w'abaturarwanda.

Uturere twakorewemo ubukangurambaga twatoranyijwe na RGB ifatanyije na RALGA. Mu guhitamo utu turere hashingiwe ku dufite komite nyobozi nshya, n'utwavuzwemo ibibazo byo kudatanga amakuru. Abitabiriye ubu bukangurambaga bose hamwe ni 351 barimo abagabo 243 n'abagore 108.



MBANDA Gerald wa RGB atanga ikiganiro ku itegeko ryerekeye kubona, Intara y'Amajyepfo.

## 1.5.2.5. Gukangurira ibitangazamakuru kurushaho gukoresha neza no guteza imbere ururimi rw' ikinyarwanda

Nk'urwego rushinzwe guteza imbere itangazamakuru, RGB iri mu nzego zasabwe n'inama y'Igihugu y'Umushyikirano (2017) gukora ubukangurambaga ku mikoreshereze inoze y'ururimi rw'Ikinyarwanda.

RGB yakanguriye ibitangazamakuru kurushaho kwita ku mikoreshereje inoze y'Ikinyarwanda, haba mu byo bitangaza no mu byo byigisha abanyarwanda. RGB yateguye inama enye zayihuje n'abayobozi b'ibitangazamakuru 83 birimo amaradiyo, amateleviziyo, ibitangazamakuru byandika n'ibikorera kuri interineti, byakanguriwe kwita ku mikoreshereze inoze y'ururimi rw' Ikinyarwanda no kubishishikariza abakurikira gahunda z'ibitangazamakuru.

Muri izo nama kandi intumwa za Minisiteri ya Siporo n'Umuco n'Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco zatanze ibiganiro bijyanye n'imikoreshereze inoze y'ururimi rw'Ikinyarwanda.

Hagamijwe gusuzuma imikoreshereze inoze y'ikinyarwanda mu itangazamakuru, RGB yongeye mu bipimo by'iterambere ry'itangazamakuru mu Rwanda byo muri 2018 (Rwanda Media Barometer) igipimo gifasha gusuzuma imikoreshereze inoze y'ikinyarwanda. Icyo gipimo cyerekanye ko 74.9% basanga itangazamakuru riteza imbere umuco Nyarwanda n'ururimi rw'Ikinyarwanda. Ikindi cyakozwe mu rwego rwo kunoza imikoreshereze y'ururimi rw' Ikinyarwanda mu itangazamakuru, ni uko mu bihembo ngarukamwaka bihabwa abanyamakuru b'indashyikirwa RGB yashyizemo icyiciro kijyanye no guteza imbere imikoreshereze inoze y'ururimi rw'Ikinyarwanda.

### 1.5.3. Kongerera ubushobozi ibitangazamakuru n'amashyirahamwe y'abanyamakuru

#### 1.5.3.1. Inkunga y'amafaranga yahawe ibitangazamakuru n'amashyirahamwe y'abanyamakuru.

Mu rwego rwo kongerera ubushobozi ibitangazamakuru n'amashyirahamwe y'abanyamakuru, mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2018-2019, RGB yatanze inkunga ya Frw 126,928,026 yahawe amashyirahamwe y'abanyamakuru n'ibitangazamakuru.

Inkunga yatanzwe yafashije gushyigikira gahunda yo kwigenzura kw'itangazamakuru no gushyira mu bikorwa imishinga y'amwe mu mashyirahamwe y'abanyamakuru. Amafaranga yahawe Ishyirahamwe nyarwanda ry'abanyamakuru n'Urwego rw'Abanyamakuru bigenzura yabafashije mu bikorwa bya buri munsi. Yafashije kandi ibitangazamakuru kubaka ubushobozi bwabyo, bigura ibikoresho (ibyuma bifata amajwi, ibifata amashusho, mudasobwa) bifashisha mu kazi kabo ka buri munsi ko gutara amakuru, kuyatunganya no kuyatangaza.

#### 1.5.3.2. Ibihembo ku banyamakuru b'indashyikirwa (Development Journalism Awards-DJA)

Mu rwego rwo guteza imbere ubunyamwuga n'umuco w'ubudashyikirwa mu itangazamakuru, RGB yafatanyije n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Iterambere (UNDP), Ishyirahamwe ry'Abanyamakuru (ARJ) Urwego rw'Abanyamakuru bigenzura, Inama nkuru y'Itangazamakuru n'abandi bafatanyabikorwa mu guhemba abanyamakuru babaye indashyikirwa mu mwaka wa 2018. Muri rusange hatanzwe ibihembo 39 byahawe abanyamakuru n'ibitangazamakuru. Ibihembo byari bigizwe n'amafaranga, ibikombe n'icyemezo cy'ishimwe byose bifite agaciro ka miliyoni 31 z'amafaranga y'u Rwanda.

Umubare w'abanyamakuru bapiganwe wikubye kabiri uva kuri 421 muri 2017 ugera kuri 846 muri 2018. Umubare w'abafatanyabikorwa bafatanya na RGB muri iki gikorwa nawo wariyongereye uva ku munani ugera kuri 11. Imbonerahamwe ikurikira igaragaza urutonde rw'abo bafatanyabikorwa.

Imbonerahamwe 23: Inzego zifatanyije na RGB mu gutanga ibihembo

| N° | Umufatanyabikorwa | Icyiciro cy'inkuru zahembwe |
|---|---|---|
| 1. | Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge | Guteza imbere ubumwe n'ubwiyunge |
| 2. | Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'umuryango | Gutanga ubutumwa bwo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina |
| 3. | Urwego ngenzuramikorere | Guteza imbere ikoranabuhanga |
| 4. | Inteko Nyarwanda y'ururimi n'umuco | Guteza imbere imikoreshereze inoze y'Ikinyarwanda |
| 5. | Minisiteri ya siporo n'umuco | Guteza imbere umuco Nyarwanda |
| 6. | Urwego rw'Umuvunyi | Kurwanya ruswa |
| 7. | Rwanda Population -based HIV Impact Assessment ( RPHIA) | Guteza imbere ubuzima |

| N° | Umufatanyabikorwa | Icyiciro cy'inkuru zahembwe |
|---|---|---|
| 8. | Ikigo cy'Igihugu gishinzwe kubungabunga Ibidukikije | Kubungabunga ibidukikije |
| 9. | Ishyirahamwe ry'Uturere n'Umujyi wa Kigali | Iterambere ry'icyaro |
| **Abandi bafatanyabikorwa** | | **Igikorwa bakoze** |
| 10 | AZAM TV | Yatangaje umuhango wo gutanga ibihembo urimo kuba |
| 11 | Africa 24 TV | Bakoze inkuru kuri uyu muhango zicishwa kuri Televiziyo |

## 1.6. IBIGANIRO N'UBUVUGIZI KU MIYOBORERE (POLICY ADVOCACY AND STRATEGIC ENGAGEMENTS)

Nk'Urwego rushinzwe kwimakaza amahame y'imiyoborere, RGB ikora ibiganiro n'ubuvugizi ku bufatanye n'inzego zitandukanye hagamijwe kungurana ibitekerezo ku ngamba zo kunoza imiyoborere, imitangire ya serivisi n'uruhare rw'umuturage mu iterambere.

RGB ifite kandi inshingano yo gutanga ibitekerezo ibisabwe cyangwa ibyibwirije mu nzego z'ubuyobozi ku mategeko akurikizwa mu gihugu no ku mishinga y'amategeko kugira ngo byubahirize amahame shingiro ajyanye n'imiyoborere. RGB kandi ikorana n'ibigo n'imiryango mpuzamahanga bifite aho bihuriye n'imiyoborere hagamijwe gusangira ubumenyi n'ubunararibonye mu birebana no guteza imbere amahame y'imiyoborere.

Muri uyu mwaka w'ingengo y'imari RGB yakoze ibiganiro n'abafatanyabikorwa mu byiciro binyuranye birimo: inzego za Leta, imiryango itari iya Leta, imiryango ishingiye ku myemerere, imiryango mpuzahanga, inzego z'itangazamakuru n'impuguke mu bushakashatsi ku miyoborere..

### 1.6.1.1. Ibiganiro n'ubuvugizi n'inzego zitandukanye (strategic engagements)

### 1.6.1.2. Gutangiza Gahunda y'Imiyoborere Twifuza



Umukuru wa RGB, abayobozi muri MINAGRI no mu mujyi wa Kigali baganira n'abaturage kuri serivisi z'ubuhinzi.





Ku bufatanye na Minisiteri y'ubuhinzi n'ubworozi, Urwego rw'Umuvunyi, Intara n'Umujyi wa Kigali, Imiryango ishingiye ku myemerere n'inzego z'ibanze, habayeho ibikorwa byo gutangiza ku mugaragaro Gahunda y'Imiyoborere Twifuza ku rwego rwa buri Ntara n'Umujyi wa Kigali.

Ibikorwa byo gutangiza iyi gahunda byabaye urubuga rwo guhuza inzego n'abaturage bungurana ibitekerezo ku mitangire ya serivisi, kurwanya ruswa n' uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa. Muri iyi gahunda, abaturage basobanuriwe banahabwa serivisi zitangwa n'inzego zitandukanye. Hanakemuwe ibibazo binyuranye by'abaturage.



Abaturage batanze ibitekerezo ku kuvugurura igishushanyo mbonera cy'umujyi wa Kigali banahabwa seivisi






Mu Ntara y'Iburasirazuba ubwo hatangizwaga gahunda Imiyoborere Twifuza



## 1.6.1.3. IBIGANIRO N'ABAFATANYABIKORWA MU ITERAMBERE (JADF)

Mu rwego rwo kwimakaza uruhare rw'abafatanyabikorwa mu iterambere mu gushyira mu bikorwa gahunda ya Guverinoma y'Imyaka irindwi (NST1) RGB yateguye inama esheshatu harimo imwe yo ku rwego rw'igihugu n'imwe ku rwego rwa buri Ntara n'Umujyi wa Kigali. Ibiganiro byitabiriwe n'inzego za Leta, abikorera, imiryango itari iya Leta n'imiryango ishingiye ku myemerere. Bimwe mu byavuye muri ibyo biganiro ni icyifuzo cyo kuvugurura amabwiriza ya Minisitiri w'Intebe agenga imikorere ya JADF. Abafatanyabikorwa kandi biyemeje kongera uruhare rwabo mu mikorere ya JADF no kunoza igenamigambi rihuriweho.



Abafatanyabikorwa mu iterambere mu mujyi wa Kigali



Abafatanyabikorwa mu iterambere mu Ntara y'Iburasirazuba mu biganiro byabahuje na RGB



Abafatanyabikorwa mu iterambere mu Intara y'Amajyepfo mu biganiro byabahuje na RGB



Abafatanyabikorwa mu iterambere mu Ntara y'Amajyepfo

### 1.6.1.4. Ibiganiro ku mitangire ya serivisi hifashishijwe ikoranabuhanga

Guverinoma y'u Rwanda yihaye intego y'uko mu mwaka wa 2024 serivisi zose z'inzego za Leta zizaba zitangwa hifashishijwe ikoranabuhanga. Ni muri urwo rwego RGB yagiranye ibiganiro n'inzego zitandukanye zirimo MINICT, RISA, RURA, MIFOTRA, RWANDA ONLINE, NIDA, RSB hagamijwe gushyiraho uburyo bunoze bwo gusuzuma aho inzego zigeze mu ikoreshwa ry'ikoranabuhanga mu mitangire ya serivisi. Umusaruro wavuye muri ibi biganiro ni uko inzego zashyizeho ibipimo genderwaho bizifashishwa kugenzura uko iyi ntego igenda igerwaho.

### 1.6.1.5. Ibiganiro ku byavuye muri RGS ya gatanu




Abantu b'ingeri zitandukanye bitabiriye igikorwa cyo kumurika ku mugaragaro ibyavuye mu bushakashatsi bwa RGS ya 5






Mu rwego rwo kugaragaza ibyavuye mu gipimo cy'imiyoborere (RGS), RGB yateguye ibiganiro byahuje abayobozi mu nzego za Leta, abahagarariye ibihugu n'imiryango mpuzamahanga ikorera mu Rwanda, imiryango itari iya Leta, imiryango ishingiye ku myemerere, ibigo by'ubushakashatsi na za kaminuza n'abahagarariye ibitangazamakuru.

Ibi biganiro byabaye umwanya wo gusangiza ababyitabiriye uko imiyoborere ihagaze mu Rwanda n'ingamba zafatwa mu kunoza ahakiri intege nke.

### 1.6.1.6. Ibiganiro n'imiryango itari iya Leta n'ishingiye ku myemerere

Muri iki cyiciro hakozwe ibiganiro birindwi (7) n'imiryango itari iya Leta n'ishingiye ku myemerere hagamijwe kunoza imikorere n'imikoranire, imitangire ya serivisi, ubuvugizi n'ubukangurambaga ku mategeko na politiki.

Imbonerahamwe ikurikira igaragaza ibiganiro byakozwe, ibyiciro by'abitabiriye n'ingingo zaganiriweho.

Imbonerahamwe 24: Ibyibanzweho mu biganiro n'imiryango itari iya Leta n'iishingiye ku myemerere

| Nº | Ibiganiro | Igihe | Abitabiriye |
|---|---|---|---|
| 1 | Uruhare rw'imiryango itari iya Leta mu matora | 25/9/2018 | RGB, NEC UNDP, LNGOs |
| 2 | Iyubahiriza ry'amategeko agenga imiryango atari iya Leta no kunoza imikorere n'imikoranire | 26/9/2018 | RGB, INGOs |
| 3 | Uruhare rw'imiryango itari iya Leta n'ishingiye ku myemerere mu kurwanya ibiyobyabwenge | 28/9/2018 | RGB, LNGOs, FBOs |
| 4 | Umushinga w'itegeko rigenga imitunganyirize n'imikorere by'imiryango nyarwanda itari iya Leta no kunoza politike ya sosiyete sivili nyarwanda | 27/3/2019 | RGB,UNDP, MINALOC, DGIE, LNGOs. |
| 5 | Ubukangurambaga n'ubuvugizi ku itegeko rishyiraho imisoro ku musaruro | 30/4/2019 | RGB, RRA, MINECOFIN,DGIE, NGOs. |
| 6 | Ubukangurambaga ku itegeko rishyiraho imisoro ku musaruro | 3/5/2019 | RGB,MINECOFIN, RRA, FBOs |
| 7 | Ubukangurambaga ku itegeko rigenga imitunganyirize n'imikorere by'imiryango ishingiye ku myemerere | 30/05/2019 | RGB, JADF, FBOs, LGs |

## 1.6.1.7. Inama ku rwego mpuzamahanga

### INAMA Y'IMPUGUKE KURI GAHUNDA NYAFURIKA YO KWISUZUMA MU MIYOBORERE (AFRICAN PEER REVIEW MECHANISM - APRM)

RGB yateguye inama yahuje impuguke kuri raporo z'ibihugu ku miyoborere mu rwego rwa gahunda nyafurika yo kwisuzuma mu miyoborere (African Peer Review Mechanism -APRM). Iyi nama yabereye i Kigali muri Gicurasi 2019. Yitabiriwe n'ubunyamabanga buhoraho bwa APRM ndetse n'intumwa ziturutse mu bihugu 13 bya Afurika harimo n'U Rwanda. Muri iyi nama habaye umwanya wo kungurana ibitekerezo ku iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere muri Afurika, by'umwihariko u Rwanda rukaba rwarasangije abitabiriye inama ishusho y'imiyoborere mu Rwanda.

### UMUNSI NYAFURIKA W'ITANGAZAMAKURU (AFRICA DAY OF INFORMATION)

RGB n'abandi bafatanyabikorwa bateguye banizihiza Umunsi Nyafurika w'Itangazamakuru ku wa 7 Ugushyingo 2018. Uwo munsi wari ufite insanganyamatsiko igira iti "Akamaro ko kubona amakuru ku Iterambere rya Afurika". Ibirori byo kwizihiza uyu munsi byitabiriwe n'abantu basaga 300 baturutse mu Rwanda no mu mahanga barimo abakora umwuga w'itangazamakuru, impuguke muri politiki, abashakashatsi, abahagarariye imiryango itari iya Leta n'abikorera.

Ibiganiro byo kuri uwo munsi byibanze ku gukangurira itangazamakuru ryo muri Afurika gufata iya mbere mu gutangaza amakuru nyakuri y'uyu mugabane.




Impuguke zitanga ikiganiro mu kwizihiza umunsi Nyafurika w'Itangazamakuru

Muri iyi nama hagaragajwe uburyo gutanga no kubona amakuru byafasha mu iterambere rya Afurika nk'uko bikubiye mu cyerekezo cya Afurika 2063.

## 1.6.1.8. Inama nyunguranabitekerezo zihuza impuguke n'abashakashatsi ku miyoborere



Impuguke n'abashakatsi mu biganiro byateguwe na RGB ku guhuza ingufu mu gukora ubushakashatsi ku miyoborere



RGB yakoze inama ebyiri zikurikira:

- Inama yahuje ibigo by'ubushakashatsi na za kaminuza, mu Ukuboza 2018, hagamijwe guhuza imbaraga n'imikoranire mu birebana n'ubushakashatsi ku miyoborere n'uburyo bw'umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo. Abitabiriye iyi nama kandi bunguranye ibitekerezo ku mabwiriza agenga gutanga impushya z'ibanze ku bashaka gukora ubushakashatsi ku miyobore no ku buryo bw'umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo.
- Ku bufatanye na Komisiyo y'Imiyobore y'Umuryango wa Afurika yunze Ubumwe, mu Ukwakira 2018, RGB yateguye inama ku Masezerano Nyafurika kuri Demokarasi, Amatora n'Imiyoborere (African Charter on Dermocracy, Elections and Governance: Rwanda's initial state report). Iyi nama yari igamije gutegura raporo y'ibanze y'u Rwanda ku birebana n'amahame ya demokarasi, imiyoborere n'amatora. Iyi raporo yarakozwe inemezwa n'inama y'abaminisitiri mbere y'uko ishyikirizwa Komisiyo y'Umuryango wa Afurika yunze Ubumwe. Iyi nama yitabiriwe n'abahagarariye inzego zitandukanye zirimo: OTP, MINIJUST, MINALOC, NEC, NHRC, NFPO, CSOs, Urubyiruko, Abagore ndetse n'Abafite ubumuga.

## 1.6.1.9. Amatsinda y'abanyamahanga RGB yakiriye



Umukuru wa RGB yakira Umuyobozi wa Dubai-Care


Abanyaeshuri ba SIT University yo muri Leta z'Ubumwe za Amerika bakiriwe na RGB




Umunyamabanga Mukuru wa RGB yakira itsinda ryaturutse muri Gambia

Mu rwego rwo gusangiza ubumenyi inzego, ibigo n'abantu batandukanye ku miyoborere y'u Rwanda, RGB yakiriye amatsinda y'abanyamahanga baturutse mu bihugu 16 bikurikira: Leta zunze Ubumwe za Amerika, Ubushinwa, Afurika y'Epfo, Botswana, Gambia, Burkina Faso, Nigeria, Mali, Repubulika ya Congo, Singapore, Tanzania, Zambia, Zimbabwe, Malawi, Cote d'Ivoire, Repubulika ya Centrafrique. Andi matsinda RGB yakiriye ni ay'abaturutse mu miryango mpuzamahanga, kaminuza n'ibigo by'ubushakashatsi.

Ibiganiro RGB yagiranye n'aya matsinda byibanze kuri ibi bikurikira: Imiyoborere y'u Rwanda n'uburyo rwiyubatse nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, uburyo bw'umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo, amavugurura mu nzego za Leta n'iterambere ry'Itangazamakuru.

## 1.6.1.10. Ibiganiro binyuze mu itangazamakuru

RGB ikorana n'ibitangazamakuru bitandukanye mu rwego rwo kumenyekanisha ibikorwa byayo no gusobanurira abanyarwanda gahunda zitandukanye zigendanye n'inshingano zayo.

Muri urwo rwego hakozwe ibiganiro binyuze mu bitangazamakuru birimo televiziyo, radiyo, ibyandika ku mpapuro n'ibisohoka kuri Interineti. Muri izi gahunda kandi hateguwe ubutumwa butunganije mu buryo bw'amajwi n'amashusho (Video and Radio spots) bwanyujijwe ku maradiyo na televiziyo bitandukanye mu gihe kirekire.

## 1.6.1.11. Ibiganiro kuri radiyo na televiziyo abaturage bagiramo uruhare (interactive talk shows)


Muri uyu mwaka w'ingengo y'imari, RGB yakoze ibiganiro 66 birimo 18 byanyuze ku mateleviziyo anyuranye n'ibiganiro 48 byatambutse ku maradiyo. Ibi biganiro byakorwaga mu buryo ababikurikiye bashobora kubigiramo uruhare batanga ibitekerezo cyangwa babaza ibibazo.

Ibiganiro byatanzwe byibanze ku nsangayamatsiko zinyuranye zijyanye n'ibikorwa n'inshingano za RGB. Ingingo zagarutsweho cyane ni:

- Imikorere y'imiryango ishingiye ku myemerere;
- Imitangire ya serivisi;
- Guteza imbere amahame y'imiyoborere myiza;
- Igipimo cy'imiyoborere mu Rwanda;
- Iterambere ry'urwego rw'itangazamakuru;
- Uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa n'uburenganzira bwo kubona amakuru.

Ishusho ikurikira igaragaza uko insanganyamatsiko zitandukanye zagiye zigarukwaho mu bitangazamakuru bitandukanye.

Ishusho 24: Insanganyamatsiko zibanzweho mu biganiro byanyuze mu bitangazamakuru




Nk'uko iyi shusho ibigaragaza ibiganiro byinshi RGB yatanze byibanze ku miyoborere n'imitangire ya serivisi (32%). Ibi ahanini byari bijyanye na gahunda zitandukanye za RGB zirimo Imiyoborere Twifuza, Umurenenge Kagame Cup, Nk'Uwikorera n'izindi ngingo zirebana no guteza imbere amahame y'imiyoborere no kunoza imitangire ya serivisi.

Indi ngingo yagarutsweho cyane mu biganiro bya RGB mu itangazamakuru ni iyerekeye imiryango ishingiye ku myemerere (27%). Ibi byatewe n'uko mu mwaka wa 2018 hakozwe igenzura ku miryango ishingiye ku myemerere ryatumye insengero nyinshi zitari zujuje ibisabwa zifungwa ndetse n'imiryango itari ifite ibyangombwa irahagarikwa. Ikindi cyatumye iyi ngingo yibandwaho cyane mu bitangazamakuru ni Itegeko rishya rigena imitunganyirize n'imikorere by'imiryango ishingiye ku myemerere ryazanye impinduka n'ingingo nshya zitari mu itegeko ryari risanzwe, bityo RGB yifashishije itangazamakuru kugira ngo ibashe gusobanurira abanyarwanda ibijyanye n'izo mpiduka zose.

### 1.6.1.12. Ibiganiro byihariye kuri Radiyo na Televiziyo Rwanda (Pre-recorded shows)

RGB igira ibiganiro byihariye hagamijwe kumenyekanisha ibikorwa byayo ndetse no gusobanura gahunda, amategeko na politiki zijyanye n'inshingano zayo. Ibyo biganiro bigufi bitunganywa na RGB binyura kuri RBA hashingiwe ku masezerano y'imikoranire hagati y'inzego zombi. Mu mwaka wa 2018/2019 hakozwe ibiganiro 15 byatambutse kuri Radiyo na Televiziyo Rwanda.

### 1.6.1.13. Ubutumwa bw'igihe kirekire mu bitangazamakuru

Mu rwego rwo gukora ubukangurambaga kuri gahunda "Imiyoborere Twifuza" no kuri Gahunda ya "Nk'uwikorera", RGB yatambukije ubutumwa buhoraho ku bitangazamakuru bitandukanye mu gihe cy'iminsi 160.

RGB yanatanze ubutumwa yifashishije ibitangazamakuru byandika ku mpapuro n'ibikorera kuri interineti. Ubu butumwa nabwo bwibanze ku kumenyekanisha gahunda y"Imiyoborere Twifuza" n'iya "Nk'uwikorera".

### 1.6.1.14. Umusaruro w'ingenzi wavuye mu biganiro bitandukanye byavuzwe haruguru ukubiye mu ngingo zikurikira:

- Imiryango itari iya Leta n'imiryango ishingiye ku myemerere yasobanukiwe amategeko mashya arimo itegeko ry'umusoro ku musaruro n'itegeko rigenga imiryango ishingiye ku myemerere;
- Hakusanyijwe ibitekerezo bizifashishwa mu gutegura politiki igenga Imiryango nyarwanda itari iya Leta no mu kuvugurura itegeko rigena ishinga, imitunganyirize n'imikorere yayo;
- Hakusanyijwe ibitekerezo byifashishijwe mu gushyiraho amabwiriza ya RGB ateganywa n'itegeko rigena imitunganyirize n'imikorere by'imiryango ishingiye ku myemerere;
- Hakuzasanyijwe ibitekerezo bizifashishwa mu kuvugurura amabwiriza agenga imikorere ya JADF;
- Hateguwe raporo y'ibanze igaragaza uko U Rwanda rwashyize mu bikorwa amasezerano nyafurika ku miyoborere, demokarasi n'amatora (initial report of the Republic of Rwanda under the African charter on democracy, elections and governance); iyi raporo yemejwe n'inama y'Abaminisitiri ishyikirizwa Komisiyo y'Umuryango w'Ubumwe bw'Afurika;
- Hemeranyijwe ubufatanye mu bijyanye no gukora ubushakashatsi ku miyoborere hagati ya RGB, amashuri makuru, kaminuza n'ibigo by'ubushakashatsi. RGB yasinyanye amasezerano y'ubufatanye na kaminuza eshatu (UR, ICK na UK);
- Hashyizweho ibipimo ngenderwaho bizifashishwa mu kugenzura ikoreshwa ry'ikoranabuhanga mu kunoza imitangire ya serivisi (online service scorecard).

## 1.7. UBUYOBOZI N'IMIRIMO RUSANGE

Muri iki cyiciro hakozwe ibikorwa bikurikira: ikurikiranabikorwa rya gahunda y'ibikorwa bya 2018-2019, imikoreshereze y'ingengo y'imari, kubaka ubushobozi bw'Urwego n'abakozi n'ishyirwa mu bikorwa ry'amahame y'uburinganire.

## 1.7.1. Ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'ibikorwa 2018-2019


Mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2018-2019, RGB yari yateganyije ibikorwa 63 muribyo Ibikorwa 62 bihwanye na 98% byarakozwe birarangira. Naho igikorwa kimwe gihwanye na 2% nticyakozwe. Icyo gikorwa kikaba kijyanye no kongera imbaraga mu buryo bw'ikoranabuhanga mu kwandika imiryango mvamahanga itari iya Leta, imiryango nyarwanda itari iya Leta n'imiryango ishingiye ku myemerere (Upgrade on line registration system for INGOs, NGOs and FBOs).

Ibi bikaba byarashingiye ku cyemezo cya Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi cy'uko Ikigo gishinzwe ikoranabuhanga (RISA) cyabanza kigakora isesengura ryimbitse ku birebana nuko ubu buryo bw'ikoranabuhanga bwo kwandika imiryango yavuzwe haruguru bwakubakwa mu buryo bunoze kandi burambye. Iri sesengura ryarakozwe rirangira umwaka w'ingengo y'imari usoje biba ngombwa ko igikorwa kimurirwa muri gahunda y'ibikorwa y'umwaka wa 2019-2020.

## 1.7.2. Imikoreshereze y'ingengo y'imari y'umwaka wa 2018-2019

RGB yari yagenewe ingengo y'imari y'amafaranga y' u Rwanda angana na 3,837,232,581 Frw. Muri ayo mafaranga 2,098,530,414 Frw yaturutse mu ngengo y'imari ya Leta naho 1,738,702,167 Frw yatanzwe n'Abafatanyabikorwa binyuze mu mishinga ishyigikira gahunda z'Imiyoborere myiza.

Ishusho 25: Imikoreshereze y'ingengo y'imari




Aho byavuye: RGB, Raporo y'imari, 2018-2019

Muri rusange ingengo y'imari yakoreshejwe ku gipimo cya 95.5% bingana na 95.42% by'imari ya Leta na 95.7% by'ingengo y'imari y'imishinga. Zimwe mu mpamvu zatumye ingengo y'imari idakoreshwa 100%, ni uko hari bamwe mu bakozi bavuye mu kazi kandi bari barateganyijwe mu ngengo y'imari. Kuba hari amafaranga yo mu ngengo y'imari y'imishinga atarakoreshejwe byatewe n'uko hari ibikorwa byari bitarishyurwa umwaka urangiye ariko abaterankunga bemera ko azishyurwa mu mwaka w'ingengo y'imari ukurikira.

## 1.7.3. Kubaka ubushobozi bw'Urwego

### 1.7.3.1. Ingamba zo kubaka ubushobozi bw'abakozi

Mu rwego rwo gushyira mu bikorwa gahunda y'imyaka 7 yo kubaka ubushobozi bw'abakozi, RGB yahuguye abakozi nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira.

Imbonerahamwe 25: umubare w'abakozi bahuguwe mu byiciro bitandukanye

| Insanganyamatsiko y'amahugurwa | Umubare w'abahuguwe | | |
|---|---|---|---|
| | Abagabo | Abagore | Bose |
| Amahugurwa y'ibanze ku bakozi bashya ku mikorere n'inshingano z'Urwego | 9 | 3 | **12** |
| Guteza imbere ihame ry'uburinganire | 27 | 34 | **61** |
| Ikurikirana n'isuzumabikorwa (Monitoring & Evaluation) | 25 | 10 | **35** |
| Kunoza imitangire ya serivisi | 38 | 32 | **70** |
| Gusesengura politiki (Policy analysis) | 25 | 10 | **35** |
| Ingengamikorere y'ubushakashatsi (Research methods and sampling) | 16 | 8 | **24** |

## 1.7.4. Ingamba zo kumenyekanisha ibikorwa (Communication strategy)

Mu rwego rwo kunoza uburyo bwo kumenyekanisha ibikorwa byayo, RGB yateguye inyandiko ishyiraho imirongo migari ku bikorwa bijyanye no kumenyekanisha amakuru, ubukangurambaga no gusobanura ibyo RGB ikora n'inshingano zayo ku bafatanyabikorwa b'ibyiciro bitandukanye. Iyi nyandiko igaragaza ibikorwa by'ingenzi, imiyoboro, ubutumwa n'ibikoresho RGB izifashisha kugira ngo inoze ibijyanye no kumenyekanisha ibikorwa no gusobanura ibyo ikora. Iyi nyandiko izajya yifashishwa mu gukora igenamigambi ry'igihe gito cyangwa kirekire ry'ibikorwa bijyanye n'Igenamigambi ry'Imyaka 6 rya RGB (Six-Year Strategic Plan)

## 1.7.5. Ishyirwa mu bikorwa ry'ingamba zo guteza imbere ihame ry'uburinganire (Gender mainstreaming strategy)

Mu rwego rwo gushyira mu bikorwa ingamba zo kurushaho guteza imbere ihame ry'uburinganire hahuguwe abakozi 56 (abagabo 32, abagore 24) ku birebana no

kwimakaza ihame ry'uburinganire mu bikorwa bya RGB. Hanahuguwe kandi abafatanyabikorwa 62 baturutse mu miryango itari iya Leta.

RGB yubahiriza ihame ry'uburinganire mu ishyirwaho ry'ibipimo n'uburyo bukoreshwa mu bushakashatsi no mu igenzura ku miyoborere n'imitangire ya serivisi. Ihame ry'uburinganire kandi ni kimwe mu bigenderwaho mu guhitamo imishinga y'imiryango itari iya Leta iterwa inkunga no mu gikorwa cyo gutanga ibihembo bihabwa abanyamakuru b'indashyikirwa.

## 1.7.6. Gukora raporo y'ibikorwa ya 2018-2019

Raporo y'ibikorwa ya RGB y'umwaka wa 2018-2019 yarateguwe ishyikirizwa inzego bireba.

## 1.7.7. Icyegeranyo ku ntambwe u Rwanda rumaze gutera mu myaka 25 rubikesha imiyoborere myiza.

RGB yakoze icyegeranyo ku ntambwe u Rwanda rwateye mu myaka 25 ishize rubikesha imiyoborere myiza. Iki cyegeranyo gikubiyemo amakuru ku byagezweho by'ingenzi mu nkingi eshatu za Guverinoma arizo ubukungu, imibereho myiza y'abaturage, imiyoborere n'ubutabera.

Ku nkingi y'imiyoborere n'ubutabera u Rwanda rwateye intambwe mu birebana n'umutekano, kurwanya ruswa, iyubahirizwa ry'amategeko, ubumwe n'ubwiyunge, kwegereza ubuyobozi n'ubushobozi abaturage, gukorera mu mucyo, imiyoborere idaheza no guteza imbere uburinganire:

### MU MIYOBORERE

- Mu bijyanye n'umutekano, RGS igaragaza ko umutekano ariyo nkingi iza ku isonga ku kigero cya 94.97% naho raporo ya Gallup ya 2018 kigaragaza ko u Rwanda ruza ku mwanya wa kabiri muri Afurika mu bijyanye n'umutekano;
- Igipimo cy'ubumwe n'ubwiyunge cya 2015 cyagaragaje ko ubumwe n'ubwiyunge buhagaze ku kigero cya 92.5%, naho ikigero cy'abanyarwanda bakibona mu ndorerwamo y'amoko cyavuye kuri 30.5% muri 2010 kikagera kuri 27,5% muri 2015;
- Mu birebana no kwimakaza uburinganire, Global Gender Gap report 2018 yagaragaje ko u Rwanda ruza ku mwanya wa 6 mu bihugu 149 mu birebana no guteza imbere uburinganire;

### MU BUKUNGU

- Mu birebana no kwihaza mu ngengo y'imari, mu mwaka wa 1995, u Rwanda rwabashaga kwibonera 30% by'ingengo y'imari 70% akava mu baterankunga, mu ngengo y'imari ya 2018/2019 amafaranga akomoka imbere mu gihugu n'inguzanyo bigize 84% by'ingengo naho 16% yonyine ariyo yavuye mu baterankunga;
- Umusaruro w'umuturage ku mwaka wavuye ku madorali y'Amerika 218 mu 1995 ugera kuri 791 muri 2018;
- Ubukene muri rusange bwavuye kuri 78% mu 1994 bugera kuri 38.2% muri 2018, naho ubukene bukabije bwavuye kuri 40% mu mwaka wa 2000 bugera kuri 16% muri 2017.

### MU MIBEREHO MYIZA

- Icyizere cyo kubaho ku munyarwanda cyavuye ku myaka 49 mu 2000 kigera ku myaka 67 muri 2018;
- Mu mwaka wa 2000 ababyeyi bapfa babyara bari 1,071/100,000 ubu bikaba bigeze 210/100,000;
- Umubare w'imfu z'abana bari munsi y'imyaka itanu waragabanutse uva ku 196/1000 ugera kuri 50/1000 mu mwaka wa 2015
- Mu mashuri abanza 98% by'abana bageze igihe cyo kwiga bagannye ishuri.
- Umubare wa kaminuza n'amashuri makuru wavuye kuri 7 mu 1995 ugera kuri 54 muri 2017 (ubariyemo n'amashuri makuru y'ubumenyingiro 17). Umubare w'abanyeshuri wavuye ku 2,821 ugera ku 91,193.

## 1.7.8. Uruhare mu kubaka umuryango nyarwanda

Mu rwego rwo kwibuka ku nshuro ya 25 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, abakozi ba RGB basuye Urwibutso rwa Jenoside rwa Kigali hagamijwe kubasobanurira uruhare imiyoborere mibi yagize mu gusenya igihugu ndetse n'uburyo imiyoborere myiza yagize uruhare mu kucyubaka nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Muri urwo rwego kandi, ku bufatanye n'abagize ihuriro ry'imiryango nyarwanda itari iya Leta n'iry' imiryango mvamahanga itari iya Leta, abakozi ba RGB basuye urwibutso rwa Jenoside rwa Mageragere mu karere ka Nyarugenge banaremera abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi batujwe mu mudugudu w'ikitegererezo wa Rugendabari wubatswe na JADF y'akarere ka Nyarugenge.







Abakozi ba RGB n'abafatanyabikorwa basura urwibutso rwa Mageragere bakanaremera bamwe mu barokotse Genocide yakorewe Abatutsi mu 1994

2

# IGICE CYA 2: IBIKWIYE KWITABWAHO KU BURYO BW'UMWIHARIKO


## 2.1. IBIKWIYE KWITABWAHO KU BURYO BW'UMWIHARIKO

Hagendewe ku byavuye mu bushakashatsi, isesengura ndetse n'igenzura byakozwe na RGB, hagaragajwe ibibazo bikwiye kwitabwaho no gukurikiranwa by'umwihariko mu rwego rwo kwihutisha iterambere ry'Igihugu. Bimwe muri ibyo bibazo birerekanwa hakurikijwe ibyiciro ndetse n'inzego zigomba kubikurikirana.

### 2.1.1. Icyiciro cy'ubuhinzi n'ubworozi


Ubuhinzi ni imwe mu nkingi zikomeye z'ubukungu bw'u Rwanda kuko abanyarwanda barenga 70% batunzwe n'umwuga w'ubuhinzi mu gihe 29% (NISR 2018) by'umusaruro mbumbe w'igihugu byihariwe n'ubuhinzi. N'ubwo iyi nkingi ifite akamaro ku bukungu bw'igihugu n'imibereho myiza y'abaturage, haracyagaragara imbogamizi muri serivisi zitangwa mu rwego rw'ubuhinzi nk'uko bigaragazwa na CRC ya 2019.

Ikarita 2: Uko abaturage babona serivisi zo kuhira imyaka




CRC ya 2019 yagaragaje ko abaturage batishimiye serivisi zo kuhira imyaka bari ku gipimo cya 77.39%. Ibi biragaragaza ko hakwiye gushyirwaho ingamba zifatika mu kunoza serivisi zo kuhira kugira ngo abahinzi barusheho kongera umusaruro.

Ishusho 26 uko abaturage babona zimwe muri serivisi z'ubuhinzi




Aho byavuye: CRC 2019


Mu zindi serivisi z'ubuhinzi zinengwa cyane kurusha izindi harimo gukoresha imashini zihinga (83.21%), gutunganya no kongerera agaciro ibikomoka ku buhinzi (70.19%), guhunika umusaruro (64.3%) no kubona isoko ry'umusaruro (51.84%). Inzego zibishinzwe zikwiye gushyiraho ingamba zo gukemura ibibazo bituma abaturage banenga serivisi mu byiciro byavuzwe haruguru.

## 2.1.2. Icyiciro cy'uburezi

U Rwanda rwihaye intego yo kubaka ubukungu bushingiye ku bumenyi bityo uburezi ni inkingi ya mwamba kugira ngo iyi ntego igerweho. Icyakora, mu rwego rw'uburezi cyane cyane mu mashuri abanza n'ayisumbuye haracyagaragara ibibazo bibangamiye iterambere ryarwo.

Byagaragaye ko gahunda yo gutanga ifunguro rya ku manywa ku banyeshuri ifite uruhare runini mu kugabanya umubare w'abana bata ishuri ndetse bigakemura ikibazo cy'igwingira n'imirire mibi mu bana. Nyamara, abaturage banenga ishyirwa mu bikorwa ry'iyi gahunda baracyari benshi nk'uko bigaragara ku ikarita ikurikira.

Ikarita 3: uko abaturage babona serivisi yo kugaburira abana ku mashuri.




Nk'uko bigaragara ku ikarita iri hejuru, muri rusange, igipimo cy'abanenga serivisi yo kugaburira abana ku mashuri kiri kuri 49.8%.

Ibindi bibazo biza ku isonga muri serivisi z'uburezi biri mu ngeri zikurikira: ubucucike mu mashuri, guta ishuri no gusibira kw'abana, urugendo abana bakora bajya ku ishuri, imyigire y'abana, ibikoresho by'ikoranabuhanga ku mashuri no kutagira ibibuga by'imikino n'imyidagaduro. Nko ku birebana n'ikibazo cyo guta ishuri, igipimo cy'imiyoborere mu Rwanda cyagaragaje ko biri ku kigero cya 33.56%. Naho ku kibazo cyo kutagira ibikorwaremezo by'imikino n'imyidagaduro, igenzura ryakozwe muri gahunda yo kugenzurana no kwigiranaho mu bigo by'amashuri 875 mu Ntara y'Iburengerazuba n'iy'Iburasirazuba ryagaragaje ko hari ibigo 227 bitagira ibibuga by'imikino n'imyidagaduro.

Mu ngamba zigamije kunoza ireme ry'uburezi hakwiye no kwitabwa ku ngamba zifasha gukemura ibibazo byavuzwe haruguru.

## 2.1.3. Icyiciro cy'ubuzima

Mu bibazo bibangamiye abaturage mu rwego rw'ubuzima harimo ibijyanye no kubona imiti muri farumasi n'abakozi badahagije ku mavuriro byongeye kugaruka nk'uko byagaragaye mu mwaka ushize.

Ibindi bibazo byagaragaye ni ibi bikurikira:

- AMAVURIRO ADAHAGIJE

Amavuriro yo ku rwego rw'ibanze (poste de santé) aracyari make. Igipimo cy'imiyoborere mu Rwanda (RGS ya 6) kigaragaza ko kugeza ubu mu Rwanda hari poste de santé 705 mu gihe intego ari uko muri 2024 muri buri Kagari hagomba kuba hari ivuriro.

- SERIVISI ZA MITUWELI ZITANOZE

Byagaragaye ko nyuma y'amasaha asanzwe y'akazi no mu mpera z'icyumweru (weekends) nta mukozi wa RSSB ushinzwe Mituweli uba uri ku bigo nderabuzima ngo yakire abaturage. Ibyo bigatuma abaje kwivuza batabona serivisi uko bikwiye cyangwa bakiyishyurira ikiguzi cy'ubuvuzi (100%) kandi bafite ubwishingizi bwo kwivuza.

Inzego bireba zikwiye kunoza imikorere ya serivisi z'ubwisungane mu kwivuza ndetse n'ibirebana no kubona imiti ku bakoresha ubu bwisungane. Hakwiye kandi ingamba zigamije gukemura ikibazo cy'umubare udahagije w'abaganga n'abaforomo ku bitaro no ku bigo nderabuzima kuko bibangamiye imitangire ya serivisi.

## 2.1.4. Serivisi zo gukwirakwiza amazi

- KUTABONEKA KW'AMAZI

Mu bice by'umujyi abaturage bagera kuri 49% banenga kuboneka kw'amazi naho mu cyaro abanenga ni 34%.

- INTERA NDENDE IRI HAGATI Y'AHO ABATURAGE BATUYE N'AMAVOMERO

Mu bice by'icyaro 45% by'abaturage rurenze m500 bajya gushaka amazi naho mu mujyi abagera kuri 29% bakora urugendo rurenze m200 bagiye gushaka amazi.

- ABATURAGE BAMARA IGIHE KIREKIRE KU MIRONGO BATEGEREJE KUVOMA

Mu bice by'icyaro abaturage bagera kuri 34% bamara igihe kirenze isaha ku mirongo bategereje kuvoma, 6% muri bo bamara amasaha arenga atatu. Mu bice by'umujyi 20% bamara igihe kirenze isaha ku murongo bategereje kuvoma, 4% muri bo bamara igihe cy'amasaha atatu.

- IMIYOBORO Y'AMAZI YANGIRIKA IFATINDA GUSANWA

Mu miyoboro 364 RGB yagenzuye yasanze harimo igera kuri 35% idakora neza bitewe ahanini ni uko yangirika ntisanzwe ku gihe

- KUTUBAHIRIZA IBICIRO BYASHYIZWEHO NA RURA NO KUTABIMENYA


Mu isuzuma ryakozwe na RGB kuri serivisi z'amazi, 73% by'abaturage babajijwe bagaragaje ko ibiciro by'amazi bishyirwaho na RURA bitubahirizwa, naho 54% by'ababajijwe bagaragaza ko batamenyeshwa ibiciro biba byaremejwe. Ibi bituma abaturage bishyura amafaranga arenze ayagenwe. RURA na WASAC bakwiye gushyira imbaraga mu kugenzura ko ibiciro byubahirizwa ndetse no gukoresha uburyo bwose bushoboka bwo kumenyekanisha ibiciro.

Inzego bireba zikwiye gufata ingamba zo gukemura ibibazo biri muri servisi z'amazi byavuzwe haruguru kuko bibangamiye imibereho myiza y'abaturage.

## 2.1.5. Urwego rw'ubutabera

Mu rwego rw'ubutabera abaturage bagaragaje ko kurangiza imanza ndetse no gukoresha ikoranabuhanga mu gutanga no gukurikirana ikirego aribyo bibazo biza ku isonga.

Ishusho 27: Uko abaturage babona serivisi zimwe na zimwe z'ubutabera




Aho byavuye: CRC 2019

Nk'uko bigaragazwa n'ishusho iri hejuru abaturage bagera kuri 23.88% bagaragaje ko batishimiye serivisi zo kurangiza imanza naho 21.45% ntibishimiye serivisi yo gukoresha ikoranabuhanga mu gutanga no gukurikirana ikirego. Abaturage bagaragaje ko hakiri imbogamizi mu gutanga ikirego hifashishijwe ikoranabuhanga bitewe n'uko ibikorwaremezo by'ikoranabuhanga bitaragera hose n'ubumenyi bw'abaturage ku ikoranabuhanga budahagije.

## 2.1.6. Imicungire y'imari n'umutungo bya Leta mu turere

N'ubwo Leta ikomeje gushyira ingufu mu kunoza imicungire n'imikoreshereze by'imari n'umutungo, haracyagaragaramo ibibazo nk'uko byagaragajwe na raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta ya 2019. Iyo raporo yagaragaje ko nta karere na kamwe kabaye nta makemwa mu micungire y'imari (clean audit report) mu gihe uturere 20 twagaragayemo ibibazo by'imicungire itanoze y'umutungo (qualified audit report).

Kimwe mu bitera imicungire mibi y'umutungo wa Leta mu turere ni imikorerere itanoze y'ibigo bitagenerwa ingengo y'imari n'itegeko (Non Budget Agencies-NBAs). Ibi nabyo bigaterwa ni uko muri NBAs inzego z'imicungire y'imari n'umutungo wa Leta (Public Finance Management System) zitubatse nk'uko bikorwa mu zindi nzego za Leta zigenerwa ingengo y'imari n'itegeko (Budget Agencies). Ni muri urwo rwego hakwiye kubakwa ubushobozi bw'izi nzego mu micungire inoze y'imari n'umutungo bya Leta.

## 2.1.7. Imicungire y'inkunga igenewe abatishoboye

Binyuze muri gahunda yo kwisuzuma no kwigiranaho yakozwe mu ntara eshatu (Uburasirazuba, Uburengerazuba, Amajyaruguru) hagaragaye amafaranga 6.128.391.988 yagurijwe abaturage muri gahunda ya VUP akaba yaratinze kwishyurwa naho amafaranga 2.355.638.521 yari akiri kuri konti z'imirenge SACCO aho guhabwa abagenerwabikorwa.

Hakenewe ingamba zo kwishyuza abahawe inguzanyo, gukurikirana imikoreshereze y'amafaranga yagenewe kugurizwa abaturage muri gahunda ya VUP no kongera ubushobozi bw'abaturage mu gutegura imishinga yakirwa inguzanyo muri iyi gahunda.

## 2.1.8. Imikorere ya za SACCO

### INYEREZWA RY'UMUTUNGO MU MURENGE SACCO

Isuzuma ryakozwe ku mikorere y'Umurenge SACCO ryagaragaje ko kuva aya amakoperative yashingwa kugeza mu Ukuboza 2018 hamaze kunyerezwa 2.115.600.500 Frw, muri ayo hamaze kugaruzwa 79.766.804 Frw ahwanye na 3.7%. Inzego bireba zigomba gukomeza gukurikirana abagize uruhare mu inyerezwa ry'uyu mutungo kugira ngo ugaruzwe. Hakwiye kwihutishwa ikoreshwa ry'ikoranabuhanga mu mikorere y'umurenge SACCO.

### BIMWE MU BIBAZO BIRI MU UMWALIMU SACCO


Isuzuma ryakozwe ryagaragaje ko mu gihugu hari amashami 30 yonyine y'Umwalimu SACCO, ni ukuvuga ishami rimwe ku rwego rwa buri karere. Ibi bituma abarimu batakaza umwanya munini bajya gushaka serivisi z'izi koperative. Isuzuma kandi ryagaragaje ko abarimu bigisha mu bigo byigenga badafatwa kimwe n'abo mu bigo by'amashuri ya Leta mu birebana n'inyungu ku nguzanyo, kuko abo mu bigo byigenga bahabwa inguzanyo ku nyungu ya 14% mu gihe abo mu bigo bya Leta bayihabwa ku nyungu ya 11%.

Ubuyobozi bw'Umwalimu SACCO bukwiye kwihutisha ikoreshwa ry'ikoranabuhanga mu rwego rwo koroshya imitangire ya serivisi no gutanga serivisi ku banyamuryango bose kimwe.

## 2.1.9. Ibibazo byo mu muryango

Umuryango ufatwa nk'ishingiro ry'iterambere ariko abaturage bagaragaje ko ubusugire bw'umuryango bubangamiwe n'ibibazo byiganjemo inda ziterwa abangavu, amakimbirane yo mu miryango, ubuharike no gutandukana kw'abashakanye.


Ikarita 4: Ikibazo cy'abangavu baterwa inda




Ikibazo cy'abangavu baterwa inda nicyo kiza ku isonga mu bihangayikishije umuryango, ni nako byari bimeze kandi muri CRC ya 2018. Hakenewe kongera imbaraga mu gukomeza kwigisha abangavu kwirinda ababashuka.

Ibindi bibazo bibangamiye umuryango biragaragara mu ishusho ikurikira.

Ishusho 28: ibindi bibazo byugarije umuryango




Aho byavuye: CRC 2019

Nk'uko bigaragara muri iyi shusho abaturage bagaragaje ko hakiri ibibazo byugarije umuryango bikeneye kwitabwaho n'inzego bireba kugira ngo umuryhango urusheho gutekana no gutera imbere.

### 2.1.10. Icyiciro cy'imiryango ishingiye ku myemerere

Haracyagaragara ibibazo n'amakimbirane bishingiye ku myigishirize n'imikorere itanoze muri imwe mu miryango ishingiye ku myemerere ibi bikaba bishobora kuyobya no kubangamira iterambere ry'abaturage. RGB n'abandi bafatanyabikorwa bazakomeza gukora ibishoboka byo se kugira ngo imyigishirize n'imikorere y'imiryango ishingiye ku myemerere bigire uruhare mu kubaka umunyarwanda no mu iterambere ry'igihugu.

### 2.1.11. Icyiciro cy'imitangire ya serivisi

Urwego rw'imitangire ya serivisi ni imwe mu nkingi zitezweho kwihutisha iterambere muri NST 1 aho biteganyijwe ko abaturage bagomba kuba bishimiye imitangire ya serivisi ku kigero cya 90% mu mwaka wa 2024. Nyamara, CRC 2019 yagaragaje ko igipimo cy'uko abaturage bishimiye imitangire ya serivise kiri kuri 70.4%. Ibi bivuze ko inzego bireba zikwiye gushyiraho ingamba kugira ngo iriya ntego izagerweho.

## 2.2. IBINDI BIKENEYE KWITABWAHO NK'UKO BYAGARAGAJWE NA RGS YA 6

| Ibikwiye kwitabwaho | Inzego bireba |
|---|---|
| Gushyiraho ingamba zirambye zo guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ikirere. | MoE, MININFRA, MINALOC, MINILAF, REMA |
| Kongera imbaraga mu ngamba zigamije guteza imbere umuco wo kuzigama hagamijwe kuzamura igipimo cy'ubwizigame nk'uko biteganywa na NST 1 | MINECOFIN, MINALOC, BNR, UTURERE |
| Kuzamura uruhare rw'umuturage mu iterambere, kuzamura imibereho y'abaturage ndetse n'umuco wo gukurikirana isohozwa ry'inshingano. | MINALOC, UTURERE |
| Kwita ku ireme ry'uburezi hagamijwe ubukungu bushingiye ku bumenyi | MINEDUC, REB, HEC, UTURERE |
| Kuzamura ikoreshwa ry' ikoranabuhanga mu mitangire ya serivisi . | MININFRA, RISA, IREMBO, UTURERE |
| Kunoza imicungire y'imari n' umutungo wa Leta mu rwego rwo kongera umusaruro hakoreshejwe ubushobozi igihugu gifite . | MINECOFIN, BNR |
| Gushyigikira ishyirwa mu bikorwa rya gahunda ya Made in Rwanda mu rwego rwo kugabanya ikinyuranyo kiri hagati y'ibyoherezwa n'ibitumizwa mu mahanga. | MINICOM, PSF |
| Kunoza ihuzabikorwa hagamijwe kongera umusaruro w'ubuhinzi no kuwongerera agaciro . | MINAGRI, NINICOM, RAB, NAEB, UTURERE |

3

# IGICE CYA 3: ISHYIRWA MU BIKORWA RY'IMYANZURO Y'INTEKO ISHINGAMATEGEKO

## 3.1. ISHYIRWA MU BIKORWA RY'IMYANZURO Y'INTEKO ISHINGA AMATEGEKO

Nyuma yo gusesengura raporo y'ibikorwa ya RGB y'umwaka wa 2017-2018 na gahunda y'ibikorwa y'umwaka wa 2018-2019, Inteko Ishinga Amategeko imitwe yombi yafashe imyanzuro isaba RGB kuyishyira mu bikorwa.

Imbonerahamwe igaragaza uburyo iyo myanzuro yashyizwe mu bikorwa:

| No | Umwanzuro | Icyakozwe |
|---|---|---|
| **Imyanzuro y'Inteko Ishinga Amategeko umutwe w'abadepite** | | |
| 1 | Gutanga raporo itanga amakuru yuzuye atuma uyisoma asobanukirwa neza uko ibibazo bivugwa muri raporo biteye, inkomoko yabyo n'icyakorwa | Muri raporo y'ibikorwa y'umwaka ya 2018/2019 RGB yatanze amakuru arambuye kurushaho itanga n'imigereka yafasha ukeneye amakuru yisumbuye.<br>Imigereka RGB yatanze ni iyi ikurikira.<br>- Rwanda Governance Scorecard 6$^{th}$ Edition<br>- Ishusho y'uko abaturage babona imiyoborere n'imitangire ya serivisi mu nzego zibegereye (CRC 2019)<br>- Service Delivery Assessment 2019<br>- Assessment of Service Delivery in water Supply Services, 2018-2019<br>- RGB assessment in the health sector, 2018-2019<br>- Governance Assessment 2018<br>- Impact assessment of the media sector reforms<br>- Peer Learning-Peer Review Report 2018-2019 |
| 2 | Kugaragaza muri raporo ibipimo-ntego (benchmarks) bishingirwaho mu gusobanura ibipimo bigaragazwa n'ubushakashatsi iba yakoze; | Muri raporo y'ibikorwa y'umwaka ya 2018/2019 RGB yagiye itanga ibipimo-ntego Igihugu kihaye (NST1 n'izindi gahunda z'iterambere ry'igihugu) ikabigereranya n'ibyo ubushakashatsi bwagaragaje ikanatanga inama ku cyakorwa ngo intego z'igihugu zigerweho.<br><br>**Urugero** : Muri NST 1 igihugu kihaye intego ko ikigero cy'uko abaturage banyuzwe na serivisi kigomba kizaba kiri kuri 90% mu mwaka wa 2024, CRC 2019 yagaragaje ko icyo kigero kiri kuri 70.9%. |
| 3 | Kugaragaza muri raporo aho inama cyangwa imyanzuro Urwego rwahaye inzego zagenzuwe ishyirwa mu bikorwa, ikabikora mu buryo bwerekana ikibazo cyatangiwe umwanzuro cyangwa inama, umwanzuro RGB yatanze n'uko umwanzuro cyangwa inama washyizwe mu bikorwa | RGB yakurikiranye uko bimwe mu bibazo inzego zagenzuwe zari zifite byakemutse hakurikijwe inama cyangwa imyanzuro izo nzego zari zahawe na RGB. Izo nzego zirimo inzego za Leta, imiryango itari iya Leta n'ishingiye ku myemerere.<br><br>**Inzego za Leta**<br><br>Buri mwaka RGB ikora igenzura ry'imitangire ya serivisi mu nzego za Leta. Inzego za Leta zari zaragenzuwe ku mitangire ya serivisi muri 2018 zashyikirije RGB raporo igaragaza uko zubahirije inama zagiriwe. Izo nzego zongeye kugenzurwa . Raporo y'Igenzura ry'imitangire ya serivisi ya 2019 igaragaza uko inzego zihagaze ugereranije n'umwaka wabanje. Raporo y'igenzura ku mitangire ya serivisi yatanzwe nk'umugereka kuri Raporo y'Ibikorwa ya RGB y'umwaka wa 2018/2019. |

<table>
<tr><td></td><td></td><td>Imiryango itari iya Leta n'ishingiye ku myemerere<br><br>Muri Raporo ya 2017/2018 RGB yari yagaragaje inama yatanze ku bibibazo byagaragara mu miryango itari iya Leta n'ishingiye ku myemerere ikurikira:<br><br>✓ SOS Children Village<br>Uyu muryango wari wagize ikibazo cy'imiyoborere idahwitse irangwa no gufata ibyemezo binyuranije n'amategeko awugenga. RGB yafashe icyemezo cyo guhagarika Komite yari iriho hashyirwaho Komite y'agateganyo , ihabwa inshingao zo gutegura amatora y'abayobozi bashya.<br><br>- Uko ikibazo cyakemutse<br>Amatora ya Komite nshya ya SOS Children Villages yarakozwe. Ibibazo by'imiyoborere muri uyu muryango byararangiye.<br><br>✓ IMBARAGA<br>Komite nyobozi y'uyu muryango yari yahagaritse Komite ngenzuzi mu buryo bunyuranije n'amategeko. Nyuma yo kugenzura ibibazo bishingiye ku miyoborere byagaragaraga muri uwo muryango, RGB yari yasabye kuvugurura amategeko agenga uwo muryango. Ibibazo byari muri uyu muryango byarakemutse.<br><br>✓ Amizero y'Ubuzima na WiR Fur Rwanda<br><br>Umuryango Amizero y'ubuzima wari wagiranye ikibazo n'umuryango mpuzamahanga ukorera mu Rwanda Wir Fur Rwanda, bishingiye ku mikoranire y'iyi miryango.<br><br>- Uko ikibazo cyakemutse<br><br>RGB yafatanije n'Intara y'Amajyepfo mu gukemura ikibazo mu nyungu z'abagenerwabikorwa.<br><br>Iki kibazo kikaba cyarakemutse burundu.</td></tr>
<tr><td>4</td><td>Kugaragaza buri gihe muri raporo uko imyanzuro y'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w' Abadepite ireba RGB ku isesengura rya raporo y'umwaka uheruka yashyizwe mu bikorwa</td><td>Muri Raporo y'ibikorwa ya 2018/2-19, RGB yashyizemo igice kihariye kigaragariza ishyirwamubikorwa ry'Imyanzuro y'Inteko Ishinga amategeko, imitwe yombi.</td></tr>
</table>

| | | |
|---|---|---|
| 5 | Gutandukanya gahunda y'ibikorwa n'imihigo, muri gahunda y'ibikorwa by'umwaka hakagaragaramo ibipimo ngenderwaho, ingengo y'imari, ingengabihe, inshingano z'Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere ibyo bikorwa byuzuza, uko byari bimeze (baseline) ndetse n'umusaruro utegerejwe. | Muri Raporo y'ibikorwa ya 2018/2019 RGB yagaragaje incamake ya gahunda y'ibikorwa ikubiyemo n'imihigo inatanga umugereka ugaragaza gahunda y'ibikorwa irambuye |
| **Imyanzuro y'Inteko Ishinga Amategeko umutwe wa Sena** | | |
| 1 | Gukora ubushakashatsi ku kibazo cyo kudahuza ibikorwa n'imikoranire hagati y'inzego | Haracyashakishwa ingengo y'imari yo gukora iki gikorwa |
| 2 | Kwihutisha ubushakashatsi ku bipimo bikoreshwa mu cyegeranyo "World Happiness Report" | RGB yasesenguye ibipimo bikoreshwa n'iki cyegeranyo inabishyira mu bushakashatsi bwa CRC 2019 kugira ngo igereranye ibitangazwa n'icyo cyegeranyo n'ibyo CRC igaragaza. Ikigaragara ikibazo World Happiness Report kidahagije mu kugaragaza uburyo Abanyarwanda bishimiye imibereho yabo aribyo bitera ikibazo. |
| **Ibyokozwe na RGB ku yindi myanzuro y'Inteko yashyikirijwe izindi nzego hagendewe ku kuri Raporo ya RGB** | | |
| | Kunoza imikorere n'imikoranire hagati y' Ihuriro ry' Abafatanyabikorwa mu iterambere ry'Uturere (JADF) n'urwego rw' Akarere mu gukurikirana ibikorwa bya JADF kugira ngo uruhare rwayo mu iterambere n'imibereho y'abaturage rurusheho kugaragara, bigakorwa bitarenze amezi atandatu (6). | Binyuze mu mushinga RGB iterwamo inkunga na DFID, kuri buri Ntara n'Umujyi wa Kigali hashyizwe umukozi ushinzwe gufasha kunoza imikorere ya JADF mu turere ( JADF Coaches) |

4

# IGICE CYA 4:
# GAHUNDA Y'IBIKORWA Y'UMWAKA 2019-2020

## 4.1. GAHUNDA Y'IBIKORWA BYA RGB MU MWAKA WA 2019-2020

Ibikorwa RGB izakora mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2019-2020 bikubiye mu byiciro bikurikira:

### 4.1.1. Ubushakashatsi ku miyoborere

Muri iki cyiciro, RGB izakora ibikurikira:

- Gukora RGS ya 7
- Gukora ubushakashatsi ku ishusho y'uko abaturage babona imiyoborere n'imitangire ya serivisi mu nzego zibegereye (CRC ya 2020);
- Gusesengura ibyegeranyo mpuzamahanga bivuga ku Rwanda
- Gukora isuzuma ry'umusaruro watanzwe na gahunda y'Ubwisungane mu kwivuza
- Gukora ubushakashatsi bugamije kwemeza gahunda nshya z'umwimerere nyarwanda wo kwishakamo ibisubizo.
- Kumenyekanisha ibyavuye muri RGS ya 6 mu nzego za Leta, iz'abikorera, sosiyete sivile n'abafatanyabikorwa mu iterambere (DPs) ndetse na CRC 2019 mu Ntara zose n'Umujyi wa Kigali no mu turere nibura 10.

### 4.1.2. Uburyo bw'umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo

Muri iki cyiciro hazakorwa ibikorwa bikurikira:

- Gukora filimi mbarankuru 4 n'inyandiko zivuga kuri gahunda z'umwimerere nyarwanda zo kwishakamo ibisubizo no kuzishyira ku rubuga rw'ikoranabuhanga (Digital Platform) hagamijwe kuzimenyekanisha;
- Kumenyekanisha gahunda z'umwimerere nyarwanda zo kwishakamo ibisubizo binyuze mu imurikabikorwa;
- Kwandikisha mu Rwanda gahunda 2 z'umwimerere nyarwanda zo kwishakamo ibisubizo, no gukurikirana iyandikwa rya gahunda 3 zatanzwe ku rwego mpuzamahanga;
- Gukurikirana ubushakashatsi bukorwa kuri gahunda z'umwimerere zo kwishakamo ibisubizo;
- Kumenyekanisha ibyavuye mu bushakashatsi kuri gahunda z'umwimerere nyarwanda zo kwishakamo ibisubizo;

### 4.1.3. Imitangire ya serivisi, kwimakaza imiyobore myiza, kwegereza abaturage ubuyobozi n'ubushobozi, Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu iterambere ry'Uturere (JADF)

Muri iki cyiciro, RGB izakora ibi bikurikira:

- Gukora ubukangurambaga ku mitangire ya serivisi binyuze muri gahunda ya "Nk'uwikorera";
- Kugirana ibiganiro n'abafatanyabikorwa ku mitangire ya serivisi;
- Gukora igenzura ry'imitangire ya serivisi zitangwa hifashishijwe ikoranabuhanga (online service score card);
- Kugenzura imitangire ya serivisi mu nzego n'ibigo bya Leta 20, mu bigo by'abikorera 10 no mu miryango itari iya Leta 20;
- Gukora igenzura ry'iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere binyuze mu kwezi kw'imiyoborere;

- Kugenzura imikorere n'imitangire ya serivisi mu nzego eshatu zihariye (Gutwara abantu mu buryo bwa rusange, uburezi na serivisi zihabwa abafite ubumuga);
- Kugirana n'abaturage ibiganiro bigamije kuzamura uruhare rwabo mu miyoborere n'imitangire ya serivisi mu turere 17 binyuze muri gahunda "Imiyoborere Twifuza";
- Kugirana ibiganiro n'abagize Inama Njyanama mu turere 11 hagamijwe kunoza imikorere n'uburyo Njyanama zegera abaturage;
- Guhuza ibikorwa by'amarushanwa y' Umurenge Kagame Cup(UKC) no gutanga ibihembo;
- Guhuza ibikorwa bya gahunda yo kugenzurana no kwigiranaho (PR&PL);
- Guhuza ibikorwa bya gahunda y'ubujyanama bugamije kunoza imikorere mu nzego z'ibanze;
- Kugirana ibiganiro n'urubyiruko rwiga muri Kaminuza n'Amashuri Makuru 10 hagamijwe kwimakaza amahame y'imiyoborere;
- Gutegura inama ziteganywa n'itegeko z'Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu iterambere;
- Kugenzura imikorere ya JADF(Monitor the functioning of JADF mechanism);
- Kongerera ubushobozi Ihuriro ry'abafatanyabikorwa mu iterambere (JADF) hagamijwe guteza imbere imiyoborere myiza n'iterambere ry'Akarere.

### 4.1.4. Kongerera ubushobozi Imitwe ya politiki, Imiryango ishingiye ku myemerere n'Imiryango itari iya Leta

Muri iki cyiciro RGB izakorwa ibi bikurikira:

- Kwandika imiryango mvamahanga itari iya Leta, Imiryango nyarwanda itari iya Leta n'Imiryango ishingiye ku myemerere yujuje ibyangombwa bisabwa
- Kurangiza gutegura imbanzirizamushinga y'amategeko abiri (INGOs na LNGOs) na politiki igenga imikorere ya sosiyete sivile
- Kongerera ubushobozi imiryango itari iya Leta n'ishingiye kumyemerere kugira ngo irusheho kugira uruhare mu kuzamura ubukungu n'imibereho y'abaturage.
- Kugenzura ko imikorere y' imiryango mvamahanga itari iya Leta, imiryango nyarwanda itari ya Leta, imiryango ishingiye ku myemerere n' imitwe ya politiki yubahiriza ibyo amategeko ateganya.

### 4.1.5. Guteza imbere urwego rw'itangazamakuru

Muri iki cyiciro, RGB izibanda ku bikorwa bikurikira:

- Gutera inkunga imishinga 10 y'ibitangazamakuru n'amashyirahamwe 3 y'abanyamakuru;
- Gutanga ibihembo ku nkuru n'ibikorwa 23 by'indashyikirwa mu kwimakaza ubunyamwuga no guteza imbere urwego rw'itangazamakuru;
- Gukora ibiganiro bigamije gukangurira ibitangazamakuru gukoresha neza ururimi rw'ikinyarwanda;
- Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'Imihigo y'IMPAMYABIGWI;
- Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'icyegeranyo cya 2018 cy'uko itangazamakuru rihagaze mu Rwanda (RMB 2018);
- Gutegura umunsi nyafurika w'itangazamakuru uba buri mwaka Tariki ya 7 Ugushyingo;
- Gukora ubukangurambaga bujyanye n'itegeko ryo guhabwa no gutanga amakuru;
- Kumenyekanisha ibyavuye mu bushakashatsi bugamije kugaragaza umusaruro wavuye mu mavugurura yakozwe mu itangazamukuru amaze imyaka itanu ashyirwa mu bikorwa;
- Gukora isesengura ku iyubahirizwa ry'ihame ry'uburinganire mu rwego rw'itangazamakuru.

## 4.1.6. Ubuyobozi n'imirimo rusange

Muri iki cyiciro hazakorwa ibi bikurikira:

- Gushyira mu bikorwa gahunda yo kongerera Urwego n'abakozi ubushobozi;
- Guhuza uburyo bw'ikoranabuhanga mu kwandika imiryango mvamahanga itari iya Leta, Imiryango nyarwanda itari iya Leta n'Imiryango ishingiye ku myemerere;
- Gushyira mu buryo bw'ikoranabuhanga ibyavuye mu bushakashatsi bukorwa na RGB (Digitilize RGB research findings);
- Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya gahunda yibikorwa n'iy'amasoko bya RGB;
- Gutegura ingengo y'imari ya RGB nk'uko bigengwa n'ingengabihe ya MINECOFIN;
- Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari y'umwaka 2019-2020;
- Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'Umugenzuzi Mukuru w'imari ya Leta
- Gushyira mu bikorwa ingamba zo kumenyekanisha ibikorwa bya RGB (Communication strategy);
- Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ingamba zo kwimakaza ihame ry'uburinganire muri gahunda n'ibikorwa byose bya RGB
- Kubaka ubushobozi bw'imiryango itari iya Leta mu rwego rwo kwimakaza ihame ry'uburinganire mu bikorwa byayo
- Gukurikirana ibipimo by'ihame ry'uburinganire muri gahunda z'imiryango itari iya Leta;
- Gushyira ahagaragara icyegeranyo kigaragaza intambwe u Rwanda rwateye mu myaka 25 rubikesha imiyoborere myiza

## 4.1.7. Gukora ibiganiro n'ubuvugizi ku miyoborere mu byiciro bitandukanye

- Gutegura ibiganiro n'inzego za Leta, abikorera, sosiyete sivile n'imiryango ishingiye ku myemerere n'abafatanyabikorwa mu iterambere.
- Gutanga no gutegura ibiganiro kuri Radiyo na Televiziyo mu rwego rwo kumenyekanisha ibikorwa bya RGB;

## 4.1.8. Ingengo y'imari ya RGB 2019/2020

| Ingengo y'imari ya RGB 2019/2020 | | |
|---|---|---|
| | **Ingengo y'imari itangwa na Leta** | ***2,083,069,484*** |
| 1 | Ubuyobozi n'imirimo rusange | *1,472,569,484* |
| 2 | Ibiganiro bigamije ubuvugizi, ubujyanama no guhana ubumenyi | *29,000,000* |
| 3 | Gahunda z'umwimerere zo kwishakamo ibisubizo | *100,000,000* |
| 4 | Imitangire ya serivisi, Imiyoborere myiza na JADF | ***114,000,000*** |
| 5 | Guteza imbere Imitwe ya politiki, imiryango itari iya Leta n'sihingiye ku myemerere | *182,000,000* |
| 6 | Guteza imbere urwego rw'itangazamakuru | *99,000,000* |
| 7 | Ubushakashatsi ku miyoborere | *86,500,000* |
| | **Ingengo y'imari ituruka mu bafatanyabikorwa** | ***1,177,126,786*** |
| 1 | DDAG | *221,082,228* |
| 2 | CSOs Strengthening Joint Programme | *677,958,334* |
| 3 | DFID JADF Project | *278,086,224* |
| Igiteranyo | | ***3,260,196,270*** |

5

# IGICE CYA 5:
# IMIGEREKA

1. Rwanda Governance Scorecard 6th Edition
2. Ishusho y'uko abaturage babona imiyoborere n'imitangire ya serivisi mu nzego zibegereye (CRC 2019)
3. Service Delivery Assessment 2019
4. Assessment of Service Delivery in water Supply Services, 2018-2019
5. RGB assessment in the health sector, 2018-2019
6. Governance Assessment 2018
7. Impact assessment of the media sector reforms
8. Peer Learning-Peer Review Report 2018-2019
9. RGB plan of action 2019-2020

# ABAFATANYABIKORWA

URWEGO RW'IGIHUGU RW'IMIYOBORERE

www.rgb.rw @GovernanceRw info@rgb.rw P.O Box 6819, Kigali